

Dr Desmond Ford

# Yesu wenyine

Iki gitabo cyashyizwe mu incamake na Ritchie Way

# YESU WENYINE

DR. DESMOND FORD

Iki gitabo cyashyizwe mu incamake na Ritchie Way

Uburenganzira bwo gukora ku gitabo © 2014 Desmond Ford

Uburenganzira bw'umwanditsi w'iki gitabo ni ubwanyiracyo. Ariko ishyirahamwe Good News Unlimited rifite icyicaro kuri Unit 7/55 York Road, Penrith NSW 2750, Australia, ryahawe uburenganzuira na nyiracyo.
Iki gitbo cyaboneka mu nzu y'ibitabo y'igihugu Australia
Ubwoko bw'igitabo: Iyobokamana/ Ubuzima bwa gikristo/iby'Umwuka
Igipapuro cy'inyuma: Darren Baker- Bare Graphics
Imiterere yacyo imbere: Gillian Ford
Cyakozwe na: Linda Ruth Brooks Publishing
Byashyizwe mu Kinyarwanda na: Munyaneza T. & Kayumba D.
Ikinyarwanda cyakosowe na: Jason Muhayimana

Ubasha kugezwaho iki gitabo binyuze muri
www.amazon.com booksellers, cyangwa okandikira:
Good News Unlimited
PO Box 973
Penrith NSW 2751Australia
email: admin@goodnewsunlimited.org.au

Iki gitabo ni impano itanzwe na Desmonf Ford hamwe na Good News Unlimited, gihawe abasomyi ngo kibafashe, kandi bagisangire n'abandi mu mwuka w'ikcyo Kristo yababwiye at, "Ushaka wese naze". Uzagisoma wese arasabwa nawe kwitangira nawe kwamamaza inkuru nziza ya Kristo.

*"Bubuye Amaso Ntibagira Undi Babona, Keretse Yesu Wenyine"* Matayo. 17:8 3

# IBIRIMO

1: YESU: IMANA MUNTU........................................................... 6
2: ISI MU GIHE CYA YESU: AHANTU, ABANTU N'IGIHE.......... 10
3: YESU ABATIZWA KUGEZA KU CYUMWERU CYA NYUMA . 14
4: YESU YINJIRANA INTSINZI YERUSALEMI ........................... 23
5: YESU YIGISHA UBUTUMWA BWIZA ABAGIRIKI .................. 26
6: URUBANZA RWA KRISTO KU IDINI RIBI .............................. 29
7: KRISTO AHANURA IBY'IMINSI Y'IMPERUKA........................ 32
8: YESU YOZA ABIGISHWA BE IBIRENGE ............................... 36
9: YESU ATANGA IFUNGURO RYERA...................................... 37
10: YESU ATI "NTIMUTINYE" .................................................... 39
11: YESU: ISOKO Y'IMIRIMO MYIZA ........................................ 41
12: UBUTUMWA BWA YESU BUHERUKA................................. 43
13: ISENGESHO RYA YESU RIHERUKA................................... 45
14: YESU I GETSEMANI........................................................... 46
15: YESU MU RUBANZA ........................................................... 53
16: YESU IMBERE YA KAYAFA ................................................ 55
17: YESU IMBERE YA PILATO.................................................. 57
18: YESU CYANGWA BARABA................................................. 59
19: YESU K'UMUSARABA ........................................................ 62
20: IBINTU BIRINDWI YESU YAVUGIYE KU MUSARABA ........ 65
21: ABANTU BARI BAZENGURUTSE UMUSARABA................. 70
22: IBYO TWAKWIGIRA K'UMUSARABA.................................. 72
23: YESU ARUHUKIRA MU MVA................................................ 77
24: IMVA YA YESU IRIMO UBUSA............................................ 78
25: YESU I GALILAYA................................................................ 80

# 1

# YESU: IMANA MUNTU

Umuntu ukomeye kurusha abandi bigeze kubaho mu mateka y'iyi si ni Yesu Kristo. Uyu munsi kimwe cya gatatu cy'abatuye isi bemera uwagabanyije amateka y'isi mo ibice bibiri- Mbere na Nyuma ya Kristo.

Ntidukwiye gukora ikosa ryo kugereranya Yesu n'abandi bantu bagiye bamenyekana mu by'Iyobokamana. Batandukanye nk'uko ijoro ritandukanye n'amanywa. Uzarebe mu Ikorowani (igitabo cy'idini ya Islam), ntuzigera ubonamo izina Mohammed. Uzarebe mu nyandiko za kera z'idini ya Budisiti, ntuzigera ubona izina rya Boudha. Ariko iyo usomye Bibiliya, cyane cyane isezerano rishya, usanga izina rya Yesu ku rupapuro rwose rugize icyo gitabo, ndetse rimwe na rimwe ukaribonaho inshuro zirenze imwe. Umwanditsi ukomeye witwa Thomas W. G, yaranditse ati, "Itorero rya gikiristo niyo myizerere yonyine ishingiye ku wayishyizeho".

Ite kuri ibi: Kristo ni we muntu wabayeho wavuze ko ari Imana, kandi yahamijwe n'ab'igihe cye ko atari umusazi igihe yabivugaga. Ibyo yakoze birenze ibyakozwe n'undi wese wabayeho. Socrate (umucurabwenge wabayeho mu myaka mike mbere ya Yesu), yigishije imyaka mirongo ine yose, Aristote nawe nuko, uwitwa Platon we yigishije imyaka irenga mirongi itanu, ariko ibyo bakoze n'icyo byamariye abantu byose ubiteranyije ntibyahwana n'ibyo Kristo yakoze mu myaka itatu yonyine yigishije hano kw'isi. Nta wundi mwigisha wigeze abasha kurinda inyigisho ze n'ibyo avuga ngo bibe ibifite umumaro gusa, Kristo nta jambo na rimwe yigeze avuga ridafite agaciro, kandi ibyo yavuze bihoraho, kandi byageze ku isi yose, ku bantu bose, abakomeye n'aboroheje.

Hari undi mwigisha wigeze avuga ko inyigisho ze zizahoraho iteka ryose? Yesu yaravuze ati: "Ijuru n'isi bizashira, ariko amagambo yanjye ntazigera ashira" (Mat. 24:35), kandi buri munsi tubona ibyo yavuze bisohora. Buri gisekuru kibona mu nyigisho za Kristo ikintu gishyashya kizima kandi gifite icyo kivuze mu kubaka ubuzima bw'iby'Umwuka.

Iyo turebye mu bihe byose byabayeho, inyigisho za Kristo zagiye zifashishwa n'ibihugu byinshi, ndetse n'amashyirahamwe atari amwe mu gushyiraho amategeko abigenga, amagambo ye yagiye yifashishwa mu guca imigani, amadini yagiye ayifashisha mu gushyiraho imirongo ngenderwaho n'andi mahame menshi ashingira kubyo Kristo yigishije. Kristo yavuze andi magambo yerekana ko yari azi uburyo ibyo yavuze byajyaga guhindura byinshi mu mateka. Nta wundi mwigisha wigeze akora ibyo. Reba ukuntu yavuze ati, "Ndi umucyo w'isi. Unkurikira wese ntazagenda na hato mu mwijima, ahubwo azaba afite umucyo w'ubugingo" (Yoh. 8:12). Iyo ibi bintu biza kuvugwa n'undi muntu uwariwe wese, byari kwitwa ukwiyemera

cyangwa ukwivugaho ibinyoma. Nta wundi muntu wigeze agirira isi yose akamaro, ni Yesu wenyine.

Ibaze mu by'ubuhanga, mu ndirimbo, mu buvanganzo, mu mateka, mu bikorwa by'ubugiraneza, mu bukorerabushake, no mu bikorwa by'impuhwe, byose turamutse dukuyemo ibyakozwe na Kristo, cyangwa nibura ibimwerekeye, mbega ukuntu byasigaramo ubusa!

Yesu yaravuze ati, "Nimanikwa hejuru y'isi nzireherezaho abantu bose" (Yohana 12:32). Iyi mvugo yerekana ko ubuzima n'ubumwe bw'ubu Kristo bikwiye gushingira ku muntu atari ku magambo. Kandi uyu muntu bishingiraho ni wa mubaji w'iNazareti. Akenshi dukunze kubona amashyirahamwe n'amadini bishingiye ku myizerere, atari ku muntu. Ibi bihabanye cyane n'ubu-Kristo! Umutima w'ubu-Kristo ntabwo ari urwunge rw'amahame, ahubwo ni umuntu – Yesu Kristo.

Iyo twibutse abantu bakomeye bagiye babaho mu mateka y'iy'isi, bidutera kumva tububashye ndetse cyane, ariko ntitwumva tubakunze birenze. Reba ukuntu Mose yakoze ibintu bikomeye, Dawidi, Sokarate, Plato, n'abandi benshi bagaragaye mu binyejana byinshi bishize. Nta numwe muri bo wigeze agera ku rwego rwa Kristo.

Tekereza ukuntu Kristo yavuze ko azashyiraho itorero rihoraho nubwo rizaba ribonekamo imbuto mbi, cyangwa ifi mbi (Mat. 16:18; 13:37-40, na 47-50). Hanyuma utekereze n'imbaraga atanga igomba gukomeza abagabo n'abagore mu murimo w'ubutumwa bwiza bugomba kubwirwa bose, kugeza ku mpera y'isi ( Mat. 28:19-20 n'ibyakozwe n'intumwa 1:8). Mu babayeho bose mu mateka y'isi nta numwe wigeze avuga ibyo yendaga gukora mu bihe bishyize kera.

Tekereza kubyo uyu mugabo w'i Nazareti yivuzeho, umuntu wagaragariraga ab'igihe cye nk'umukene n'umunyambaraga nke ukurikije uko abantu bamufataga.

Yivuzeho ibi bikurikira:

1. Yuko ubushobozi bwose bw'ijuru n'isi yabuhawe. Mat. 28:18
2. Yuko afite ubushobozi ku byaremwe byose. Mariko 4:39,41
3. Yuko Abamarayika bo mu Ijuru ari abe. Mat. 16:27
4. Yuko abantu bagomba kumukunda kurenza imiryango yabo, cyangwa uko bikunda ubwabo. (Mat. 10:37,38; Luka 14:26)
5. Yuko ariwe mukiza w'isi yose. (Luka 19:10)
6. Yuko ababarira ibyaha. (Mat. 9:2)
7. Yuko ari we uzacira ab'isi urubanza (Mat. 25:31-46)
8. Yuko yabayeho mbere ya Abraham kandi ko yahoranye na Se isi itararemwa. (Yoh. 8:58; 17:5).

Ibyo Kristo yivuzeho ntibyigeze bihindurwa n'ibibazo bikomeye yanyuzemo. Ku musaraba yakomeje kwitwara nk'Umwami uhoraho, yatanze ijuru ku wihannye, kandi mw'ijwi rituje asabira abamubambaga imbabazi.

Tugereranije, uburyo busanzwe twasobanuramo Kristo, nuko yari umuntu udasanzwe, kuko niba yarabaye mwiza, agomba kuba yari Imana, nkuko yabivugaga, kuko umuntu mwiza ntashobora kwitaka, cyangwa kwivugaho ibinyoma. Yoh. 14:8---

Igihe yavugaga icyamuzanye kw'isi, Yesu yagize ati: "Umwuka w'Uwiteka ari kuri Jye, kandi yansize amavuta kugirango mbwirize ubutumwa bwiza ku bakene, yantumye kubwira imbohe ko zibohowe, kubwira impumyi ko zihumuwe, no kubohora ibisenzegeri"(Luke 4:18). Uwo niwo wari umurimo we. Yagendaga akiza kandi abohora abo satani yatwaje igitugu. Ahantu yanyuraga hose muri uwo mugi, nta muntu wasigaraga aniha umubabaro w'uburwayi, kuko yasigaga bose abakijije. Urukundo, imbabazi n'impuhwe, byagaragariraga muri buri gikorwa cyose yakoraga. Abakene, abatindi, n'impezamajyo ntibagiraga ubwoba bwo kumwegera. Ndetse n'abana bato ntibatinyaga kumwegera. Bahoraga bamwurira ndetse bakanezezwa no kumukoza ibiganza mu maso. Yesu ntiyigeze areba nabi, nta jambo ritukana cyangwa rikanga abantu ryigeze riva mu kanwa ke. Abafite imitima yoroshye ntiyabakomeretsaga. Ntiyigeze aciraho iteka abanyantegenke. Yahoraga avuga ukuri, ariko iteka akavugira mu rukundo. Yangaga uburyarya, kutizera, n'icyaha. Amarira yabaga yumvikana mw'ijwi rye, kuko yariyibagirwaga, agahora ahangayikiye abandi. Buri mutima wose wari uw'agaciro mu maso ye. Kristo niwe muntu wigeze abaho atekereza iby'ubuzima bw'abandi kurusha uko yitekerezagaho we ubwe muri Bibiliya yose. (kugana Yesu p.11-12).

1. Yitwa Adamu wa kabiri (Roma 5:14; 1 Korinto 15:45) kuko nkuko Adamu wa mbere yagombaga gukomokwaho na benshi, n'umusaraba wa Kristo wateye ko abakomoka kuri Kristo baba benshi ndetse we yabahaye ubugingo buhoraho.
2. Yakobo yeretswe iby'urwego rwavaga kw'isi ruzamuka rujya mu ijuru (Itang. 28:12). Yesu yavuze ko ariwe rwego ruhuza umuntu w'umunyabyaha n'Imana. Yoh. 1:51
3. Bene se wa Yosefu buzuwe n'ishyari, bamugurishije mu bucakara, nyamara Imana ikoresha ubwo bugambanyi ngo ikize umuryango we. (Itang. 45:5). Niko na Kristo yagurishijwe ku banzi be ndetse agambanirwa kubwo kwifuza kwa Yuda, ariko acungura isi. Nkuko Yosefu yabaye Umwami mu maso ya bene se, niko na Kristo yabaye Umwami w'isi yose.
4. Mose yavuze yuko Umucunguzi w'isi yendaga kuba nkawe ( Gutegeka 18:18). Mose akura Israel muri Misiri, yagereranyaga Kristo wazaga gukiza abantu be ububata bw'icyaha.
5. Ijambo ry'igiheburayo "Joshua" risobanura mu kigiriki Yesu. Nkuko Yosuwa yatsinze abanzi bose ba Israyeli, kandi agahesha ubwoko bwe igihugu Kanani, niko Kristo yatsinze abanzi ba Israeli kandi aduhesha gutaha Kanani yo mu ijuru.

6. Samusoni wishe abantu benshi mu rupfu rwe kuruta abo yishe bose akiriho, agereranywa na Kristo wageze ku ntsinzi ikomeye mu rupfu rwe kuruta iyo yigeze agira mbere y'urupfu rwe.
7. Dawidi ashushanywa na Kristo, kuko Kristo yitwa Dawidi muri Hoseya 3:5, kandi byari byarahanuwe yuko Kristo azicara ku ntebe ya Dawidi. Yesaya 9:7.
8. Kandi nkuko Salomo yubatse urusengero rw'Imana mu mahoro (1Abami 6:7), Yesu nawe yubatse urusengero rw'Umwuka, yubatse itorero kandi mu mahoro, nta ntambara zabayeho, yagiye mu mahoro.
9. Iminsi itatu Yona yamaze munda y'ifi, ni nayo minsi Kristo yamaze mu mva. Matayo 12:40.
10. Nkuko umutambyi yinjiraga ahera cyane rimwe mu mwaka, ajyanye amaraso y'amatungo ngo atambire ibyaha by'ubwoko bwe, ni nako Kristo yinjijwe ahera cyane n'amaraso ye bwite kugirango atambire ibyaha by'isi yose. Abaheburayo ibice uhereye kuri 7–10.

Mu bice bya mbere by'ubutumwa bwiza uko bwanditswe na Yohana Yesu yavugaga ku bagiye ba mubanjirije bose bashushanya we ubwe wendaga kuzaza. Avugamo urwego rwa Yakobo, akavugamo urusengero, inzoka yacuzwe mu muringa, amazi yaturutse mu rutare, Manu, n'inkingi y'umucyo, n'ibindi.

# 2

# ISI MU GIHE CYA YESU: AHANTU, ABANTU N'IGIHE

## 2.1 Palestine

Palestine iherereye mu majyepfo y'uburengerazuba bw'ahantu mu bumenyi bw'isi (géographie) bita "Ubutaka burumbuka" ni agace k'ubutaka gahuza ikibaya cya Eufurate na Tigre, bigahura n'ikibaya cya Nile. Ni ubutaka buhuza umugabane w'Uburayi n'uwa Afurika, bukanahuza Asiya na Afurika.

Imipaka y'igihugu cya Isirayeli yari ubutayu, udusozi twa Yordani, ikibaya cya Yordani mu burasirazuba, ubutayu bunini kandi buteye ubwoba bwo mu majyepfo, inyanja ya Mediteraniya mu burengerazuba, n'imisozi ya Lebanoni mu majyaruguru.

Igihugu gifite kilometero 225 z'uburebure, kikagira ubwaguke bwa kilometero 40 mu majyaruguru, n'ubwaguke bwa kilometero 130 mu majyepfo. Ibyuzi, utugezi duto, imigezi, ibiyaga, n'amazi y'imvura nibyo byatumaga iki gihugu kigira uburumbuke n'umusaruro mwinshi mu gihe cya Kristo. Cyari igihugu gikize ku biti, kandi kizwi cyane ku mbuto nyinshi kandi nziza. Uburo n'ingano, inkeri n'umukomanga (pomegranates) nibyo byari ibihingwa bikomeye byaharangwaga.

Ikibaya cya Yorudani ni kuri metero 208 munsi yaho amazi agera ku nyanja ya Galileya na metero 403 ku nyanja bita inyanja ipfuye, ni nayo mazi ari hasi cyane mu rwego rw'isi. Ku rundi ruhande Yerusalemu iherereye ku birometero 24 uvuye ku nyanja ipfuye na kilometero 54 uturutse kuri mediteraneya, ifite ubutumburuke hejuru y'amazi bungana na metero 683 kandi rimwe na rimwe iba ifite urubura. Amoko arenga ibihumbi bitatu by'ibihingwa bitandukanye byabonetse muri palestine. Bitewe n'ubutumburuke, ikirere cyaho ndetse n'ubutaka, ibihingwa byo mu misozi, mu butayu cyangwa ibyo mu gace ka mediterane bishobora kuhera. Mu gihe igice kinini cy'umwaka ipamba iba itari kwera, mu gihe cy'urugaryi, biba byameze cyane mu biturage hose hatatse uburabyo bwaryo. Kera cyane intare, ibirura n'amasatura byababaga cyane muri Palestine. Uyu munsi uhasanga amoko y'inyamaswa z'inyamabere bugera kuri 113, ushobora kandi kuhabona amoko 348 y'inyoni, amoko 90 y'ibikurura inda hasi, ndetse n'amoko asaga 40 y'amafi.

Yerusalemu ihagaze ahantu hatoya hazengurutswe n'imisozi. Ku buryo bamwe bakundaga kuhita "Umugi w'imisozi irindwi". Uburebure bwayo bwagarutsweho mu byanditswe byera, kandi abagenzi babavuga ngo "abazamuka Yerusalemu."

Ubu Yerusalemu ni umwe mu migi ikomeye ku isi. Yagiye isenywa ikongera ikubakwa kurusha indi migi myinshi yo ku isi. Kuko ibisigazwa byasigaraga imaze gusenywa byifashishwaga hubakwa umusingi wo kongera kuhubaka, umugi Kristo

yatembereye uherereye nko kuri metero enye gusa aho abakerarugendo birirwa batemberera ubu ngubu.

Nazareti aho Kristo yabaye igihe cye kinini akiri mutoya, ni umwe mu migi kuri ubu myiza cyane. Uherereye mu misozi mitoya haruguru gatoya ya Megido, mu gice cy'inzira kiri hagati y'inyanja ya Galileya kugeza ku nkengero za Mediterane. Umuntu ashobora guturuka muri uwo mugi akagera kuri Mediterane mu masaha arindwi gusa, mu masaha atanu gusa yaba ageze ahitwa Tiberi ku nyanja ya Galileya, akaba ageze i Yerusalemu mu minsi itatu yonyine. Inyuma y'uwo mugi hari agasozi gafite metero zirenga 152 z'uburebure. Umuntu iyo agahagazeho abona ibyiza byinshi bitatse iy'isi kuko haritegeye cyane. Umuntu abona imisozi y'i Galileya, ukabona umusozi Karumeli, ukabona inkengero z'i Tiro, n'amazi meza atemba ya Mediterane kugera mu burengerazuba, mu burasirazuba ho umuntu aba abona amashyamba ya Tabor, ukabona ibisiza by'ahitwa Esidaraloni ahagana mu majyepfo. Nta gushidikanya Kristo akiri umwana yajyaga yibuka ibi bintu biremwa, akanibuka uko yabibonaga bitararemwa.

### 2.2 Abantu bo muri Palestine

Haciyemo imyaka magana ane hagati y'igitabo cya nyuma cy'isezerano rya kera no gutangira kwandika ku isezerano rishya. Muri ibyo bihe, hari ibintu byinshi byahindutse muri Palestine. Ururimi rw'abayuda rwarahindutse, imico mishya, ibitekerezo bishyashya, ndetse havuka n'imiryango itandukanye.

Muri politike yabo hahindutse byinshi. Bitewe nuko bari bavuye mu buhungiro muri Babuloni, abatambyi bakuru nibo bayoboraga igihugu, abaroma baje bahindura byose, noneho bashyiraho ugomba kubayobora utari umutambyi, himikwa uwitwa Herode ukomeye, yimikwa I Yerusalemu akaba yari igikoresho cy'ubwami bw'Abaroma.

Noneho Palestine bayiremamo uduce twinshi twayoborwaga nabo bitaga abami batoya. Hariho inteko (Sanhedrin) yabaga ishinzwe gushyiraho amategeko, ariko ububasha babuhabwaga na Roma, urusengero (temple) nirwo rwakorerwagamo imihango yose y'idini, ariko icyari gifite agaciro cyane twari udusengero duto (synagogue), twabagaho hose aho abayuda babaga. Tuzirikane ko abayuda bari bagize icumi ku ijana (10%) y'abari batuye isi, ariko bakomeye kurusha umubare wabo.

Abatambyi babaga barenga ibihumbi kandi bakibona nka abatoni b'abaturage. Abantu benshi ntibashoboraga gusoma igiheburayo, kereka abigisha (rabbi). Abantu babaga bakomeye mu by'Iyobokamana bari Abafarisayo. Aba bakomeraga cyane ku mihango ya kera, bakumva ko bakunda igihugu cyane. Benshi muri bo bumvaga ko ari abatoni b'ijuru, ndetse bakanasuzugura abandi bantu basanzwe? bakanavuga ko badakwiriye agakiza.

Abafarisayo bari bafite imihango n'inyigisho zitanditse muri Bibiliya. Abanditsi benshi bari abafarisayo, kandi bigaragara ko bishimiraga kwikoreza abantu imitwaro nabo ubwabo badashobora kwikorera. Bashyizeho amategeko adasanzwe yerekeye isabato, amategeko akomeye cyane, kandi byose bakabikora bashyira inyungu zabo imbere: barebaga ku kuza kwa Mesiya.

Hari abandi rero bari batandukanye n'abafarisayo, bo bitwaga abasadukayo, bo ntibemeraga bimwe mu nyigisho za kera, bagashaka kugendera mu buzima bworoheje. Bivangaga n'abatari abayuda, bakihuza n'imico y'abagereki, ndetse ntibemeraga umuzuko. Bari bakize cyane kurusha abafarisayo n'abanditsi, abasadukayo basuzuguraga cyane abo batanganya umutungo. Muby'ukuri aho kugirango Kristo abone igihugu gishingiye ku bahanuzi ba kera, Kristo yabonye igihugu cyuzuyemo imigenzo y'abantu no gucirirana imanza. Uyu wabaye umusozi yifuje kujugunya mu Nyanja.

## 2.3 Igihe

Intumwa Paulo yavuze ko, "Yesu yaje igihe gikwiriye gisohoye"Galat. 4:4, na Mariko mu gice cya mbere yavuze ko amagambo ya Yesu aramutsa isi yari, "Igihe kirasohoye" (Mark.1:15).

Hari ibihamya bigaragaza ko mbere yo kuza kwa Kristo, abigisha benshi mu binyejana byinshi bari baravuze ko hari umwigisha ukomeye wendaga kuzazana igihe gishya. Abanditsi bagiye bandika ko ubwo buhanuzi ari nabwo bwagiye bubonekera mu nyandiko z'Abaroma mbere y'uko ubukirisitu butangira. Bimwe mu by'ingenzi byagaragaye mu nyandiko za Plato wavuze kuby'urupfu ruteye ubwoba rwajyaga kuba ku muziranenge.

Uwitwa Vilgil yanditse ku kuza k'umwana udasanzwe, ariko Plato, uwabanjirije Virgil imyaka myinshi, we yavuze ku rupfu rwa Messiya ku musaraba. Amaze kuvuga iby'umukiranutsi wazaga kubaho ubuzima bworoheje kandi bwera, Plato yavuze ko uwo mugabo azashinjwa kuba umuntu mubi kurusha abandi bose hanyuma agakubitwa, akarenganywa, akazirikwa, bakamumena amaso, hanyuma y'ibyo byose akamanikwa, cyangwa akabambwa ku musaraba.

Mesiya wari warategerejwe igihe kirekire, yaje kuvuka mu gihe nta byiringiro byari bikiri mu bantu. Abantu bakikije Mediteraneya bose bari baraguye mu mworera wo kwihugiraho no kubura ibyiringiro, kandi byasaga nkaho nta nzira yari ihari yo kubisohokamo. Hariho muri icyo gihe abantu basaga miliyoni mirongo itandatu, bari mu bucakara bw'Abaroma, kandi aba bantu bari igice kinini cy'abari batuye isi muri icyo gihe. Kandi ahari ubucakara, ubuzima bw'abantu bamwe nta gaciro buhabwa nkuko bikwiye, nta mpuhwe zigirirwa abari bababaye. Abantu bariho biyahura, gushyingiranywa n'umuryango nta gaciro byari bifite, Iyobokamana yari ishingiye ku kwizera imbaraga zidasanzwe zitanasobanutse, n'ubucurabwenge

(philosophie) byari bisigaye ku kwinezeza, ntamuco usigaye mu bantu. Isi yari yiteguye Mesiya.

Roma yatanze agahenge k'intambara (Pax Romana), koroshya ibyo kugenda, gukoresha ururimi rumwe ikigereki (Koine Greek), guhangayika kwa buri muntu ku giti cye byatumye abagabo n'abagore batekereza cyane ku hazaza habo (imperuka y'ubuzima), gutatana kwa Abayuda n’ibyanditswe byera byabo - ibi byose byaharuraga inzira yo kuza k’umukiza Yesu, azanye inkuru nziza.

Ubuhanuzi bwa Mesiya muri Daniel 9:24-27 bwari nk'isoko ikomeza abari bahanze amaso ukuza k’uwasezeranyijwe. Bwagaragaje ko mu myaka igera muri magana atanu Abayuda basubiye i Yerusalemu, bavuye mu bunyage i Babuloni, uwasezeranyijwe bari bategereje yajyaga kuza.

# 3

# YESU ABATIZWA KUGEZA KU CYUMWERU CYA NYUMA

### Kuvuka kwe no kubatizwa kwe

Mu kiraro hari uwo isi yose yari yaburiye icyumba. Yari yambaye ubusa kandi nta bufasha afite, akunzwe cyane, ariko kandi akanangwa birenze urugero. Ni nako byajyenze i Kaluvari.

Nubwo ijuru ryagaragaje ko rimushyigikiye ribihamisha inyenyeri iyobora, umwami Herode yagerageje kumwica aranabitegura. Ku musaraba, ijuru ryerekanye uburyo Yesu atari umuntu usanzwe, isi icura umwijima amasaha atatu yose, nyamara ntibyahinduye abamubambaga. I Beterehemu, abanyabwenge bazaniye Yesu ibihumura, kandi ni nabyo byasizwe umubiri we amaze gupfa.

Ni ukuvuga ngo iminsi ya mbere ya Yesu yo kw'isi yatangaga ibimenyetso bike nibura byerekeza ku rupfu rwe. Usibye kuba Yesu yarabayeho nk’umubaji, tuzi bicye cyane ku buzima bwe bw’imyaka mirongo itatu hano kw’isi.

### Yesu Abatizwa

Abatizwa, Yesu yafashije hasi ibyo yakoraga by'ubucuruzi bw'ibibazanyo, hanyuma atangira umurimo wajyaga kumara imyaka itatu yonyine: Igihe cy’umwijima, igihe cyo gukundwa na benshi, n’igihe cyo kugira abamurwanya bashishikaye.

Nyuma yo kubatizwa, Kristo yajyanywe n'Umwuka mu butayu kugeragezwa n’umwanzi (Mariko 1:12-13). Ibyumweru bitandatu birangiye atarya, satani amwegera afite ibishuko bitatu bikomeye. Ntabwo umwanzi yamugeragereshеje ibya kamere y’inyantege nke (nk’ubusambanyi), kuko ntayo yari afite. Ahubwo yamugeragereshеje ibyo afitiye ubushobozi n’imbaraga (guhindura amabuye umugati mwiza uryoshye agakira inzara yari afite). Nyamara Yesu wishushanije natwe, yanze gukoresha imbaraga ze nyinshi kugira ikintu cyose yakora ku nyungu ze bwite.

Nkuko Yohana yabivuze, umwaka wa mbere w'umurimo wa Yesu yawumaze muri Yudeya. Niho yahamagaye intumwa ze za mbere, atunganya urusengero, anahagirira ikiganiro yagiranye na Nikodemu ari n'ijoro.

### Igitabo cya Yohana

Mu bitabo bine byanditse ku nkuru za Yesu, icya Yohana nicyo cyimbitse cyane muby'umwuka. Mu gihe ibitabo bitatu bibanza (Matayo, Mariko, na Luka) byandikirwaga Abayuda, Abaroma n’Abagiliki, igitabo cya Yohana cyo cyandikiwe itorero.

Yohana yakoresheje ubuturo bwera bw’abayuda - igicaniro cy'ibitambo, igikarabiro, ameza y’imitsima, igitereko cy' izahabu cy’amatabaza arindwi, igicaniro cy'ibihumura, umwenda w’izahabu ukingiriza ahera cyane, isanduku y’isezerano yabagamo amategeko cumi y’Imana - ibi byose Yohana yarabyifashishije yandika ubutumwa bwe.

Yohana atangirira ubutumwa bwe kuri Yohana umubatiza igihe yabonaga Yesu akamutunga agatoki ati: “Nguyu ukuraho ibyaha by’abantu” (Yohana 1:29). Yesu yari intama yagombaga kwitamba kubw’ibyaha by’abari ku isi.

Noneho Yohana abanza atwereka igikarabiro agira ati, “Nta numwe ubasha kwinjira mu bwami bw’ijuru keretse abyawe n’amazi ndetse n’Umwuka” Yohana 3:5. Agakurikizaho ameza y’imitsima abikuye ku magambo Yesu yivugiye ati, “Ndi umutsima w’ubugingo” Yohana 6:35. Agakomeza anerekana uburyo Kristo ari we mucyo w’ukuri, “Ndi umucyo w’isi” Yohana 8:12.

Kandi nk'uko umubavu watwikwaga ukarenga umwenda ukingirije ahera cyane ugahumurira Imana, niko n’amasengesho dusenga mu izina rya Yesu azamuka imbere y’Imana, (Ibyahishuwe 8:3-4). Yesu yaravuze ngo icyo muzasaba cyose mu izina ryanjye nzagikora, (Yohana 14:13-14).

Mu bice 18 na 19 bya Yohana byerekana Kristo nk'umwenda w'izahabu utwikira isanduku uminjiriwe amaraso y’igitambo cye.

Twongera kubona Yohana yerekana agaciro k’ibitangaza birindwi byakozwe mbere y’umusaraba. Ibi byerekana imbaraga ya Kristo ihindura mu buzima bwacu. Muri bino bitangaza tubonamo guhinduka; kuva mu mubabaro ujya mu munezero, kuva mu burwayi ujya mu buzima, kuva mu bumuga ujya mu mbaraga zidasanzwe, kuva mu bihe by’inzara ukajya mu bisagutse, kuva mu gahinda ujya mu mahoro, kuva mu mwijima ujya mu mucyo, kuva mu rupfu ujya mu bugingo.

Muri bino bitangaza Yesu yakoze, tuhabona isura y’impinduka igaragara mu mibereho y'abiyeguriye Kristo, abemera kumusanga.

Ibi bitangaza birerekana imbaraga za Kristo ku kibazo icyaricyo cyose. Niwe Mana yongera agaciro, (yahinduye amazi divayi), n'Imana ishobora gutubura ibintu bikaba byinshi (yagaburiye abantu ibihumbi bitanu, ukongeraho abana n'abagore, ndetse biranasaguka, akoreshe udufi tubiri n'utugati dutanu), ni Imana y'igihe (yakijije umugabo wari umaze imyaka mirongo itatu n'umunani arwaye), ni Imana ikorera hafi na kure (igihe yari i Kana yakijije umuhungu wari ahitwa Kaperinawumu), ni Imana itegeka ibyaremwe (yaturishije inyanja i Galileya), ni Imana itanga amahirwe (yahumuye uwavutse ari impumyi), kandi ni Imana itegeka ubuzima ndetse n'urupfu (yazuye Lazaro mu bapfuye). Ibi bitangaza birerekana ko ibintu byose biri munsi y’ubushobozi bwa Kristo.

Ingingo y'ingenzi kuri buri umwe muri twe nuko ijambo rya Kristo rirema bundi bushya, rifite ububasha n'imbaraga nkaho yaba ahibereye n'ubwo tutamubona. Twabonye ko n'ubwo atiriwe akora ku mazi mu bibindi by'i Kana, Kristo yahinduye amazi divayi akoresheje ijambo gusa. Nyuma yavugiye ijambo i Kana, akiza umwana wari i Kapernawumu. Iryo jambo rye ninaryo yakoresheje azura uwari wapfuye. Iryo jambo n'ubu riracyahari ngo rikore igitangaza cy'agakiza mu mutima wa buri wese wambaza Kristo kabone n'ubwo yaba ari umunyantege nke mu kwizera ariko agahitamo kwiyambaza Kristo yizeye.

Umwanditsi James Stalker avuga ko ibitangaza Kristo yakoze dusoma muri Yohana, abyita ibimenyetso. Igihe yakizaga uwavutse ari impumyi cyari ikimenyetso cy’uko ashobora no gukiza uwahumye kurushaho - uwahumye mu by'umwuka. Igihe yazuraga abapfuye ni ikimenyetso cyerekana ko ashobora kuzura n'abapfuye muby’umwuka. Ubwo yakizaga umubembe, byerekanaga ko ashoboye kudukiza ububembe bw'icyaha. Igihe ahaza abantu barenga ibihumbi bitanu, ni ikimenyetso ko we – umutsima w'ubugingo, azamanyurwa kubw'ibyaha by'isi - agahaza isi yose umutsima w'ubugingo. Igihe yaturishaga umuraba mu Nyanja, byerekanaga ko ashoboye gutanga amahoro mu mutima w'ubuze ibyiringiro.

Benshi bahinyura iby'ibitangaza byakozwe mu myaka ibihumbi bibiri ishize. C.S. Lewis yaranditse mubushishozi avuga kuri ibi bintu. Avuga ko nta bintu byabaye mu bitangaza bivugwa mu nzandiko z'ubutumwa bwiza bimeze nk'inkuru z'amakabyankuru, aho abantu bivugira inkuru zishekeje gusa, bakavuga ngo inyamanswa zahindutse abantu, cyangwa ngo twumvise ibiti bivuga, amato ahinduka ibigirwamanakazi, n'ibindi.

Ibitangaza byo mu byanditswe ni nk'ibyajyaga kubaho iyo Imana ubwayo iza gusura iy'isi. Buri kimwe muri ibi bitangaza Yesu yakoze hagaragaraho umukono w'Imana y'urukundo.

Ibi bitangaza mu mateka ya Yesu ni nk'indodo mumwenda, ku buryo ubikuyemo, inkuru za Yesu zatakaza umwimerere wazo. Hari isano ikomeye cyane hagati y’ibi bitangaza Kristo yakoze n'icyo byamariye abantu babivugaga, babihamya. Igitangaza cy'umuzuko we akava mu bapfuye byahinduye barumuna be bwite, kandi bitera imbaraga no kongera gukomera mu bigishwa be bahaguruka kuvuga ubutumwa muri isi yose y'igihe cyabo.

Urwandiko rwa 1Abakorinto 15:46 rutanga umucyo ku byanditse mu gice cya gatatu cya Yohana ngo, “Ariko umwuka siwo ubanza, ahubwo umubiri niwo ubanza hagaheruka umwuka”. Kamere yacu uko twavutse ntabwo turi ab'Umwuka, noneho iyo dushatse kwakira ubugingo buhoraho, Imana niyo igomba gutera imbuto z’ubwo bugingo mu mitima yacu.

Niba Nikodemu umwarimu mukuru wa Isirayeri mu by'Iyobokamana, warufite ubuhamya bwiza, akagaragara inyuma nk'intungane, nyamara akaba yari akeneye kuvuka ubwa kabiri ngo aragwe ubugingo buhoraho, mbese twe twaba tubikeneye bingana iki?

Mu gice cya gatatu cy'ubutumwa bwiza bwa Yohana, Yesu aravugana n'Umuyuda, ariko mu gice cya kane aravugana n'Umunyamahanga. Mu gice cya gatatu aravugana n'umuntu ufite ubuhamya bwiza, yitwara neza cyane muri sosiyete abamo; mu gice cya kane aravugana n'umugore udafite ubuhamya bwiza. Mu gice cya gatatu, Nicodemu arabwirwa ko akwiriye kuvuka ubwa kabiri, nyamara uyu mugore we ari guhabwa impano y'ubuntu ngo yakire gusa. Hari impamvu y'ibi: Nikodemu yari azi ko ari intungane ariko uyu mugore yumvaga abuze ikintu cy'ingenzi muri we. Nikodemu niwe wagiye gushaka Yesu, ariko Kristo ubwe ni we washakishije uyu mugore. Uyu muyobozi w'Abayuda (Nicodemu) yaje gushaka Yesu n'ijoro, nyamara uyu mugore we araganira na Kristo ku manywa y'ihangu.

Yohana igice cya 4 cyiswe "Ihame ry'umuvuga butumwa" kuko cyerekana intambwe umuntu atera ava mu kutizera agana mu kwizera. Gerageza wige iki gice ubone imirongo ivuga ukuntu Kristo yabashije guhindukiza intekerezo z'uyu mugore, iby'ifuzo bye, akamugeza gufata icyemezo no guhindukira.

Muri icyo gice harimo inkuru y'igitangaza cyo gukira kw'umwana w'umutware. Nyuma yo kuvugana na Yesu. Uyu mugabo yemeye adashidikanya ko Kristo yamukirije umwana, kuburyo atihutiye gutaha. Iyi nkuru itwigisha uko dukwiye kwitwara mu bibazo byacu. Icya mbere, ntukirengagize ikibazo ufite, emera ko gihari. Icya kabiri, shyikiriza ingorane zawe Kristo. Icya gatatu, akacyira amasezerano ye yuko azi neza ikibazo cyawe, kandi ko afite inzira zirenga igihumbi zo ku gikemura twe tutazi. Icya kane, komeza ubuzima bwa buri munsi wiringiye neza ko mu gihe cya Kristo no mu buryo bwe, byose bizagenda neza. Iyi ngingo ya kane n'iyo ikunda kugorana. Iyi ntambwe ya kane n'iyo iruhanyije kurusha izindi zose.

Nuko rero, mu bice bine bibanza by'ubutumwa bwiza uko bwanditswe na Yohana, abasoma bazamenya byinshi byerekeye umwaka wa mbere Kristo yatangiyemo umurimo we hano ku isi - Umwaka ibya Yesu bitamenyakanye neza. Icyo tuzi nuko ku mwaka wa mbere Kristo yatangiyemo umurimo we, niho habaye ubugizi bwa nabi buteye ubwoba butigeze bubaho mbere hose muri Yudeya na Yerusalemu: Abayuda bajugunye ku bushake banababamba Imana yabo yari yaraje muri bo mu mubiri.

### Umwaka wo Gukundwa

Ibyakurikiye umwaka yamaze mu majyepfo, Yesu yakomereje muri Galileya, mu majyaruguru y'icyo gihugu. Muri kano gace katari gateye imbere mu majyambere, hagombaga kuba guhinyura guke ugereranyije n'ahari hatuye ibiro bikuru mu by'idini. Muri iki gihe cyose yariho yigisha abigishwa be. Bitewe n'uko umurimo we wari uw'ibihe byose kandi ku isi yose, ntiyajyaga kuwurangiza wenyine. Niyo mpamvu yahamagaye cumi na babiri ngo bazakomeze umurimo we n'igihe azaba yarasubiye mu ijuru.

Ari mu itangira ndetse no mu iherezo ry'uy'umwaka, Kristo yasuye agace k'iwabo, gusa baramwanga ndetse bashaka no kumwica. Yanzuye avuga ko nta muhanuzi uhanura iwabo.

Igice kinini cy'uyu mwaka usibye Inazareti, wabaye umwaka w'umunezero, gukira indwara, no gusingizwa n’amagana menshi, ndetse n’ibihumbi byinshi mu migi imwe n’imwe. Ababaho mu bushake bw'Imana nka Kristo, ntibajya bapfa kugeza umurimo wabo urangiye.

Umuhamagaro w'intumwa za mbere bakava mu mirimo yabo y'uburobyi, ushobora kugereranywa n'inkuru isoza ubutumwa bwa Yohana. Ibiboneka muri Luka 5 bigaragaza imirimo y'itorero rigaragara, imbaraga zaryo ndetse n'ingorane zaryo. Yewe na nyuma y'umugisha wa Kristo, amafi amwe n'amwe atoroka urushundura. Siko bigaragara mu nkuru ya kabiri yibanda ku murimo w'Itorero ry'ukuri, itorero ritagaragara, n’agakiza kuzuye n'umutekano w’abashyizwe mu rushundura rw’ubutumwa bwiza.

Ni kenshi cyane abarobyi ba Kristo b’ubutumwa bwiza bakora cyane ndetse na n'injoro, bagafata ubusa. Kereka gusa Kristo abitegetse nibwo tubona ko habaye impinduka muri iz'inkuru zombi. Niwe dukeneye muby'ukuri. Igikorwa cyaranze itangira ry'umurimo w'ubutumwa bwiza w'intumwa, kivuga ko urushundura rwoherejwe hasi mu nyanja, ariko umurimo wabo urangira, urushundura rwajugunywe iburyo bw’ubwato. Umubare w'amafi yafashwe batangira umurimo ntabwo ugaragazwa, ariko amafi agera ku 153, yarafashwe, Kristo amaze kuzuka. Uyu mubare ugizwe n’ubwikube bw’umubare w’intumwa (122), wongeyeho ubwikube bw’ubutatu bwera (32), ibi bigaragaza yuko intumwa za Kristo kubwo gukorana n'ubutatu mvajuru, bageze ku musaruro ukwiriye ubwami bw'Imana, kandi umubare 12 ni umubare ushushanya ubwami mu byanditswe byera.

Umugabo w'ikirema w'i Kaperinawumu (Matayo 9), n'uwari ufite ubumuga i Betesida (Yohana 5), batwibutsa yuko tudafite Kristo tudashobora kugenda uko bikwiye. Mu bice byombi abanditsi bagaragaza yuko abari bamugaye ari bo biteye ibyo bibazo. Nyamara ibyo ntibyabangamiye umukiza kubagirira neza. Mwibuke ko muri Luka 5:20, Kristo icyo abanza gukora ni ukubabarira ibyaha. Umucamanza w'isi yose niwe wenyine ufite ubushobozi bwo kubabarira ibyaha. Kandi uyu mucamanza afite impuhwe n’ubuntu kugeza no ku babi cyane mu bababaye.

Nyuma yuko Kristo ahaye intumwa ze amabwiriza yo gutangira umurimo - yatanze ikibwiriza ku musozi w'umugisha. Iki nicyo kiganiro kirekire kigeze cyandikwa mu byatanzwe na Kristo ubwe. Ni ingenzi cyane kuzirikana ko hano, agitangira umurimo we, Kristo yahereye ku kwihana Matayo 4:17, hanyuma akomeza avuga icyo kwihana ari cyo, n'imbuto z'uku kwihana izo ari zo.

Iki kibwiriza cya Kristo ku musozi w'umugisha cyerekana uko ubuzima bw'umu-Kristo bukwiriye kuba bumeze, kerekeza uwumva gutaka cyane ati, “Mbega ngo ndagatora! Ninde wankiza uyu mubiri wibasiwe n’urupfu?” (Roma 7:24).

Ntabwo byabayeho kubw'impanuka ngo iki kibwiriza cya Kristo gikurikirwe no gukizwa kw'uwari urwaye ibibembe kuko nta mutima w'umunyabyaha ushobora kumva aya magambo ngo ureke kwiyumvamo ububembe no kwifuza cyane gukizwa.

Muri Matayo ibice bya 5-8, hatubwira iby'amagambo akomeye y'Umukiza, ariko ibice bikurikiyeho byo biratubwira iby’imirimo ye ikomeye. Bigaragara ko hagati muri uyu mwaka mwiza, Umukiza yerekanye imbaraga ze ku byaremwe ndetse no ku mbaraga y’umwijima (abadayimoni). Ni ingenzi cyane kuzirikana na none ukuntu aturisha imiyaga mu mitima y'abigishwa be mbere yo guturisha umuyaga wari wibasiye inyanja, ndetse n'umuyaga w'imyuka mibi wari wibasiye abari batewe na dayimoni.

Urukurikirane rw'ibitangaza Kristo yakoze ukongeraho uburyo yambutse inyanja ya Galileya (Matayo 8), byasigaye mu mateka, ariko na none ni nk’imigani igaragaza ibikorwa by’Umwuka. Mu buzima bwa buri wese, ibibazo, imiraba n'imiyaga biraza kugirango biduhungabanye. Iby'ibanze mu bwenge bwacu ni ibi: (1) ubuzima nta gahunda bugira, (2) nta buhungiro (3) ibikorwa bigira ingaruka. Kubw’ibyo dukwiye guhora twiteguye ibigeragezo. Akenshi turwana n'iyo miyaga nk'aho turi twenyine, tukibagirwa ko dufite ushobora kudufasha. Ariko nitumwiyambaza yiteguye kudutabara bitangaje. Itegereze imbaraga y'ijambo rya Kristo. Kubw’iri jambo yaremye ijuru n’isi, yirukanye abadayimoni, aturisha inyanja, azura n'abapfuye. Ijambo rye iteka ryahoranaga imbaraga, kandi nitwomatana naryo, tukaryizera, tukaryubaha, izo mbaraga nubundi zizakorera muri twe riturishe inyanja zose.

Akenshi imiyaga y'ubwoba iba imbere mu mutima, gushidikanya, no gushoberwa ni mbi cyane kurenza ibyaturikira inyuma. Nyamara naha naho ijambo rya Kristo ritubera igisubizo. Kuko Imana itaduhaye umwuka w'ubwoba, ahubwo umwuka w'imbaraga, urukundo, no kwirinda (2 Timot. 1:7). Dore kwizera guheshwa no kumva ubutumwa, no kumva kukazanywa n'ijambo rya Kristo (Roma 10:17).

Ikintu cyose twitayeho kiradutwara. Mbese n'iki duha umwanya munini – Ubwoba, cyangwa urukundo rwe, ubuntu ndetse n'imbaraga? Reba mu Bafilipi 4:6-8, soma iyo mirongo inshuro nyinshi, ndetse uwufate mu mutwe. Ubeho ku bwawo. Ntukagire ubwoba bw'ikintu cyose, sengera buri kimwe, kandi ushime Imana kuri buri kimwe. Hanyuma uzasanga bishoboka ko no mu bihe bigoye cyane, mu gihe isi ibuze amahoro, ushobora kwishimira mu mwami (Abafilipi 4:4).

Yesu yajyanye abigishwa be mu ngendo eshatu z'ivugabutumwa i Galilaya muri uwo mwaka. Bishoboka ko hakozwe ibitangaza byinshi cyane kuri buri gitangaza byanditsweho. Bagarutse i Yerusalemu, i Yudeya umugabo wavutse ari impumyi yasobanukiwe mu buryo bwihuse uwo Kristo yari we. Bwa mbere yafataga Kristo “nk'Umuntu”, nyuma atangira kumwita, “Umuhanuzi”. Kw'iherezo yasobanukiwe ko Kristo yari Umwami n'Umukiza, aramusingiza (Yohana 9).

Mu gihe cya Pasika Yesu yari i Yerusalemu, aha yakijije umuntu wari amaze imyaka 38 arwaye (Yohana 5). Uyu muntu yashushanyaga Israyeli ya kera, kubwo

kutizera bazerereye mu butayu imyaka mirongo itatu n'umunani yose nta mbaraga cyangwa kubahwa. Uyu mugabo yakijijwe kw'isabato, binateza ikibazo kuri Kristo.

Biratangaje ukuntu dusoma uguhangana ku kibazo cy'isabato muri iki gihe Kristo yari akunzwe n'abenshi. Kristo ntiyigeze yemera iby'imihango y'Abayuda yahaga isabato agaciro karuta ak'abantu. Ibi byatumye abaturage benshi banezerwa ariko kandi bikazamura umujinya n’uburakari by'abatambyi n’abakuru mu by'Iyobokamana. Yigishije ko isabato yashyizweho kubw’abantu, ko abantu batabayeho kubw’isabato, kandi abo yakizaga yabaga abahaye kuruhuka by’ukuri. Yavuze ko ari we mwami w'isabato, kandi agira uwo munsi uw'umunezero nyakuri, aduha iminsi 52 yose buri mwaka tumeze nk'abari muri Eden ntoya.

Umwami wacu yavuguruye iby'umuhango w’ishyingirwa n'isabato ndetse yerekeza abamwumvaga kucyo byari bivuze muri Eden igihe Imana yabishyiragaho. Yumvise neza ko amategeko y'umuco wa kiyuda ashingiye ku myizerere yabo yendaga kurangira, kandi ahamya ko amategeko n'amabwiriza ya Eden agomba guhoraho ibihe byose. Yemeye no gushyira umurimo we mu kaga akora imirimo n'ibitangaza byinshi ku munsi w’isabato. Ibitangaza birindwi byose yakoze kw’isabato byanditswe kugirango yerekane yuko kubaha isabato by'ukuri bizana umugisha atari ingorane. Nta na rimwe yigeze ashyigikira itegeko cyangwa amabwiriza yendaga kurangira. Ntacyo yavuze kubyerekeye ibyo kubaha amategeko y'Iyobokamana ry’Abayuda, ahubwo abwira umugore ku iriba ko uburyo bwa kiyuda bwo gusenga bwendaga kurangira (Yohana 4:21). Nyamara yahamyaga neza ko ibigaragazwa mu mategeko icumi bitazashiraho na rimwe (Matayo 24:20 na Luka 23:56).

### Umwaka wo kurwanywa

Umuvuduko wariyongereye, urwango narwo ruriyongera bitewe n'uko abayobozi mu by’idini babonaga ko abantu benshi bakomeje gukunda no gukurikira Kristo. Bigitangira byasaga nk'aho Abanya-Galileya bose bifuza kumukurikira, ariko imitima yabo yari inangiwe nk'amabuye, uko bamukunze niko byahindutse mu buryo bwihuse, bivamo urwango no guhangana. Kristo yahindutse noneho umuntu uhora yigendera akigira mu bice bya kure, ubu noneho ntiyari agikurikirwa n’abantu ibihumbi byinshi ahubwo yari asigaranye ababarirwa ku ntoki.

Ibitangaza bya Kristo byakomeje kuba byiza cyane, nk'ukuntu yahagije abantu ibihumbi bitanu. Wari umugani wo gukwirakwiza ubutumwa bwiza. Kristo yakiriye ibyo kurya biturutse ku Mana, abihereza intumwa ze nazo zibihereza ibihumbi by'abantu bagomba gusangira bose.

Itegereze ukuntu Kristo yagerageje intumwa ze icyo gihe. Yarabanje agerageza Filipo amusaba kugaburira abantu kandi ntacyo kubaha bafite. Filipo amubwira ko nta buryo na bumwe abona yabishobora. Andereya we yarebye ku migati mike n’udufi tubiri umuntu yari yizaniye, maze ahinduka nyiramubande wa Filipo.

Nyamara umuhungu mutoya wari wizaniye utwo two kurya yahanze amaso Kristo maze ababera igisubizo.

Ikigaragara n'uko Kristo wari ufite ibidahagije mu maso y'abantu (utugati dutanu, n'udufi dutoya tubiri), yahagije benshi cyane ndetse birasaguka, intonga cumi n'ebyiri zose zirasigara.

Mu bantu ibihumbi bine yari afite imigati irindwi n'amafi makeya, hanyuma agaburira bakeya kandi hasigara intonga zirindwi zonyine z'ibisigazwa, mbese yari gukora ibingana iki mu gace gato cyane k'umugati? Ikigisho kiragaragara mu 1 Korinto 1:26- 31. Imana ihitamo abanyantegenke, abadafite ubushobozi na buke, ndetse n'abanyabwenge buke mu bigaragara kugirango bakore ibidashoboka. Hari ibyiringiro kuri twe twese.

### Igihe cy'Umwiherero

Igihe cyarageze ava mu bantu benshi ajya gutegura umutima n'intekerezo kubw'ibihe yendaga kugeramo, igihe cy'umusaraba. Muri icyo gihe ntabwo yari akizengurutswe n'imbaga y'abantu. Hari ubutumwa bwamugezeho amezi abiri mbere y'urupfu rwe, ubutumwa bumubwira ko inshuti ye irwaye (Yohana 11:3). Abizera bararwara ndetse bazi umubabaro. Niko byagendekeye Yobu, Hezekiya, ndetse na cya gisambo kihannye. Kandi mu bihe nk'ibyo hari ikirenze cyane ku rukundo dukunda Kristo, ni urukundo we adukunda.

Biratangaje kuko Kristo yategereje iminsi ibiri yose atarajya gusura inshuti ye. Mbega imbaraga byateye abizera bari mu kubabazwa n'uburwayi guhera icyo gihe na magingo aya! Ni byiza cyane gukurwa mu gituro cy'abapfuye uri muzima kuruta gukurwa ku buriri bw'umurwayi. Ibyo ni byo Lazaro na bashiki be baje kwizera. Bari bakomeye biteguye guhangana n'ibindi bigeragezo byajyaga kuzabazaho, kuko Kristo yatinze kuza kubafasha muri iki gihe cy'uburwayi.

### Mu cyumweru cya nyuma

Ubu noneho tugeze ku cyumweru gifite agaciro gakomeye mu mateka ya Kristo hano ku isi, igihe kitugeza ku rupfu no kuzuka kw'Umwami wacu Yesu Kristo. Abakirisito nibo bonyine basenga Imana Yakomerekejwe ku bwacu.

Iki cyumweru gitangira ku isabato ni mugoroba, hari umunsi mukuru wateguwe kwa Simon kugirango bishimire izuka rya Lazaro. Iminsi y'Abayuda ubundi itangira ku mugoroba, uyu mugoroba rero wari umugoroba w'Abayuda, kuko nyuma y'iki gice nta kindi kintu Yohana yanditse ku butumwa bwa Kristo ku

Bayuda batizera usibye amagambo y'urubanza. Amagambo yose y'ineza no guhumurizwa yabwirwaga abamwizeye. Yaba asubiza ibibazo babaga bamubajije, yaba avuga inkuru, cyangwa abacira imigani cyangwa avuga ku kintu gikomeye, ubutumwa yavugaga noneho ni bumwe ni ubu ngo, "Umunsi w'urubanza uregereje".

Habaye iminsi mikuru ibiri mu cyumweru cya nyuma. Umwe ni uwabereye kwa Simoni igihe umugore wari warafashwe asambana (Mariya) yasigaga amavuta ibirenge bya Kristo imbere ya musaza we Lazaro ndetse n'intumwa cumi n'ebyiri zari zihari, hanyuma habaye n'undi munsi mukuru wa Pasika wabaye umunsi ubanziriza umunsi bamugambaniyeho.

Mbega ukuntu igikorwa cyo gutangiza iki cyumweru cyari kijyanye n'ibyajyaga gukurikiraho! Umunyabyaha ruharwa abandi baciraga urwo gupfa yafashe umubavu uhumura neza kandi uhenze cyane awumena ku birenge by'Umukiza we. Uku kumena iri cupa ry'umubavu byari ikimenyetso cy'uko umubiri wa Kristo wendaga kumenerwa ku musaraba. Impano y'Imana yasesekaye ku bantu. Nkuko uyu mubavu Mariya yasize ibirenge bya Kristo watamye inzu yose (atari mu cyumba barimo gusa), niko n'urukundo rw'Imana rwagaragariye ku musaraba rukwira isi yose.

Iki gice cyuzuyemo ibyubahiro byahabwaga Kristo, gihabanye n'ibyumweru byabanjije aho abakuru b'idini bari bamaze iminsi bamugambanira ngo ni umugambanyi ukwiriye urupfu. Ariko noneho Yohana 12 herekana Kristo yubashywe na Mariya ndetse aramwubahisha, Kristo yinjira i Yerusalemu ku cyana cy'indogobe ashagawe n'imbaga y'abantu baririmba Hozana, Hozana, Kristo ashakishwa n'abanyabwenge bo mu Bagiriki bifuzaga guhura nawe kubw'ijwi ry'Imana ryabararitse, ndetse na bamwe mu bigisha bamushakishaga rimwe na rimwe rwihishwa kugirango bagire umugisha wo kuganira nawe.

Igikorwa cya Mariya kigaragaza kutikunda, kitwibutsa ko gukorera Kristo tubikuye ku mutima bishobora kuduhagurukiriza abaturwanya mu biyita abakozi ba Kristo, baba batekereza ko tubadukwiye gukora mu bundi buryo. Igikorwa cya Mariya ntikishimiwe na Yuda wavugaga ati nk'aya mavuta kuki koko atagurishijwe ngo amafaranga avuyemo afashishwe abakene? Mwibuke ko Yuda ataruko yakundaga abakene cyane, ahubwo nuko yari umujura. Ariko Kristo nubwo yakundaga Yuda yashyigikiye Mariya avuga ko icyo Mariya akoze kiri mu mugambi w'Imana batari bagasobanukirwa (Yohana 12:7).

# 4

# YESU YINJIRANA INTSINZI YERUSALEMI

Umunsi wakurikiyeho, abantu benshi bari baraje mu minsi mikuru ya Pasika, bumvise ko Yesu ari kuza i Yerusalemu. Bafata amashami y'imikindo bajya kumusanganira, bagenda baririmba bati: “Hozianna, Hozianna, hahirwa uje mu izina ry'Uwiteka” Yohana 12:12-13.

Icyo Kristo yakoze kuri uyu munsi gitandukanye cyane n'uburyo yari asanzwe akora. Ubu noneho mu buryo bugaragara yashatse ko abantu bita kubyo yivugagaho kubera ko igihe cye cyo kubambwa cyendaga gusohora. Ariko, ibihabanye n'ibyifuzo by'Abayuda byo kwibohora mu buretwa bw’Abaroma, ntiyaziye ku ifarashi y'intambara ahubwo yaje nk'Umwami w’amahoro ku cyana cy’indogobe.

Ibintu byakomeje gukomera igihe Kristo yezaga urusengero - atari urusengero rw'abanyamahanga b'abanyabyaha ahubwo urw'Abayuda b'abanyabyaha - umujinya n’uburakari bikomeza kuzurirana imitima y'abatambyi bakuru n'abanditsi. Matayo 21:15 avuga ko binangiye.

Imyaka igihumbi mbere yaho igihe umwami Dawidi yageraga Yerusalemu mu mashyi menshi n’imbyino by'abamusanganiraga, umugeni yendaga kuzaraga ingoma ye, yarungurutse mu idirishya abona umugabo we ibyishimo byamusabye, abyina n’imyitero iragwa niko kumubwira ati: “Uyu munsi umwami w'Abisraheli arihesha icyubahiro yitakuma, akagaragaza ubwambure bwe imbere y'abaja n'abagaragu?”

Dawidi nawe aramusubiza ati: “Uwiteka uhoraho wantoranyije akangira umutware wa Israel niwe nabikoreraga, ati kandi abo bagaragu n'abaja wabonye banyitegereza, kubw’icyubahiro cy’Uwiteka bazakomeza kunyubaha. Mikali arinda asaza atabyaye”, 2 Samwel 6:20-23.

Kuki twifashisha iyi nkuru ya kera? Ni ukuberako nyuma y'ubu burakari bw'abayobozi ba Israel, Kristo yavumye igiti cy’umutini - washushanyaga Israheli - aravuga ati: “Ntukere imbuto ukundi” (Matayo 21:15-19). Kandi koko imyaka irenga ibihumbi bibiri irashize, Umugeni (Israel) wari warambagijwe wa Yesu, yabaye ingumba mu by'Umwuka. Ibi byose byari byaravuzwe mu minsi ya Dawidi na Mikali. Mbega ukuntu ibi byanditswe bya kera ari imbuzi kuri twe!

Mbega ukuntu iyi miburo ya kera ari iy'ingenzi! Ni byiza ko mu bintu byose twirinda gukabya usibye ibijyanye no guha Umwami wacu icyubahiro kimukwiriye. Ntawukwiriye kugenza gahoro mu guhunga inzu yafashwe n’inkongi y’umuriro, cyangwa mu gushaka umukandara mu gihe ubwato butwawe n'umuhengeri. Ubuzima bwacu bufashwe n'ubudodo bw’ubuntu kandi dushobora guca uyu mugozi kubwo guha umwanya munini n’imbaraga nyinshi ku bintu byo kuri iy'isi kuruta Uwabihanze. Imana yatwihanangirije ko ibintu biduha amahoro bidakwiriye kujya bihishwa amaso yacu.

Luka yanditse ku marira Umukiza yarize atekereje ku murwa wera. Umurwa wateguraga kumubamba mu minsi yendaga gukurikiraho. Igihe yendaga kugerayo, yararize cyane aravuga ati: “Yerusalemu we iyaba waruzi icyaguhesha amahoro - ariko ubu gihishwe amaso yawe”. Iminsi izaza ubwo abanzi bawe bazakugota impande zose, kandi bazagutsembana n'urubyaro rwawe. Ntibazasiga ibuye rigeretse ku rindi, kuko utigeze umenya igihe Uwiteka yakungendereyemo. Luka 19:41-44. Nyuma y’imyaka mirongo ine Yesu avuze ibi, ingabo z'Abaroma zaraje zisenya umurwa Yerusalemu ndetse zisenya urusengero, benshi mu Bayuda barahagwa ndetse abandi bapfira mu bucakara.

Ubutumwa bwiza bwabanje kubwirizwa Abayuda, ni nayo mpamvu aribo babaye aba mbere gucirwa urubanza. Muri ubu buryo, babaye akabarore ku yandi mahanga yose aho ubutumwa bwabwirijwe, kubera yuko nabo Imana iri hafi kubacira urubanza.

Ukwo niko Yesu yerekanye uko umutima w'Imana uteye ndetse n'impamvu y'ubutumwa bwiza, ari rwo urukundo rw'Imana ku bazimiye. Dushobora kwizera umucunguzi urira, amarira ye akwiriye kutumara ubwoba bwose. Hanyuma y'ibyo, umubiri we washenguwe n'uburemere bw’ibyaha byacu, wabambwe ku musaraba. Iyi niyo Mana yonyine izwi ishobora kurira, niyo Mana yonyine yabashije gukomereka imbere y’abantu, kandi niyo Mana yonyine yitanzeho igitambo kugirango ikize abantu bayo.

Maze yinjiye mu murwa wa Yerusalemu, Kristo yinjiye neza mu ipfundo nyaryo ry'umujyi - Urusengero. Yahanyuze nk'uca urubanza ari mu gutangira ndetse no mu gusoza umurimo we, “Nuko yinjira mu rusengero rw’Imana, yirukanamo abaguriragamo bose, yubika ameza y’abavunjaga ifeza n'intebe z'abaguraga inuma, arababwira ati byanditswe ngo, “Inzu yanjye izitwa inzu yo gusengerwamo” ariko mwebwe mwayihinduye ubuvumo bw’abajura”. (Mat. 21:12-13).

Idini ryiza nicyo kintu kiza cyane muri iy'isi nk'uko idini ribi ari cyo kintu kibi kurusha ibindi. Ikibabaje n'uko idini ribi ariryo rusange cyane ihuriweho na benshi cyane, nuko rero igikorwa cya Kristo cyo kweza urusengero kerekana uburyo itorero rihora ricyeneye ivugurura.

Umuntu ntahindurwa umukiristo nyakuri no kwitabira amateraniro buri gihe, nk'uko umuntu atagirwa imodoka nuko yaraye mu igarage. Umukiristo nyakuri ni ufite Imana mu buzima bwe. Igihe cyose umuntu cyangwa itorero rishyize ikindi cyintu cyangwa umuntu imbere kurenza Kristo, ni ukuvuga ngo inyigisho iba yabaye ikinyoma itorero rikaba rikeneye icyo gihe ivugurura. Intambara ya kera hagati ya Kayafa na Kristo ikomeza kugenda ishimangirwa. Tekereza gato uko byagenze Kayafa umutambyi mukuru, umuntu wari wubashywe cyane nab’ubwoko bwe ahanura ati: “Mbese ntimutekereza yuko ari byiza kubwacu, ko umuntu umwe yapfira abantu bose kuruta ko ubwoko bwose bwarimbuka?” Yohana 11:49-50. Iri ryari idini ry'ikiyuda, ubwoko bwatoranyijwe imyaka amagana menshi ngo babwire isi iby'umucunguzi w’isi, ariko noneho bakaba bari gutegura kubamba Imana

bamaze igihe kirekire cyane baramya. Buri mugabo cyangwa umugore w'umunyakuri muri icyo gihe yagombaga guhitamo Kristo cyangwa Kayafa - agahitamo idini, n'ubunini bwaryo, n'amateka yaryo, imigenzo yaryo, cyangwa umuntu uciye bugufi wari Inzira, Ukuri ndetse n’Ubugingo.

Buri torero rikwiriye gupima buri mugenzo, buri muco, na buri gikorwa hakoreshejwe amagambo y'Umwana w'Imana. Igipimo kizakomeza kuba umwana w'Imana, ubu muntu bwe ndetse n'ukuri kwe. Ngirango murabona ko ubwo Kristo yinjiraga Yerusalemu imvugo ye mu kuvuga ubutumwa bwiza yarahindutse. Ibikorwa bye ndetse n'amagambo byose birahuriza ku rubanza. Nyuma yo kweza urusengero, imigani ye, ndetse n’impuguro ze noneho byarasaga ku ntego, kandi bidaca inyuma cyangwa iruhande yabwiraga uwo agomba kubwira noneho kandi, akavuga icyo agomba kuvuga ako kanya.

# 5

# YESU YIGISHA UBUTUMWA BWIZA ABAGIRIKI

Yesu yakunze kwitaza abayobozi b’abayuda akigumanira n'abaturage, ndetse aba bayobozi bakomeje kugirana ikibazo n’abayobozi b'Abaroma. Batumye begera Yesu baramubaza bati: “Mbese birakwiriye ko twishyura imisoro y'Abaroma?” Yesu niko kubabwira ati: “Nimunyereke idenariyo” (igiceri cyakoreshwaga nk’amafaranga yaho). Iyi shusho n'izina biyiriho ni ibyande? Baramusubiza bati: “Ni ibya Kayisari. Niko kubabwira ati: “Nuko rero ibya Kayisari mubihe Kayisari n'iby’Imana mubihe Imana” (Luka 20:20-26).

Ntidukwiye na rimwe gutandukanya ibyo Kristo yahujije, ntidukwiye gukandagirira iby’ubwami bw'Imana munsi y’ibirenge byacu ngo dushimishe Leta, cyangwa ngo tunanirwe gukora inshingano zacu nk’abatura-gihugu ngo nuko turi aba-Kristo.

Nyuma y'umunsi aburana n'abayobozi b'Abayahudi; Kristo nawe yarabahindukiranye arababaza ati : “Mbese mwebwe mutekereza iki kuri Mesiya? Mutekereza ko ari mwene nde?” (Matayo 22:42).

Iki cyari ikibazo cyonyine, iyo gisubizwa neza cyajyaga gusubiza ibindi bibazo byose. Baramusubiza bati: “Ni mwene Dawidi”. Kristo arongera arababaza ati: “Niba Dawidi yarise Mesiya “Mwami”, ni gute uyu yaba umwana we”? Umwana w'Imana wabayeho mbere y’ibintu byose ni umuhungu wa Dawidi kandi akaba Nyagasani (Imana). Nta n'umwe wagerageje gusubiza ahongaho, kandi kuva ubwo ntanumwe wagerageje kumubaza ikibazo, byari nko kwitesha agaciro guhora ushaka kujya impaka n’ukurusha ibitekerezo.

Umunsi umwe iki kibazo cya Kristo kizaduhindukirira ngo: “Niki Kristo antekerezaho”?

**Ubutumwa bwiza ku Bagiriki**

Mu ntangiriro z'ubuzima bwe hano kw'isi, abanyabwenge baturutse mu burasirazuba baje kuramya Yesu. Kandi ubuzima bwe kw'Isi bwenda kurangira abandi banyabwenge baturutse mu burengerazuba baje kumureba. Yesu yabahaye ubutumwa nyamukuru ku bibazo bari bafite. Arababwira ati : “Igihe kirageze ngo umwana w'umuntu ahabwe ubwiza bwe. Ni ukuri ni ukuri ndababwira yuko iyo akabuto k'ingano kadatewe mu gitaka ngo gapfe kagumaho konyine, ariko iyo gapfuye kera imbuto nyinshi. Ukunda ubugingo bwe arabubura, ariko uwanga ubugingo bwe muri iyi si azaburinda kugeza ku bugingo buhoraho. Umuntu

nankorera ankurikire, kuko aho ndi, n’umugaragu wanjye niho azaba, umuntu nankorera data azamuha icyubahiro” (Yohana 12:23-24).

Urupfu kuri twe ni urufunguzo rufungura amarembo y'ijuru, kandi ibi byigishwa na buri umwe mu ma million menshi y’abantu kuri iyi si. Nta musaruro ubaho, kereka urubuto rupfuye. Noneho haza ikibazo, none tubeho dute? Iki kibazo cyabajijwe cyane n'Abagiriki benshi mu binyejana byinshi, kirasubizwa na Kristo ubwe. Twese nk'Abagiriki twifuza ubwami, ariko mbere hagomba kubaho kubambwa. Imana ntidusaba kubamba ikintu cyatugirira akamaro mu buzima bwacu bwa buri munsi, ahubwo hari ibintu byinshi cyane dukunda kandi mu by’ukuri ari ibyo kutwangiza.

Ihame ry'umusaraba wa Kristo ryonyine niryo ryayobora neza imitima yacu, intekerezo n'ubushake. Mu gihe nka Kristo twiyemeje kubamba inarijye, tugakunda kwitangira abandi, nibwo mu by'ukuri dutangira kubaho. Nta yindi nzira. Iyi niyo nkuru abakristo bakwiye kuzavugana imbaraga y'umwuka mu minsi ya nyuma.

Ubu nibwo Kristo avuga ati: “Ubu urubanza rw’abisi rurasohoye, ubu umutware w'ab'isi abaye igicibwa”. Nanjye nimanikwa hejuru y'Isi, nzireherezaho abantu bose (Yoh. 12:31- 32).

Ikiza kurusha ibindi, mu kimbo cyo kubambwa kw’inyokomuntu y'inyantegenke, kubw’igihano cy'ibyaha byabo, Umwana w'Imana utagira icyaha yiyemeje kubambwa. Isi ikwiriye igihano kubwo kwanga ukuri gukiranuka n'imbabazi, ariko Kristo azafata icyaha cy'abashyira ukwizera kwabo muri we hanyuma ahanirwe icyaha cyabo. Ni gute Kristo yavugaga iby'urubanza na Karuvali umunsi umwe? Nuko ku musaraba yendaga gucirwa urubanza agacirwaho iteka kubw’ibyaha byacu. Ibi bivuze ko abashyira ibyiringiro byabo mu gitambo cye ku musaraba, nta rubanza bazacirwa ku munsi ukomeye w'urubanza, kuko Kristo yamaze kunyura muri urwo rubanza kubwabo. Kandi Imana ntisaba kwishyurwa kw’urubanza bwa kabiri. Hari ibintu bibiri by'ingenzi kuri Kristo; Ubwa mbere yaje kw'isi gukiza abantu ibyaha byabo 1 Timoteyo 1:15, hanyuma azagaruka bwa kabiri atazanywe no kwikorera ibyaha by'abantu, ahubwo azaniye agakiza abamutegereje bose (Abaheb. 9:28).

Nkuko rero hari ukuza kwe inshuro ebyiri, hari n'imanza ebyiri; ubwa mbere aza, kristo yaciriwe urubanza ndetse abambwirwa abamwizera bose, bagashyira ibyiringiro byabo muriwe. Nagaruka rero abasuzuguye igitambo cye bose kubw'ibyaha byabo, bazacirwa urubanza banarimbuke kubw'ibyaha byabo.

Nkuko Kristo yatandukanyijwe n'Imana kubw'umusaraba (Matayo 27:46), niko n'abanyabyaha bazatandukanywa n'Imana burundu Kristo nagaruka (2 Tesalonike 1:7-9). Ariko aba banyabyaha ntibazigera bazukira ubugingo buhoraho kuko icyaha cyabo kibarimo. Igihe Kristo yadupfiraga icyaha cyacu cyari kuri we, ntabwo cyari muri we. Kuko icyaha kitigeze kigaragara mu mibereho ye, ibyo byatumye Imana ibasha kumuzura mu bapfuye. Kereka nituzajya duhuza iteka uku kuza kwa Kristo inshuro ebyiri kw’isi mu mitekerereze yacu, naho ubundi ntituzigera twitegura narimwe kugaruka kwe bwa kabiri. Guhora dutekereza kugaruka kwa Kristo

nk'umucamanza wacu aho kumutekereza nk'umucunguzi bizadutera ubwoba budashira. Guhora dutekereza ku munsi ukomeye w'urubanza wa Kristo, tudatekereza kuza kwe kwa mbere nk'ukuza kudukiza bizaba ari ishyano.

Muri Yohana 12:32-33, igihe Kristo yavugaga iby'urupfu rwe ku musaraba yashyize ibintu bibiri hamwe, kimwe hejuru y'ikindi, yaravuze ngo: "Ubu urubanza rw'ab'isi rurasohoye-Kaluvari". Ku musaraba aho Kristo yendaga kubambwa hagati y'ijuru n'isi yabaye umucamanza w'abatuye iy'Isi, atandukanya abaragwa b'ijuru n'abana bo kurimbuka nkuko yatandukanije ibisambo bibiri byari bibambwe hamwe nawe.

Ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohana buvuga ko igihe cyacu-igihe inkuru nziza y'ukubambwa kwa Kristo ivugwa ku isi yose – ni n'umunsi w'urubanza ku babyumva. Ababyumva bakakira urupfu rwa Kristo nk'urubabatura, bacirwa urubanza bagahita banabohorwa. Naho ababyumva bakirengagiza igitambo cya Kristo cyatanzwe kubw'ibyaha byabo, bahita bacirwa urubanza bakanacirwaho iteka ako kanya, bagategereza umunsi wo gusomwa no gushyirwa mu bikorwa k'urubanza rwabo.

Bibiliya iravuga iti: "Umwizera ntacirwaho iteka, ariko utamwizera amaze kuricirwaho kuko atizeye izina ry'Umwana w'Imana w'Ikinege Yohana 3:18. Uru rubanza rwatangiriye ku musaraba kandi ruzarangira igihe Kristo azaba agarutse bwa kabiri. Izina ryawe riza mu rubanza igihe ugezweho n'inkuru nziza, igihe umenye ko Kristo yapfuye mu mwanya wawe kugirango yishyure iby'amategeko yasabiraga abanyabyaha. Bibiliya iravuga ngo : "Tukiri abanyantegenke Imana yatweretse urukundo idukunda ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha"( Roma5:6,8).

Agaciro uha urupfu rwa Kristo kubwawe, niko gaca umurongo ntarengwa ku iherezo ry'ubuzima bwawe. Niwemera igitambo cye kubwawe, uzahabwa ukudapfa ubwo azagaruka. Niwanga igitambo cye kubwawe, uzasuzugurwa, ntuzahabwa ubugingo bw'iteka kuri urya munsi. Urubanza ruzabaho Kristo nagaruka sirwo ruzemeza ahazaza hawe; ni wowe wemeza ahazaza hawe igihe uhuye n'umusaraba. Urubanza ruzaba mu kugaruka kwa Kristo ruzaba rugushyiraho ikamba ry'icyo wahisemo: igitambo cye kubwawe, cyangwa icyawe kubwawe.

# 6

# URUBANZA RWA KRISTO KU IDINI RIBI

Tugeze ku cyigisho cya nyuma Yesu yigishije rubanda rwinshi. Nyuma y'ibi, tumubona yigisha intumwa ze zonyine biherereye. Muri Matayo 5 Yesu yatangiye inyigisho ze n'abanyamahirwe umunani. Hano muri Matayo 23 arasoza umurimo we ashinja abanyedini ingingo umunani.

Ikibwiriza cya Kristo kiribanda kubyo amadini mabi ahuriyeho. Ntidukwiye kwibagirwa ko amadini menshi hano ku isi ari mabi.

Keretse gusa niba idini ryanjye ribasha kungira nka Kristo, rifite kubabarira no kwiyoroshya, ryihangana, rihagaze ku kuri, ntabwo ryaba ari idini rya Bibiliya. Niba ukeneye kumenya niba Idini wayobotse ari iry'Ijuru cyangwa ari iry'irimbukiro soma Matayo 23, hazabikubwira.

Bamwe muri twe bamaze kubona ko Matayo 23, ari igice gitera imbaraga, kuko kigaragaza neza ko Idini ribi rirangwa no gushaka kwigarurira abantu, kubayobora no kubatwaza igitugu. Yesu yabwiye abayobozi b'idini b'igihe cye (Umurongo wa 4) ko: "Bikoreza abantu imitwaro iremereye bakayibashyira ku ntugu, nyamara bo bakaba batakwemera kuyikozaho n'urutoki." Kristo yerekanaga ko niba ufite kwizera kuzima, ukwizera kw'ukuri ntigushobora na rimwe kuba umutwaro, nta narimwe byaba umutwaro uremereye.

Idini ryose ryubakira ku mategeko n'imihango riba ari Idini ya gifarisayo. Idini ry'ukuri ritanga amababa yo kuguruka; ntiritanga imitwaro yo kudutsikamira. Ni nk'amababa ku nyoni cyangwa ingashya k' ubwato. Umutima w'Idini ry'ukuri ushingiye ku kubabarira ibyaha, urukundo n'impuhwe, ubwenge n'imbaraga za Data wa twese wo mu ijuru zo kudukiza no kudufasha buri munsi. Idini ry'ukuri rishingiye ku kwizera, ibyiringiro n'urukundo (1 korinto 13:13). Kristo yaberetse urutonde umurongo ku wundi rw'ibiranga idini ry'Umwanzi.

**Icya mbere**: Ni idini aho abayobozi bafata icyubahiro cyose cy'Imana bakacyiyitirira (Mt 23:1-12). Uku kwishyira hejuru niko gutuma bashyiraho amategeko bakanigisha ibintu utasanga muri Bibiliya. Yesu aravuga ati umunsi uzaza ubwo ibyo byose bizaranduranwa n'imizi yabyo (Matayo 15:13).

**Icya kabiri**, Kristo yababwiye kiranga idini z'ibinyoma, aho kugirango bafungurire imiryango Imana ndetse no kwakira ubugingo buhoraho, barayifunga maze bagafungiranira abantu hanze y'ijuru.

**Icya gatatu**: Bagenda ku mazi no ku butaka, bakagenda amanywa n'ijoro kugirango babone benshi, ariko iyo bagize uwo babona ubakurikira bamugira inshuro ebyiri umwana wo kurimbuka kubarenzaho. (Mat 23:15). Hari utu dini twinshi dukora cyane ngo tubone abayoboke benshi bayoboka idini yabo, nyamara aba-Kristo bo bahora bifuza kugarurira abantu Kristo. Kuri bo agakiza ntigashingiye

ku idini, ahubwo agakiza gashingiye ku kwizera Kristo. Inshingano z'itorero rya Kristo rero ntabwo ari ugukururira abantu ku myemerere yabo, ahubwo kubakururira kuri Kristo.

**Icya kane**Yesu yababwiye ni icyerekeye amasezerano n'indahiro byarangaga ab'icyo gihe. Abafarisayo bari barigishije abantu ko mu bihe bimwe na bimwe byemewe kuba umuntu yabeshya. Kristo rero yagerageje kubereka ububi bwo gukoresha indahiro no kubakangurira kujya bavugisha ukuri iteka (Matayo 23:16-22).

**Icya gatanu** Kristo yavuze kiranga idini ribi ni ukugira igito kinini, no kugira ikinini igito, kwita ikibi icyiza no kwita icyiza ikibi. Yabwiye abafarisayo ati "muzabona ishyano mwa ndyarya mwe z'abigisha-mategeko kuko mu minina umubu mu byo munywa nyamara ingamiya mukayimira bunguri. Bihutiraga gutanga ibya cumi ku mboga, ku isogi na nyiragasogereza nyamara bakirengagiza gukiranuka n'ubutabera (Matayo 23:23-24). Ikintu gikomeye cyane uzasanga kiranga idini ribi uzasanga bakabya cyane utuntu duto kandi bagasuzugura ibikomeye cyane biranga ingoma y'Imana aribyo; kwizera, ibyiringiro n'amahoro.

**Icya gatandatu,** Kristo yarwanyaga idini yita cyane ku bigaragarira amaso, maze ikirengagiza iby'imbere biranga abayoboke babo. Inyigisho ipfuye ikunda kwigaragaza inyuma nkaho ari nziza ariko imbere ari ibiboze by'ubwibone no kwikunda. Yesu yavuze ko igikombe kiba gicyeye iyo cyogeje neza imbere, ntabwo ari ukurebera ugucya kwacyo inyuma (Matayo 23:25-26).

**Ikintu cya karindwi** Kristo yarwanyaga ni idini isa nkaho itunganye rwose ariko ikanduza abayigana. Yavugaga ko izi ndyarya z'abafarisayo zimeze nk'ibituro bisize ingwa ariko imbere ari amagufwa gusa. Inyuma rwose ni imva nziza cyane zogeje neza pe, ariko imbere harimo umunuko w'imibiri y'abantu n'amagufwa yabo. Arababwira ati: "Niko mumeze". Inyuma mugaragarira abantu nkaho muri abera ariko imbere muri ikibi kirenze ibindi. Yesu yababwiraga ko byaba byiza bahindutse imbere, bagahinduka mu mitima nibyo bigira umumaro (Matayo 23:27-28).

Kristo yarangije yihanangiriza abubakira imva z'abahanuzi, kandi bagashyira imitako ku bituro bubakiye intungane z'Imana zapfuye, bagahamya ko iyo ngo babaho muri icyo gihe batari kwifatanya naba sekuruza kwica abo bahanuzi b'Imana. Ba sekuruza babo bishe abahanuzi kuko bavugaga ibihabanye n'imigenzo yabo n'ibyo bashaka kumva, nkuko Kristo nawe yariho arwanya imyizerere yariho muri icyo gihe y'abafarisayo n'imikorere y'abayobozi b'iby'idini. Izi ndyarya zivugishaga ko iyo zibaho kera ntizari kwifatanya n'abishe intumwa z'Imana kera, nizo zendaga kwica Yesu (Matayo 23:29-35). Ku murongo wa 36 Kristo yavuze ko urubanza ruzagera kuri bano bayuda b'igihe cye kubw'ibi byose yababwiraga. Uru rubanza koko rwabagezeho igihe ingabo z'Abaroma zabateraga mu mwaka wa 70 nyuma ya Kristo, basenya umurwa barabica, ndetse abandi babajyanaho iminyago kujya gukoreswa .

Mu gusoza rero Kristo yavuganye agahinda kenshi, amarira asa n'amubunga mu maso ati:"Yerusalemu,Yerusalemu, wica abahanuzi kandi ukicisha amabuye aba-

gutumweho, ni kangahe nashatse kukubundikira nkuko inkoko ibundikira imishwi yayo mu mababa yayo, ariko ntimunkundire"? Dore iwanyu hagiye gusigara ari itongo. Ntimuzongera kumbona kugeza igihe muzavugira muti:" Hahirwa uje mu izina ry'Uwiteka"(Mat 23:37- 39).

Uyu si umuntu usanzwe uri kuvuga ahangaha. Inshuro nyinshi Yesu yagerageje kurinda ibibazo Yerusalemu, rwose nkuko inkoko ibundikira utwana twayo mu mababa yayo. Ni Imana y'inyampuhwe, igira imbabazi nyinshi, kandi Imana ibabarana n'abantu bayo, ni ukuri aya ni amagambo meza y'impuhwe yigeze abwirwa idini nki iri ryaboze. Nubwo dukwiriye umujinya wayo, ariko ntitwahagarika urukundo rwayo. Hari ahantu hahora urukundo rudukunda-mu mutima wayo. Ahora yiteguye kudutabara no kudufasha iyo tumwiyambaje.

Mbega ishusho nziza Kristo aduha mu mpera y'igice cya 23 cya Matayo? Yerekanye uburyo umubyeyi w'inkoko igihe abonye ingorane ije, atanga akamenyetso gato imishwi ikamwirukiraho. Igatungwa n'umwuka uva mu mababa yayo, aho zishyushywa muri ubwo bwugamo. Agaca rero kaba kizererera mu kirere gashaka icyo kurya ntigashobora gukora kuri abo bana, bari munsi y'amababa ya mama wabo. Bibereye mu mutamenwa kandi baranezerewe. Ni iby'igikundiro kwibera nkabo, kandi niko bitugendekera iyo tubona Imana gutyo. Imana ihabwe icyubahiro.

# 7

# KRISTO AHANURA IBY’IMINSI Y’IMPERUKA

Amagambo ya Kristo y'ubuhanuzi yavuze muri Matayo 24,25; Luke 21 na Mariko 13 yitwa amagambo yo ku musozi w’imizeti, kuko yatangiwe ku musozi w'imizeti aho yari yitegeye umujyi wose wa Yerusalemi. Muri kino kiganiro Yesu arabwira abamuteze amatwi iby’iminsi y'imperuka n’uburyo bazitwara muri ibyo bihe. Yesu yatangaga ubutumwa buterekeza gusa ku gusenywa kwa Yerusalemu muri 70 nyuma ya Kristo, ahubwo yanerekezaga ku iherezo ry’iyi si. Muri make ibyendaga kuba I Yerusalemu byendaga no kuzaba kub’isi yanyuma ariko mu buryo burushijeho kuba bubi.

Ikigisho cyo ku musozi w'imigisha gishingiye kuri Kristo kuko isi ntizarangira isi yose itamenye inkuru nziza y’uko hari uwapfuye mu kimbo cyacu, Matayo 24:14. Ni Umwami w’abami wadupfiriye, wendaga gusubira mu bwiza bwe. Ibi rero bitanga ibisobanuro byimbitse ku bice bikurikiraho.

Icyo Yesu yibandaho mu butumwa bwe ahangaha, ni ukubihanangiriza kuba ab'ukuri kuruta uko bavuga ukuri. Hari naho yavuze iby'ibihe bizaza: akarengane kendaga kuba ku bemera Kristo, ibibazo byendaga kubaho mu rwego rw’ibihugu na za politike, imitingito y'isi, kuvuga ubutumwa ku isi yose, kurwanya ubutumwa no kubuhakana, intambara z'isi, kuboneka kwa Anti- Kristo, n'ibindi byinshi bizaranga ukugaruka kwa Kristo aje gutwara itorero rye.

Ibyo yavuze yabishyize mu bihe bitatu: ibyabaye mbere y'ibigeragezo n'intambara, ibihe by’intambara ubwabyo, Kristo agaruka gukura itorero rye mu bihe by'amage n'intambara. Ibihe by'intambara no kurenganywa kw'itorero byagombaga kubanzirizwa no kuboneka kw'ikizira cy’umurimbuzi gihagaze ahera? (Matayo 24:15).

Iyo duhuje iminsi ya Kristo n'ubuhanuzi buboneka muri 2Tessalonike 2, Ibyahishuwe, n'ibindi byanditswe biroroshye kubona icyo ahazaza hahatse. Igikurikiraho ni igitekerezo kitarwanya icyo twavuze haruguru yuko ingingo y'ingenzi cyane mu buhanuzi ari iby'Umwuka kuruta iby'ubwenge busanzwe, kandi ko amagambo y'ubuhanuzi asobanuka neza iyo amaze gusohora.

Icya mbere nuko ububyutse mu nyigisho z'ukuri n'inyigisho z'ibinyoma bizahangana mu ruhando rw'by'Iyobokamana. Isi izaba iri mu bihe nk'ibyo ku ngoma y'Abaroma ya kera n’ibibazo yatezaga. Bizaba ari ibihe bigoye mu rwego rwa politike z’ibihugu n'ububanyi n'amahanga mu bihugu byose, ibi byose kandi bizaba bikurikirwa n'ibimenyetso by'ibihe bigaragarira ku isi, mu kirere no mu Nyanja.

Ibizaba mu bihe byanyuma bizatuma abantu bumva bakeneye iterambere mu by'Umwuka. Ari ikibi n'ikiza byose bizaba bisiganwa mu iterambere kubera ibi bihe. Inkuru nziza izaba ivugwa ku isi yose izaba yakirwa na benshi kandi abayobozi

b'amadini bazaba bayirwanya. Umunezero wabaye kuri wa munsi Yesu yinjiiye i Yerusalemi uzongera kubaho ku isi.

Ibyabaye ku cyumweru cya nyuma cya Kristo hano ku isi bizaba bivugwa hose. Mu ruhando rw'ibyiyobokamana, inyigisho z'ibinyoma zizaba zifite abayoboke benshi cyane. Bizaba nko mu kinyejana cya mbere nyuma ya Kristo aho amadini y'ibinyoma yatangiye kurwanira ukubaho kwayo, mu gihe itorero rya Kristo naryo ryarwanyaga ryivuye inyuma izi nyigisho ziyobya abantu. Abantu bose rero batubatse ku kuri kwa Bibiliya, bazayobywa n'ibyifuzo byabo, abafite inyota yo kumenya ukuri nabo bazumva ijwi ry'umwungeri w'ukuri bamenye inkuru nziza. Bazagerageza kubwira abandi inkuru nziza bamenye.

Iyo turebye amateka y'itorero, abantu barenga miliyoni esheshatu bakiriye ukuri mu gihe cy'urupfu rw'intumwa Yohana, kandi ibyanditswe nubundi bivuga ko hari benshi bazakira ubutumwa bwiza ku munota wa nyuma w'imbabazi z'Imana. Isi yose izamurikirwa n'umucyo w'ubutumwa bwiza, kandi abamenye uwo munezero bazanyurwa babwiye bagenzi babo ibyo Kristo yabakoreye.

Nkuko byari bimeze mu minsi ya Kristo, abanyabwenge n'abanyedini bari basanzwe bahanganye, bazashaka uko bakorera hamwe ngo babonere isi umuti w'ibibazo bafite. Abayobozi b'amadini bazaba bazafatanya gutuma habaho ubuyobozi bumwe muby'iyobo Imana kandi bazitiza amaboko ya Leta mu gushakira isi igisubizo. Imyizerere ikomoka kuri Satani, izigarurira abatuye isi benshi. Ubwenge bw'isi n'ubucakura bizahabwa intebe bisimbure amategeko agenga ingoma y'Imana. Nkuko Herode yakoze ibintu byinshi byiza, nyamara akaza kwivugana Yohana, niko bizagenda nubundi Nkuko Yesu yavuze iby'ikizira cy'umurimbuzi, uku kwifatanya kw'abayobozi b'amadini na Leta bizatuma batangira kwica abakomeje kubaha Imana.

Kubw'imitima yinangiye isi izarekerwa mu maboko ya wa mugome urwanya ikitwa Imana cyose. 2 Tesalonike 2:1-12. Muri icyo gihe abakunda Kristo by'ukuri bazaba barangwa no kuba banatanga ubuzima bwabo aho kureka Umwami wabo. Bazashyirwaho ikimenyetso n'Umwuka w'Imana by'iteka ryose. Ibihe by'akaga ku bizera Kristo bizaba ari ingorane ikomeye ku batizera kuko umujinya w'Imana uzaba utangiye gutemba ku isi. Isi yose izabamo ibice bibiri gusa. Hazaba igice kinini cyane kizaba kiyobowe na Sekibi. Bazaba barangwa n'imico nki ye, bica kandi babeshya. Bake basigaye bazaba bagaragaza Kristo. Bazaba basabira ababarenganya. Isi yose izaba igaragaramo ikibi n'ikiza. Ubwo igihe cy'isarura kizaba cyegereje. Nibwo ikimenyetso cy'Umwana w'Imana kizagaragara mu kirere, amoko y'isi yose azaba yijujuta kuko aguwe gitumo, abana b'Imana bo banyanyagiye mu duce dutandukanye bazaba banejejwe nuko igihe cyabo cyo gucungurwa kigeze.

Tugomba kuzirikana ko kuvuga ubutumwa ku isi yose bizaba ikimenyetso cyo guhamiriza amahanga yose ko Yesu agiye kugaruka (Matayo24:14). Ikindi kintu cy'ingenzi tudakwiye kwibagirwa nuko muri iyo minsi ibanziriza kuza kwa Kristo isi izaba yarabaye nk'ubushwambagara, yarangiritse biteye ubwoba (Matayo24:28).

Ubu buhanuzi burerekeza kuri Anti-kristo, Ukwerekanywa kw'ikizira kwahanuwe, ndetse no kugaragara kw'Umwami wacu agaragarira ku bicu byo mu kirere (Matayo 24:15,20). "Ikizira gitera kurimbura", gisobanura ubumwe hagati y'idini rya anti-kristo na Leta. Bisobanura: imbaraga y'ikigirwa mana, iramywa n'abatizera, igatoteza intore z'Imana ikazica. Ukwifatanya kw'Itorero na Leta mu minsi y'imperuka bizatera ukurenganywa gukaze ku bantu b'Imana.

Mbese mu cyumweru cy'umubabaro wa Kristo higeze hagaragara ikizira cy'umurimbuzi? Ni ukuri cyarahabaye. Cyagaragariye muri Yuda, mugambanyi wafatanishije abayobozi b'Abayahudi n'Abaroma mu kwica Yesu. Mbese iyi shusho irijimye yose? Oya! Itangaza ubutumwa bwiza ryarasezeranywe, ndetse Imana yasezeranye ubufasha ku bantu bayo bazaba bavuga ubutumwa (Matayo24:14,22,31).

Ikindi kandi ibitekerezo bitatu biri mu gice gikurikiraho cya Matayo 25 cyuzuye mo amagambo y'ibyiringiro ku bera b'Imana, hakaba n'ubutumwa ku bantu bibwira ko ari aba Kristo ariko bakaba badafite Kristo mu mibereho yabo. Umurongo wa 35 w'igice cya 24 cya Matayo hari igihamya cy'uko ibyo Kristo yavuze byose bizasohora. Ibi ubwabyo byerekana ko Kristo yari Messiya koko kandi ko ubutumwa bwe bwari ubw'iteka ryose.

## Matayo 25

Muzirikane ko ikigisho cya kabiri Kristo yatangiye ku musozi w'imizeti kigaragara mu gice cya 25. Ubutumwa ni bumwe mu bitekerezo byose uko ari bine kandi byose byerekeza ku magambo y'ingenzi y'ikibwirizwa cya Kristo ariyo "Itegereze", kandi "witegure". Urubanza ruri hafi kandi nta numwe uzarurenga. Ikiranga inkuru ya mbere mu murongo wa 45-51 w'igice cya 24, ni 45 ikibazo ngo, "Mbese ninde mugaragu w'indahemuka kandi uzi ubwenge?" ikibazo kirerekana ko uyu muntu ari umuntu udapfa kuboneka. Yesu yatekerezaga ku minsi y'umwijima yendaga kuzaza, aho itorero ryendaga kuzarangwa n'imyitwarire y'ubwicanyi n'indi myitwarire y'uyu mugaragu mubi.

Inkuru ya nyuma igaragara muri Matayo 24 n'inkuru ibanza y'igice cya 25 byerekana ko ukugaruka kwa Kristo kutazaba igihe abantu batekereza, ahubwo ko byendaga gutinda. Mu mugani w'abakobwa icumi bari bategereje umukwe, umukwe yari ategerejwe mu ma saa kumi n'ebyiri. Nyamara ntiyigeze aza kuri iyo saha, ntiyanaje sa yine z'ijoro, cyangwa ngo aze isa sita z'ijoro zibura itanu, byageze aho abakobwa bose bari bamutegereje basinzira, ariko sicyo kibazo. Ikibazo cyabaye ku batari biteguye ko yaza atinze. Buri mukobwa yari afite itara rikora gusa iyo rifite amavuta ahagije ashushanya Umwuka wera.

Abakobwa batanu b'abapfu bananiwe gushaka amavuta ahagije bibwira ko bafite ibihagije ku byifuzo byabo. Nyamara igihe umukwe yatindaga kuza amatara yabo yarakamye. Abakobwa batanu b'abanyabwenge nibo babashije kuzana amavuta ahagije amatara yabo abasha gukomeza kwaka. Ikibabaje kuri batanu b'abapfapfa, igihe basohokaga bagiye gushaka andi mavuta nibwo umukwe yaje (ibi byitwa

kwibuka ibitereko washeshe). Umukwe n’abakobwa batanu b’abanyabwenge binjiye mu munsi mukuru maze urugi rurakingwa.

Kimwe cya kabiri cy'abakobwa, ni ukuvuga kimwe cya kabiri cy’abakristo bazarimbuka kuko batazaba bafite amavuta ahagije ni ukuvuga Umwuka wera (amavuta) mu buzima bwabo (itara). Mbese waba uri k'uruhe ruhande?

Umugani w'italanto (Matayo 25:14-30), ugaragaza ko impano Imana iha abantu zigenda zitandukana bitewe n’umuntu. Nyamara ntaw’uzabazwa ibijyanye n'ikibazo cy’umubare w’italanto yahawe, ahubwo azabazwa uko yakoresheje izo yahawe. Hari abifuza gukoresha neza impano Imana yabahaye, hari n’abandi bihugiraho bakibagirwa impano Imana yabahaye, nta mwanya na muto Imana yabahaye mu bwami bw’Imana. Reka noneho turebe ku murongo wa 31-46 ku byerekeranye n’umunsi w’urubanza ubwo Kristo azaba agarutse ashagawe n’abamalayika bo mu ijuru. Mbega ukuntu uzaba ari umunsi udasanzwe! Nta kintu na kimwe mu byanditswe byose twagereranya n'ibizaba kuri uyu munsi. Dore uko J.Monroe-Gibson yabivuze, “Nta jambo ryahindurwaho, nta na rimwe ryakwibagirana cyangwa ngo ryirengagizwe, nta n'igitekerezo cyakongerwaho. Birihagije biratunganye, twabireba mu bu Mana bw’ubivuga cyangwa se ub'umuntu bwe” (Ibisobanuro bya Matayo page 366.)

Muri uyu mugani w'intama n'ihene, Yesu yerekana ukuntu azacira isi urubanza ashingiye ku buryo abantu bitaye ku bababaye kurusha abandi muri sosiyete. Azababwira ati: “Ni ukuri ni ukuri ndababwira yuko ubwo mwabikoreraga aba boroheje hanyuma y'abandi, nijye mwabikoreraga” (Matayo 25:40). Ingingo y'ingenzi igaragara mu mugani w'urubanza rwa mbere rugaragara mu ntangiriro z’igice cya 24 yerekeza ku bayobozi b'Itorero. Ariko uwa kabiri n'uwa gatatu werekeza ku bagize itorero bose. Ubwo Kristo azagaruka ntabwo uzabazwa ibyerekeranye n’ibyo wizera, ahubwo hazarebwa niba usa cyangwa udasa na Kristo mu buntu no mu mbabazi agira.

Mu mugani w'intama n'ihene niho honyine Yesu yiyita Umwami. Reba itandukaniro rikomeye rigaragara mu magambo y'Umwami mu gihe azagaruka: “Nimuze aho ndi”, - “Nimugende”. Ikintu gikomeye hano ni, “Nigute witwaye kuri Kristo? Ikindi kizaba ni gute witwaye ku bakene n’indushyi za Kristo? Ni ho hazava by'ukuri igisubizo ku kibazo cya mbere.

# 8

# YESU YOZA ABIGISHWA BE IBIRENGE

Muri Yohana 12, tuhabona Yesu yogeshwa amarira ibirenge, ndetse agasigwa amavuta y'igiciro cyinshi. Hano muri Yohana 13 Yesu ubwe aroza ibirenge by'abigishwa be. Iki gice kiratangira Yesu yereka abigishwa be ubugali bw'urukundo rwe. Nubwo Kristo yari azi neza ko abigishwa be bendaga kumutererana biteye isoni mu masaha yendaga gukurikiraho, ntiyigeze areka kubakunda.

Yesu yarahagurutse yikura umwitero we, afata igitambaro cyo kubahanagura ibirenge, afata ibase ashyiramo amazi atangira kuboza ibirenge, akabahanaguza igitambaro yari acyenyeye.

Iki gikorwa Kristo yakoze hano cyari nk'umugani ngiro, werekanaga umurimo we hano ku isi. Yahagurutse mu birori bihoraho byo mu Ijuru, yiyambura umwenda w'icyubahiro, yambara umubiri w'umuntu, aca bugufi amanuka ku isi ngo atwozeho umwanda wo muri ubu buzima bwa buri munsi.

Abo rero banga ko Yesu abozaho icyaha cyabo arababwira ati: "Nintaboza , ntaho tuba tugihuriye" (Yohana 13:8). Muri iki gikorwa Kristo aduha urugero rw'uburyo dukwiriye kugirirana hagati yacu, urugero rw'imibanire yacu (Yohana13:15).

Ntabwo twahawe umurimo wo kwirirwa tunenga umuvandimwe kubw'amaga agaragara ku birenge bye, ahubwo twahamagariwe kumufasha duciye bugufi kwemera uguhanagurwa Kristo atanga.

# 9

# YESU ATANGA IFUNGURO RYERA

Ibyacu ni isi y'ikibi n'urupfu. Ni iki abanyabwenge bakomeye b'isi bigeze bakora ngo tubashe gusobanukirwa cyangwa gutsinda ikibi n'urupfu? Socrate yaragerageje yigisha imyaka 40, Plato yigishije 50, Aristote nawe yigisha irenga 40, byose hamwe ni imyaka 130. Ariko ibyo bavuze n'ibyo bigishije byose ngo bidufashe kumva iby'iki kibazo ntacyo byagezeho. Hanyuma haza Yesu w'i Nazareti, yigisha imyaka itagera no kuri itatu gusa, hanyuma atanga igisubizo ku bibazo by'ikibi n'urupfu'. Igisubizo kuri ibi bibazo byombi cyabaye we ubwe!

Dore uko Mariko yanditse mu gice cya 14:22-24: "Igihe bafunguraga Yesu afata umugati, amaze gushimira Imana arawumanyagura, arawubahereza ati nimwakire, uyu ni umubiri wanjye. Afata n'igikombe ashimira Imana, arakibahereza banywaho bose. Arababwira ati aya ni amaraso yanjye ahamya isezerano Imana igiranye n'abayo, amenywe kubw'abantu benshi".

Gerageza utekereze kuri ibi akanya gatoya. Uyu ni umuturage wo muri Galileya wendaga kubambwa nk'umugome, kandi ari gukuraho isezerano ryari rimaze imyaka irenga 1500 Imana yagiranye n'ubwoko bwayo! Iyo aza kuba ari umuntu usanzwe gusa, benshi bari kumuseka cyane kubera uko guhangara. Ariko ntibababikoze. Ntibagize bati: "Uyu atekereza ko ari nde?" Cyangwa ngo, "uyu mugabo ni umusazi?"

Bitewe nuwo yariwe, amagambo ya Yesu ntakeneye kwemezwa n'uwariwe wese. Hari n'ubwo yahamagariye abatuye isi bose kumwikoreza imitwaro yabo yose (Matayo11:28). No muri Yohana 15:5 yabwiye abigishwa be ko nta kintu nakimwe babasha gukora batamufite. Umuntu usanzwe aramutse yivuzeho ibintu nk'ibi bamuseka cyane, ariko ntibatinyutse guseka Kristo.

Ibintu bimwe na bimwe birigaragaza neza mu ifunguro ryera Yesu yatanze. Yesu ubwe yibonye ari intama ya Pasika yendaga gutambwirwa ibyaha by'abemera kwihisha munsi y'amaraso ye.

Hari uburyo bwinshi bwo gupfa utavuye amaraso, nko kuniga umuntu, kumuroga, ariko Yesu yagombaga gupfa urupfu ruva amaraso kugirango abe koko intama ya Pasika. Ni kubw'aya maraso ya Yesu dutwikirwa ntitube tukibarwaho ibyaha byacu. Uku gutsindishirizwa ntikuduhindura abakiranutsi, ahubwo bituma tubarwa nk'intungane. Yesu aduha iyi mpano y'ubuntu iyo twemeye kumuguranira tukamuha ibyaha byacu (2 Korinto 5:21). Yesu yishyuye icyaha cyacu ubwo yapfaga kugirango tutazacyishyura. Yarapfuye kugirango mu rupfu rwe tubashe kubaho.

Kugirango tugere mu ijuru rero dukeneye gutsindishirizwa n'Imana. Ugukiranuka Kristo ashaka kuduha nk'impano kuruzuye ijana ku ijana. Ugukiranuka ko kwezwa, kugaragarira mu mirimo myiza ntigushobora kuzura ijana ku ijana. Kubera ko dukeneye gukiranuka 100% kugirango tubone ubugingo bw'itaka ryose, tugomba

kwemera uku gukiranuka duhabwa n’Imana kubw’urupfu rw’Umwana wayo ngo tube twemewe by’ukuri. Abadashyira ibyiringiro byabo mu Mana bazarimbuka kuko ikiri munsi yi 100%, Imana nticyemera. Si ikibazo cy’ibyo dufite, ahubwo Uwo dufite.

Igihe Kristo yinjiye mu buzima bwacu no gukiranuka kwe, azabasha kubaho ubuzima bwe butunganye muri twe, agende adutunganya umunsi ku wundi. Uku gukiranuka tugenda tubona siko kuzadukiza, ahubwo kuzatubera ikimenyetso cy'uko twakijijwe. Ntidukeneye kuba beza ngo dukizwe, ahubwo dukeneye gukizwa ngo tube beza. Uyu mugoroba w’ifunguro ryera utwigisha ko urupfu rwa Yesu rutari ishyano riguye, ahubwo yari inzira y'Imana yo gukiza isi. Umugati wamanyuwe werekezaga ku mubiri wa Kristo wendaga kumanyagurirwa ku musaraba kubw’ibyaha byacu, hanyuma vino yatanze yerekanaga amaraso ye yendaga kumeneka ku musaraba kubw’ibyaha byacu. Kwemera uyu mutsima n'iyi vino ni ukwemera ubusobanuro bw'igitambo cya Kristo kubw’ibyaha byacu.

# 10

# YESU ATI "NTIMUTINYE"

Muri Yohana 14-16, hagaragaza amagambo ya nyuma Yesu yigishije mbere yo kubambwa. Abakristo benshi bafata Yohana 14 nk'igice cya bibiliya kirimo amagambo atanga imbaraga kurusha ibindi muri Bibiliya yose. Ni nk'izuba iyo rirenga riba rishagawe n'ibicu byijimye. Ariko ibirenze ibyo, aho kugirango ahangayikishwe n'ubwoba bw'ibyendaga kumubaho, Yesu yatangiye gutegura abigishwa be ababwira ibigeragezo byendaga kuzababaho. Inshuro ebyiri muri iki gice yarababwiye ati "Ntimuhagarike imitima yanyu".

Ntacyo bivuze ubwiza, ubukire igikundiro n'imbaraga umuntu yaba afite, kuko ubuzima ni bugufi. Umugabo witwa C.S.Lewis yaravuze ati, Kimwe cya kabiri cy'ubwiza bw'umubiri kigizwe n'gicucu gusa. Iyo twizeye ko Imana y'imbaraga n'ubuhanga yemera ko ibyo bicucu bitubaho, kandi tukamenya ko izo nzozi mbi zidatinda gushira, ibibazo by'ubuzima tubibamo neza kandi mu mahoro. Ingorane nyinshi mu buzima ziza zidateguje. Nta n'umwe muri twe umenya icyo umunsi ukurikiyeho umuhishiye, nyamara dukwiye kwishingikiriza ku nama Yesu yaduhayeagira ati, 'Ntimuhagarike imitima yanyu'. Ntacyo dukwiye gutinya kuko ahorana natwe mu minsi y'umwijima no mu minsi y'umucyo.

Yesu aduha impamvu zigera kuri zirindwi zituma tudakwiye guhangayika:

1. Imana idufitiye akanya hamwe nayo, kandi Yesu yagiye kudutegurira ako kanya (Yohana 14:2).
2. Yesu azagaruka atujyane aho Data ari (Yohana 14:3).
3. Inzira igana kuri Data inyura muri Kristo. Nta numwe ugera kwa Data atanyuze kuri we (Yohana14:6).
4. Abizera Kristo bazakora imirimo irenze niyo yakoze. Urugero Petero yihanishije abarenga ibihumbi bitatu ku munsi wa pentekoti (Yohana 14:12).
5. Yesu yendaga gusaba Data abohererereza undi mwigisha, ubakomeza, kandi ubongerera imbaraga kugirango amusimbure (Yohana 14:16-18).
6. Uyu mufasha mushyashya yagombaga kubayobora mu kuri kose-ukuri kw'uko isi yose yongeye kubona ubuzima kubwo kubaho, urupfu, n'umuzuko bya Yesu Kristo (Yohana 14:25).
7. Kristo yabasigiye umurage w'amahoro. "Mbasigiye amahoro, amahoro adatangwa n'undi muntu wese. Si amahoro atangwa n'isi, naho rero ntimugatinye cyangwa ngo muhagarike imitima" (Yohana 14:27).

Kristo niwe nzira, ukuri n'ubugingo (Yohana 14:6), nyamara benshi batigeze bumva izina rye bazakizwa. Mu baheburayo 11, hari amazina menshi cyane y'abantu batigeze bamenya Kristo nyamara bazaba mu bwami bw'Imana kubw'ibyo Kristo yabakoreye ku musaraba. Kubera umusaraba wonyine benshi bazakizwa. Nkuko benshi babona amashanyarazi abageraho batazi aho aturutse, benshi bazibona bafite

ubugingo buhoraho batazi uko bigenze kubw'amaraso ya Kristo. Umunsi umwe baziga iby'igitambo cya Kristo kubwabo.

Muri Yohana 14:15-18, Yesu yavuze ko azoherereza umufasha abigishwa be. Anyuze mu mwuka wera Yesu yagarutse gufasha abantu be. Yohana 14:18. Uyu mwuka wari umwuka w'Imana kandi ukaba umwuka wa Kristo. Roma 8:9. Ni gute ibi byashoboka? Kubera ko Imana ni imwe. Mbese Yesu yasigaye mu ijuru hanyuma Imana data iza kudupfira, dushobora kuba nta tandukaniro tubona. Niba twarabonye Umwana twabonye Data Yohana 14:8-11. Mu buryo bumwe, iyo dufite Umwuka, tuba dufite Imana, tuba dufite Yesu ubwe. Yesu n'Umwuka wera bameze nk'amasura abiri ku giceri kimwe: baratandukanye cyane, ariko ni bamwe kuko ntibishoboka kugira umwe udafite undi.

Iyo mu gutegeka kwa kabiri 6:4, bavuze Imana imwe, ijambo ry'igiheburayo "échab", (Kimwe) ni kimwe n'amagambo akoreshwa mu itangiriro 2:24 aho bibiliya ivuga ngo Adamu na Eva bahinduka umubiri 'Umwe'. Yesu yarasenze ngo abigishwa be babe umwe nk'uko we na se ari umwe. Yohana 17:21-22. Uku kuba umwe rero ntabwo ari ukuba umwe mu mibare, ahubwo n'ubumwe bukomoka ku kuba umwe muri Kristo. Yohana 17:23 Gereranya Matayo7:11 na Luke 11:13. Ni imirongo ihuye. Matayo aravuga ati, "Ko muri babi mukamenya guha abana banyu ibyiza, so wo mw'ijuru we azabura ate guha Umwuka wera abamumusaba?" Na Luka akabivuga ati, "Ko muri babi nyamara mukamenya guha abana banyu ibyiza, mbese so wo mu ijuru we ntazarushaho guha Umwuka wera abamusaba?"

Umwanzuro kuri iyi mirongo yombi rero, nuko kugira Umwuka wera ni kimwe no kugira impano nyinshi zituruka ku Mana. Mbega ukuntu abaKristo ari abanyamahirwe! Yesu yabwiye abigishwa be ko agiye kujya kubategurira hamwe na se aho bazaba. Nkuko Yozefu yagiye muri Egiputa kuzuza ibigega ngo azakize bene se inzara n'urupfu, nina ko Yesu yagiye hirya gato y'ubwoko bwe ngo aburonkere agakiza.

# 11

# YESU: ISOKO Y'IMIRIMO MYIZA

Igice cya 14 cya Yohana kirangira Yesu abwira abigishwa be ati, "Nimuhaguruke tuve hano". Amagambo akurikiyeho mu bice bitatu byose yavuzwe bari munzira bajya i Getsemani. Ubwo bagendaga rero muri uwo mucyo w'inyenyeri nyinshi bashoboraga no kubona ibirashi by'umuriro byakomokaga ku mashami y'umuzabibu yari gutwikwa.

Abibonye Yesu arahindukira abwira abigishwa be ati: "Nijye muzabibu w'ukuri, kandi Data niwe uwuhingira, ishami ryose ritera imbuto arikuraho, naho iryera ryo ararikaragira ngo ribe risukuye rirusheho kurumbuka….. mugume muri jye nanjye ngume muri mwe. Nta shami ryera imbuto ku bwaryo rigomba kuguma ku mu zabibu. Niko namwe mutabasha kwera imbuto mutamfasheho, Yohana 15:1-4.

Amashami amwe namwe nta mbuto na nkeya agira. Aya mashami agumaho akagaragaza umuzabibu nk'usa neza, ukagaragara inyuma ushashagirana, ariko nta mbuto afite. Kuko aya mashami arya byinshi byakabaye bifasha amashami afite imbuto, nyir'umuzabibu arayatema akayakuraho, kugirango ayera imbuto abone ibihagije.

Ndetse n'amashami yera imbuto arakaragirwa kugirango ibiyatunga bye kujya mu ruti no mu mizi bitagira umumaro.

Ni ukuri gukaragira aya mashami birababaza, ariko imbuto ivamo ni nziza. Imana nishaka gukura ibitagira umumaro mu buzima bwawe ntukabyange. Abakristo beza, abo ubona babaho mu mahoro no mu munezero ni abemereye Imana igakura ibitagira umumaro mu mibereho yabo. Mu mpera z'igice cya nyuma, turabona Yesu abwira abigishwa be guhaguruka ku meza bagatemberana nawe. Iki cyumweru kijyanye n'ibyerekeye kuzuka.

Ubuzima bw'umukristo wazutse. Abahamya bose ko bakiriye Kristo wabambwe mu mibereho yabo kubwo gufata umugati na vino, noneho bagenderaga mu mwuka wa Yesu. Bafite imbuto nyinshi. Ntakimera nk'umukristo utera imbuto. Kandi umukristo ntakeneye kwera imbuto irenze iy'urukundo. Inshuro nyinshi muri iki kiganiro Yesu yakoresheje ijambo ngo "Mugume". Ubuzima bw'umukristo bushingiye ku kuguma muri Kristo. Tugomba kuguma kuri Kristo nkuko ishami riguma ku giti, na Kristo akaguma muri twe nk'uko ubuzima bw'umuzabibu bugendera mu mashami. Iyo duciwe ku muzabibu ari we Yesu, turapfa mu by'umwuka. Kandi amashami yose yaciwe ku muzabibu, aruma agatwikwa, ibi nibyo bikwiriye amashami yose atera imbuto. Iyo tumaze kumenya ubukene bwacu rero, tuguma ku mukiza. Ariko iyo dutangiye kumva twihagije mu bushobozi, ubwenge, no mu mbaraga, tuba dufite ingorane yo kwitandukanya n'umuzabibu.

Igiti cy'umwembe nta mbaraga gikoresha ngo cyere imyembe, n'imizabibu nta mbaraga ishyiraho ngo yere imizabibu, bibaho gutyo. Nituguma muri

Kristo,ubuzima bwe bukagaragarira muri twe, tuzera imbuto nyinshi. Kuki Imana ivuga ngo tuzashya nitutera imbuto nukubera ko inshingano z'umuzabibu ni ukwera imbuto, niyo mpamvu rero nitutera imbuto z'urukundo, ntacyo tuzaba tumaze mu bwami bw'Imana. Niba imitima yacu itunganye, ubuzima bwacu nabwo buzaba butunganye.

Inshuro 8 hagati y'umurongo 9-13, dusoma ibyerekeye urukundo. Ntabwo duhamagarirwa kwera imbuto tudashoboye. Umusaraba wa Yesu si icyuma, ahubwo ukozwe mu igiti. Isoko y'urukundo ni ukumenya uko twakunzwe. Nta muntu n'umwe wigeze akunda Kristo kereka amaze kumenya urukundo Kristo amukunda nkuko yikunda. Niyo mpamvu iyo tugumye kuri Kristo tubaho nkawe. Natwe tuzazana benshi kuri we kubera urukundo. Dufite guhitamo ibintu bibiri: gukunda abandi, cyangwa kwanga abandi.

Ku murongo wa 7, umukiza yagize ati: "Nimuguma muri jye amagambo yanjye akaguma muri mwe, musabe icyo mushaka cyose muzagihabwa". Uyu murongo ukwiye kumvikana mu buryo bwo kwerera Imana imbuto. Niba koko ushaka imbuto y'urukundo, kandi ugasenga cyane uyisaba, uzayihabwa. Niba koko uhangayikishijwe no gukiriza Imana imitima, ugasenga ubisaba, uzabihabwa. Anezezwa n'uko twera imbuto nyinshi kubwe. Igice cya 15 cya Yohana kibanda cyane ku mabwiriza ya nyuma atanu Kristo atanga: 'Ngwino', 'Wige', 'Wizere', 'Kurikira', kandi 'Ugumemo'. Umukristo wubaha aya mabwiriza, niwe wera imbuto nyinshi.

# 12

# UBUTUMWA BWA YESU BUHERUKA

Ubutumwa bwa Yesu buheruka bwibanda ku gukomeza intumwa ze kubw'umurimo ukomeye bari bagiye gusigara bakora - kujyana ubutumwa bwiza bw'uwapfuye akazuka ku isi y'abatizera. Ni gute uyu murimo wari gushoboka kandi Yesu yarendaga kubavamo?

Yesu yatangiye ababwira ko ari ngombwa ko agenda kugirango Umwuka wera abone uko aza, amusimbure, kuko Yesu nk'uwambaye umubiri w'umuntu hari ibintu atari yemerewe gukora, ntiyari gushobora kubera hose icyarimwe, ngo abashe gufasha abizera aho baba bari hose, nyamara ibi byashobokera Umwuka wera kuko nta na kimwe cyamubangamiraga, nta mubiri w'umuntu yari yambaye. Igihe Kristo yari kumwe n'abigishwa be ntibigeze batinya abanzi babo. Kuba yari kumwe nabo byababeraga nk'ingabo. Nyamara ubu bagombaga gushyira ukwizera kwabo mu Mwuka utagaragara.

Yesu yababwiye ko Umwuka wera naza, azabemeza iby'icyaha cyabo kuko batamwizeye, akababwira ko ugukiranuka kw'ukuri ari impano y'Imana, kandi ko hariho urubanza. Icyaha, ugukiranuka n'urubanza ni ibintu bigomba kubaho mu buzima. Icyaha no gukiranuka iyo bihuye bibyara urubanza. Uyu munsi haba hari urubanza rw'ibyabaye ejo. Nkuko umwenge muto cyane ubasha kuroha ubwato bwose bukarohama, ninako icyaha gito umuntu ahishiriye kibasha kumurimbuza wese.

Ubwo Umwami wacu yavugaga ku cyaha yabaga avuga icyaha kimwe mu bwenge bwe, gikomeye kurenza ibindi: Uguhitamo kwirengagiza urukundo rw'Imana rwagaragariye ku musaraba ku bwacu. Iyo duteye umugongo impano idasanzwe twahawe ku buntu, twijugunya mu mworera urenze iyindi kuba mubi.

Kwanga Yesu, tugomba gutera umugongo ibiganza bye byuzuye impano nyinshi, ibiganza byuzuye imigisha yo kubaho mu mahoro, mu munezero no mu mutekano w'agakiza.

Umurongo wa 18 utubwira ko Umwuka naza azabanza kutubwira indwara inyoko muntu irwaye: icyaha, hanyuma atubwire umuti w'iyi ndwara, ugukiranuka. Uyu muti Kristo aduha, awuduha ku buntu. Ariko ni umuti ushobora gutangwa gusa n'ibiganza byatewemo imisumari by'uwazutse Kristo. Twe abari baragizwe abanyabyaha kubwo gukiranirwa kwa Adamu, twahinduwe abakiranutsi kubwo gukiranuka kwa Kristo. Abaroma 5:19, yatanze gutungana kwe akwishyuza ibyo twakiraniwemo byose twe abamwizera. Niba nta ruhare na ruto dufite kubyo Adamu yakoze, nta ruhare na ruto twagize kubyo Kristo yadukoreye. Nyamara ni ahacu guhitamo uwo dukwiye gukurikira. Dushobora gukurikira Adamu, tugakomeza kuba abanyabyaha, cyangwa tugakurikira Kristo tukakira impano ye y'ubuntu yo gukiranuka.

Nyuma y'uku guhitamo rero hagati y'icyaha no gukiranuka haza urubanza. Yohana 16:8-11. Nitwizirika ku cyaha, tuzacirwa urubanza ndetse dukatirwe urwo gupfa, kuko ibihembo by'ibyaha ni urupfu (Abaroma 6:23). Nyamara nitwakira impano y'Imana ariyo gukiranuka kuzuye kwa Kristo, tuzakira ubugingo buhoraho (Abaroma 6:23), kuko Kristo yaciriwe urubanza rwo gupfa kubw'icyaha cyacu, niyo mpamvu abamwizera batazapfa. Abari muri Kristo Yesu nta teka bazacirwaho (Abaroma 8:1).

Urubanza kuri buri wese rumugeraho igihe cyose umuntu ahuye na Kristo, igihe yumvise ibya Kristo, noneho urubanza rwawe rugashingira ku kuba wemeye cyangwa uhakanye igitambo cya Kristo, kudahitamo Kristo, bivuze guhitamo Satani, kuko Yesu yavuze ko utari kumwe nawe aba ari k'uruhande rw'Umwanzi, ariko uhitamo Kristo aba afite ubugingo buhoraho kandi ntazacirwaho iteka, aba avuye mu rupfu ageze mu bugingo (Yohana 5:24).

Ushobora guhitamo iby'urubanza rwawe, n'ahazaza hawe uyu munsi, Bibiliya ivuga ko uwizera Umwana w'Imana aba afite ubugingo buhoraho, ariko uwanga uwo mwana wese nta bugingo azabona kuko umujinya w'Imana uguma kuri we (Yohana 3:36). Ni ahawe nanjye guhitamo. Icyampa tugahitamo neza.

# 13

# ISENGESHO RYA YESU RIHERUKA

Muri Yohana 17, tuhabona isengesho rya Kristo ubwo igicu cyo kubambwa cyari kibuditse mu mutima we. Ikirenze ibindi ahangaha nuko Kristo yariho ahanga amaso umusaraba, akawufata nk'ahantu yendaga guhabwa icyubahiro ndetse na se agashyirwa hejuru, inyokomuntu ikabona gucungurwa. Muri iri sengesho Kristo yishyira ku ruhande nk'igitambo, akifata nk'umutambyi ndetse akaba n'intama yo gutamba. Arasengera n'abamukurikiye, ntabwo abasengera ngo bazagire ubutunzi bwinshi bw'iby'isi, cyangwa ngo bazamenyekane cyane ku isi babe ibyamamare, ahubwo ngo babe umwe. Yarasenze ati, " Bunviye ijambo ryawe".

Aba bagabo ba banya-ntege nke, bambitswe ubutungane bwa Kristo. Natwe niko bimeze. Iyo Imana itureba, itubona mu mwenda wo gutungana twambitswe n'umucunguzi wacu, Kristo.

Kristo arasaba ngo Ise azakomeze kurinda abashyize ukwizera kwabo muri we. Twe ubwacu ntitwakwirinda ngo tubishobore, ariko ikiganza cy'Imana ku ntugu zacu ni nk'icy'umuvandimwe udukunda cyane. Ntazatureka ngo tugende, nta nari mwe yatererana abashyira ukwizera kwabo mu Mana. Inshuro nyinshi muri iri sengesho, Yesu asengera ubumwe mu ntumwa ze (Yohana 17:11;22-23).

Nyamara kugira ubumwe ntibivuze ugusa muri byose. Ntabwo ubumwe bivuze ngo dukurikire izi ntumwa za Kristo naho zagiye zitsindwa. Ntibinavuze ariko ko dukwiye kujya impaka za ngo turwane. Byashoboka ko habaho impaka, no kutumvikana ku bintu bimwe na bimwe mu bigishwa ba Kristo, ariko kuko twese twakijijwe n'igitambo kimwe cya Kristo, twese turi abavandimwe, ndetse dufite Data umwe wo mu ijuru.

Amatorero menshi yagiye akora amahano, ategeka abizera bayo kwizera no gukurikira umurongo ku wundi ibyo abigisha babo babategeka. Aya matorero yabaye nk'inganda zikora inkweto z'ubwoko bumwe. Ibitekerezo bishobora kuba bifutamye, ariko urukundo ruva ku Mana ruhora ari urw'ukuri, niyo mpamvu dukwiye kumva neza itandukaniro riri hagati y'ubumwe mu bitekerezo n'ubumwe bw'umutima n'urukundo. Kristo yasengeraga ubumwe bw'umutima.

Igihe Kristo yageraga ku musozo w'isengesho rye, yagize ati: "Data narabakumenyesheje, kandi bazakomeza kukumenyekanisha mu abandi kugirango urukundo wankunze, rubabemo, kandi nanjye ubwanjye mbabemo. Iki ni icyifuzo cya Kristo kugira Ijuru hano ku isi, rirangwa n'ibikorwa n'amagambo by'abamukurikiye.

# 14

# YESU I GETSEMANI

Umwami w'abami mu mubabaro mwinshi asohoka i Yerusalemi. Yambuka ikibaya Kedroni ari kumwe n'inshuti nkeya, amarira amutemba mu maso atangira guterera umusozi w'imizeti. Yari asize inyuma ye igihugu cye, umutima we ushengurwa nuko banze kumwemera, umwe mu nshuti ze magara wendaga ku mugambanira yari asigaye aho mu murwa.

Iyi nkuru isa n'igaragara muri 2 Samuel 15-18. Ivuga ku mwami Dawidi wari wagambaniwe n'umuhungu we Abusalomo. Imyaka igera ku igihumbi ishize, uwiswe umuhungu wa Dawidi, Yesu Kristo yagambaniwe na Yuda Iskariyota, ava muri Yerusalemu ari kumwe n'abigishwa be yambuka umugezi Kedroni, yurira umusozi w'imizeti.

Ageze mu busitani bwa Getsemani, Yesu yafashe Petero, Yohana na Yakobo bigira hirya atangira kugira ubwoba n'ishavu. Yageze aho avuga ati "Umutima wanjye ushavuye byo gupfa; nimugume hano mube maso nanjye, musenge" (Mariko14:33-34).

Mbese ni kuki uyu mugabo yashengurwaga n'ishavu n'ubwoba? Kuko yemeye gushyirwaho icyaha cy'isi yose ngo yishyure umwenda wacyo, ariwo ugutandukanywa n'Imana ariyo Se. Bibiliya ivuga ngo, "Utigeze arangwaho icyaha, Imana yamugize impongano y'icyaha kugirango muri we duhinduke abatunganiye Imana" (2 Korinto 5:21). Nta cyemezo cyigeze gifatwa cyangwa kizafatwa cyamera nk'icyemezo Yesu yafatiye i Getsemani.

Ni mu busitani bwa Getsemani, Yesu yagombaga guhitamo gupfa urupfu rw'iteka ryose ku bwacu cyangwa kudutererana ngo twiyishyurire umwenda w'icyaha. Yagombaga kujya ku musaraba, aho yagombaga gupfira mu cyimbo cyacu: urupfu rwari rukomatanye, kandi rwuzuye, rudasigaranye icyizere na gito cyo kubaho. Nta gushidikanya, iki cyari icyemezo gikomeye gufata, ni ukuri nta gushidikanya, yari yuzuye ishavu.

Imana yanga icyaha kubw'ibibazo cyateye abantu, imiryango n'ibihugu, niyo mpamvu yashyizeho gahunda yo kukirimbura. Nyamara icyaha ntigituye hanze y'abantu, ntushobora kubona I kilo cy'ibyaha, cyangwa ibiro bibiri byo gukiranirwa, icyaha ni ikibi gituye mu mutima wa buri wese. Ni ukwigomeka ku itegeko ry'Imana, kandi kikarangwa n'ubwicanyi, ubusambanyi, ukwiba, ukubeshya, n'ibindi byinshi bikiranga.

Bitewe nuko icyaha gituye mu bantu rero, Imana ibasha kukirimbura ibinyujije gusa mu bantu. Hari uburyo bubiri bwo kubikora. Ishobora gufata ibi byaha ikabyikorera hanyuma ikemera kwicwa nabyo mu mwanya wacu, cyangwa se ikaturimbura bikarangira. Kuko ari Imana y'urukundo rero yahisemo kurimbuka mu mwanya wacu. Yashoboye kwishyura umwenda w'icyaha twari dufite rero

kubw'umusaraba. Imana yerekana urukundo rwayo idukunda muri ubu buryo, “Tukiri abanyabyaha, Imana yatanze umwana wayo apfa mu cyimbo cyacu” (Abaroma 5:8).

Nyamara abantu benshi bakunda icyaha cyane bakanga kugiha uwemeye kukikorera kubwabo, niyo mpamvu mu rubanza rwa nyuma baziyishyurira umwenda wabo kuko banze kwemera ubwishyu bwa Kristo. Ibintu ni bibiri, dushobora kwemera urupfu rwa Kristo kubwacu, cyangwa tugapfa kubwacu, nta bundi buryo buhari. Niturimbuka ku munsi w'imperuka, bizaba bitewe gusa no kuba twarateye umugongo impano y'ubuntu Imana yaduhereye muri Kristo. Bizaterwa gusa nuko tuzaba twarakunze ibyaha byacu kuruta uko tuzaba twarakunze Kristo. Icyaha kiruta ibindi ni ugutera umugongo urupfu Kristo yapfuye kubwacu.

Muri Getsemani Yesu yagombaga kuhafatira icyemezo niba yaragombaga kudupfira urupfu rwa kabiri cyangwa niba yarajyaga kutureka tukitambira, tukishyura umwenda wacu w'icyaha. Umuremyi w'isi wabayeho iteka ryose ubu noneho yari yashenguwe n'uguhitamo yari yagize ko kumena amaraso ye kubwacu. Byatumye Imana yohereza Malayika ngo amukomeze, (Luka 22:41-44).

Iyo turi mu mubabaro, Imana iba yiteguye kutubona mu isengesho nkuko Kristo yabigenje muri buriya busitani. Kristo yakoresheje izina Abayahudi batari bamenyereye gukoresha ku mutware wahanze byose, aravuga ati: “ABBA”, bisobanura “DATA” (Mariko 14:36). Imana yacu ni Imana y'urukundo kandi yumva neza imitima yacu. Izi neza ko dukozwe gusa mu mukungugu. Nkuko umubyeyi ahangayikira abana be akabagirira impuhwe, niko Data wo mu ijuru azigirira abamwubaha, ntituzigera tugira amahoro mu mibabaro yacu kugeza ubwo tuzemera gufata Imana nkaho ari umubyeyi wacu.

Muri Matayo 26:39 dusoma ngo, “Yigira hirya gato, agwa yubitse amaso arasenga”. Ibibazo twaba turimo uko byaba bingana kose, jya wibuka ko Yesu yigiye hirya gato. Uko twaba twugarijwe n'akaga gakomeye gate, tujye twibuka ko Yesu yugarijwe n’akarenzeho. Ibirenge bye byakandagiye mu ihwa ryose ryashakaga kutujomba. Iyo Bibiliya ivuga ngo Yesu yari yuzuwe n'umubabaro wendaga kumwica (Matayo 26:38), mwibuke ko yari ababajwe atotezwa no gutekereza ukuzimira no gutandukanywa na Se by’iteka ryose. Ngiri iyobera risobanura andi mayobera yose. Iyo dusobanukiwe n’umubabaro ntagereranywa w'iyi Mana- muntu, tuba dufite urufunguzo rw’agakiza kacu, iyo twumvise impamvu z’umwijima yanyuzemo, ntiduca mu mwijima ukundi.

Mu gihe Getsemani na Kaluvari ari byo bintu bibi isi yigeze ibona (Aho umuntu yica umuremyi we), ni nabyo bikora amateka meza yigeze kubaho (Umuremyi ahitamo gutanga ubuzima bwe kubw’uwo yaremye, ngo tubashe kubaho mu mudendezo w’iteka ryose).

Getsemani na kaluvari hatubwira ko umubabaro udasobanuye ko turi twenyine, igihe Yesu yariraga ku musaraba ataka ati “Mana yanjye Mana yanjye n'iki kikundekesheje?” Bitwereka ko hari igihe dushobora gutekereza ko twatereranywe

mu gihe mu byukuri atariko bimeze. Igihe Yesu yapfaga yafashe uku gutereranwa kwacu kose, bivuze ko ubu icyo Imana isigaranye kuri twe ni urukundo gusa.

Mbese wigeze ureba ukuntu umuvumo wose wa Adamu kubw'icyaha cye wikorejwe Kristo ku musaraba? Igihe Adamu yacumuraga yabwiwe ngo uzaniye ubutaka kuvumwa, uzajya urya wiyushye akuya, kandi isi izamera amahwa n'ibitovu kubw'icyaha cyawe. Muri Getsemani Yesu yiyushye ibyuya by'amaraso, kandi mbere yo kubambwa kwe yambitswe ikamba ry'amahwa.

Igihe Adamu yacumuraga, yambaye ubusa Umwuka w'Imana wamwambikaga amuvaho, igihe Kristo yabambwaga nabwo yabambwe ku musaraba yambaye ubusa buri buri. Igihe Adamu yacumuraga, yirukanywe imbere y'Imana, Kristo nawe igihe ashyirwaho ibyaha byacu yagezweho n'umuvumo wo kwirukanywa imbere y'Imana.

Reka dusubire i Getsemani, Yesu asenga ati: "**Data** niba bishoboka iki gikombe kindenge, ariko bye kuba uko nshaka, ahubwo bibe uko wowe ushaka" (Matayo 26:39). Igikombe cyuzuyemo ibyaha by'isi cyacishijwe imbere ya Kristo ngo akinywe kandi agomba guhitamo kukinywa cyangwa kukireka. Iyo ananirwa kukinywa buri wese muri twe yagombaga kunywa uburozi bw'ibyaha byuzuye igikombe cye, ni ukuvuga ngo Yesu yashoboraga kukitunywera, cyangwa twebwe tukakinywera. Nyuma arasenga ati: "Data niba bishoboka iki gikombe kindenge ne kukinyweraho, ariko ubushake bwawe bube aribwo buba" (Matayo 26:42). Yesu yahisemo kunywera ku gikombe cyacu. Imana ishimwe.

Umubabaro yagiriye muri Getsemani wamuteguriye kwihanganira umubabaro yendaga kugirira ku musaraba. Getsemani niho hantu yagombaga gufatira icyemezo; hanyuma Kaluvari niho hagombaga kubera igikorwa. Ari Yuda ari na Yesu bafashe ibyemezo byabo muri Getsemani. Yesu yafashe icyemezo ku bwacu, Yuda nawe afata icyemezo kirwanya Kristo. Inyokomuntu yangirikiye mu murima, ariko n'ibyemezo byo gukiza iyi nyokomuntu byafatiwe nabyo mu murima.

Igihe Kristo yasengeraga I Getsemani, abasirikare b'abaroma, n'abakuru b'idini baje kumufata ( Yohana 18:2-3). Bari bayobowe na Yuda. Umwana wo kurimbuka (Yohana 17:12). Baramwegera Yesu arababaza ati "ninde mushaka? Bati turashaka Yesu w'I Nazareti. Yesu ababwiye ati, "Ni njyewe", bose basubiye inyuma bagwirirana. Yesu yaberetse ko afite imbaraga zose, ko byose biri mu bubasha bwe, abereka ko atabyemeye nta na kimwe babasha gukora.

Abaje i Getsemani gufata Yesu bari bayobowe na Yuda, umwe mu ntumwa cumi n'ebyiri za Kristo. Yuda nk'umucunga mutungo w'umuhanga yari ashinzwe gucunga umutungo w'iryo tsinda. Amateka atubwira ko Yuda yajyaga rimwe na rimwe yiba amafaranga mu isanduku y'itsinda akayakoresha ku bimureba ubwe. Yuda ntiyigeze yitanga burundu ngo ashyire ubuzima bwe n'ibyiringiro bye muri Kristo, igihe Yesu yamuhuguraga kubwo kwifuza kwe yararakaye, maze mu kwihimura amugambanira ku bayobozi b'idini y'abayuda (Yohana 12:3-7; Mariko 14:6-10).

Abo baje i Getsemani gufata Yesu bari bayobowe na Yuda, umwe mu ntumwa cumi n'ebyiri za Kristo. Yuda nk'umucunga- mutungo w'umuhanga yari ashinzwe gucunga umutungo w'iryo tsinda. Ikibabaje nuko yajyaga rimwe na rimwe yiba amafaranga mu isanduku y'itsinda akayakoresha ku nyungu ze bwite. Yuda ntiyigeze yitanga burundu ngo ashyire ubuzima bwe n'ibyiringiro bye muri Kristo, igihe Yesu yamuhuguraga kubwo kwifuza kwe yararakaye, maze mu kwihimura amugambanira ku bayobozi b'idini y'Abayuda (Yohana 12:3-7; Mariko 14:6-10).

Ibi byerekeza ku bizaba mu gihe cya nyuma cy'akarengane. Umubiri umwe ugize itorero rya Kristo uzaba waracitsemo ibice nka Esiraheli yo mu gihe cya Yesu. Bamwe bazaba bariyeguriye Yesu abandi bazaba ari abayoboke b'enzego z'idini. Umwe umeze nka Yuda umwana wo kurimbuka, azagambanira abizera by'ukuri ba Kristo (Yohana 17:12; 2Abatesalonike2:3). Nkuko Abayahudi na abanya-mahanga bafatanyije mu kwica Yesu, ninako Itorero rizifatanya na Leta mu kwica intore za Yesu (Ibyah.13:15).

Kugambanirwa n'inshuti ntabwo byoroshye no kubitekereza. Ariko noneho kugambanirwa n'inshuti ikoresheje kugusoma n'ibindi. Ggusoma bisanzwe bisobanura ubuvandimwe n'urukundo. Ni nako bizaba mu minsi y'imperuka. Ibijya kubabibanza kwiyereka mu mashusho. Anti-Kristo azaba arahira kuba indahemuka ku bizera ariko mu by'ukuri agambiriye kubarimbura.

Amateka k'ubuzima bw'abantu ni ingenzi cyane ku mpamvu nyinshi. Impamvu ya mbere nuko imibabaro, ibigeragezo, n'intambara, bitera akenshi agahinda tugira. Ukugwa kwa Yuda gukwiye kutwereka ko twagiye tugambanira Kristo inshuro nyinshi, kandi akenshi tukamugambanira ku bintu bidafite n'agaciro k'ibiceri mirongo itatu. Ahari turamutse twemeye ibyaha byacu uko biri, byanadufasha kubicikaho.

"Uri gukora ibiki Yuda we?'— "Ndi kukugambanira Mwami.'

"Uri gukora ibiki Yuli we?' --- "Ndi kubeshya Mwami'.

"Uri gukora iki Yakobo we?' ---"Ndi kwiba Mwami".

"Mariko we uri gukora ibiki?' --- "Ndi gusambana Mwami".

Iyaba twaturaga ukuri ku byaha byacu, twabasha kubona muri Yuda ububi bwacu n'uburyo duhangana n'Imana ubwayo. Iyi mbaraga yitwa umudendezo. Imana yaturemeye kuba ab'umudendezo, nyamara umuntu ufite umudendezo aba afite n'inshingano ikomeye. Ushobora gukoresha umudendezo wawe ukora icyiza, cyangwa ukawukoresha ukora ikibi.

Imana yacu ni Imana itanga umudendezo, ntiyigera ikoresha ingufu ku muntu ngo akore icyo ishaka. Mwibuke umusore w'umutunzi wari n'umuyobozi (Mariko10:17-23). Yateye Kristo umugongo aragenda, asiga Yesu ababaye, ariko ntiyigeze amutegeka ngo agaruke. Ntiyigeze amwiruka inyuma ngo amufate ku rutugu amwemeze ko akwiriye kumwumva. Ibi biteye ubwoba. Ni ukuvuga ko nkwiye guhora ndi maso iteka ngo ntazakoresha umudendezo wanjye nabi.

Reba abasirikare bituye hasi igihe Kristo yaberekaga imbaraga ze mva-juru, mbese hari icyo bahigiye? Uko bigaragara ashwi, ntanubwo bigeze bigira kucyo Kristo yakoze ubwo yakizaga umuntu ugutwi Petero yari amaze gukuraho. (Luke 22:49-51). Bakomeje mu bibi byabo nkuko jye nawe akenshi Yesu atwigisha ariko tugahitamo kwigumira mu bubi bwacu.

Aba bagabo bafashe amaboko ya Yesu barayaboha, nkuko natwe akenshi tubigenza, igihe duhugira mu by'ubu buzima ntitugire akanya na gato duha Kristo ngo aganirize imibereho yacu.Iyo tugenje dutyo, tuba twamuboshye. Kereka iyo tubayeho mu rukundo, nahubundi dukora bimwe n’ibyaba basirikare, tuboha kenshi amaboko ya Yesu.

Yesu amaze gufatwa ajyanywa ku nzu y'abayobozi b'idini kubazwa, abigishwa bose barahunga kubwo gutinya ko nabo bafatwa. Nyuma y'igihe gito Petero na Yohana, baza babakurikiriye kure. Bageze imbere y'urugo rw’umutambyi mukuru barabareka barinjira.

Petero yinjiramo imbere murugo, rwari urugo runini rw'impande enye, rushashe amabuye hasi, kumpande enye zose hariho amazu maremare. Hari hakonje ari n'ijoro, bari bacanye icyoteri hanze, Petero yegerezwa icyo cyotero ngo yote agire ubushyuhe, maze umuja aramwegera aramwitegereza maze aramubwira ati: “Ariko nawe wari kumwe na Yesu”.

Satani ni incakura, ntabwo adutera mu buryo twari tumwiteguyemo. Iyo Petero aza kujyanywa imbere ya Kayafa bakamusaba kwihakana Yesu, yari kwemera no gupfa aho kugirango yihakane Umwami we. Nyamara yabajijwe n'umukobwa mutoya, kabaye nk'isazi yitaye mu mata, Petero nawe amuhimisha kumwihorera. Uku kwikomeza kwa Petero kwateye umwanzi gukomeza gushyiramo ingufu cyane ngo atandukanye Kristo na Petero.

Petero kugirango yirinde ibindi bibazo, yahinduye umwanya, ava iruhande rw'umuriro ajya hafi yaho binjirira, ubwo yigiragayo rero, wa muja aramubona abwira abari aho ati: “Uriya mugabo nawe yari kumwe nabo”. Kuba yari yihakanye Yesu bwa mbere rero byari nko kuba ari ukwisuzuguza noneho iyo avuga ati: Nibyo ndi kumwe na Yesu. Bituma amwihakana bwa kabiri. Abalewi mu gihe bishimiraga intsinzi yuko bafashe Yesu, barebye Petero maze baramubwira bati “Dukurikije imivugire yawe uri umunya Galileya, ugomba kuba uri umwe muri bo”. Noneho Petero arahira ko atanamuzi rwose.

Ako kanya inkoko ibika bwa kabiri Petero ahita yibuka amagambo Yesu yari yamubwiye ati “Isake itarabika kabiri, uraba umaze kunyihakana gatatu”. Ako kanya Yesu ahindukirira Petero amurebera mu cyumba cyo hejuru, amureba indoro isa nk’imubwira ko amaze guhemuka, ariko indoro y'urukundo, kandi indoro y'imbabazi. Iyi ndoro yakoreye Petero ibikomeye kuruta ibika rya ya sake - yashenjaguye umutima wa Petero. Nuko n’amarira menshi yirukankira hanze (Mariko14:66-72). Hanze aho ari kumwe n’Imana yonyine, Petero yavutse ubwa kabiri.

Mbere gato Yesu yari yamubwiye ati: “Petero numara guhinduka, ukomeze bene so”. Imana yari yabibonye mbere ko biri bubeho, yari yamaze kumubabarira, kandi yari yamukomeje kare. Mbega urukundo! Iyi ntabwo ari inkuru abaKristo bahimbye.

Iyi ni inkuru y’ukuri. Hari ibintu bike byabaye byanditswe mu bitabo by'ubutumwa bwiza, kandi iyi ni imwe muri izo nkuru zabashije kwandikwa muri ibyo bitabo by’inkuru nziza. Iyi nkuru y’ukwihakana Yesu kwa Petero igomba kuba yarashegeshe umutima wa Yohana kuburyo bitamushobokekeye kutayandika nubwo bwose yari azi ko abandi banditsi batatu bamaze kuyandika.

Buri nteruro muri iyi nkuru iteye agahinda. Interuro ntoya cyane ishobora kugira igisobanuro giheranije. Kuki koko Petero yahindukiye agakurikira Yesu mu nzu y'umutambyi mukuru? Yabikoze kubwo kwishyira hejuru. Yari amaze iminsi yiyemeye ko ngo abandi bigishwa bose bashobora kuzihakana Yesu, ariko we ahamya ko atazabikora rwose (Mariko 14:29-31). Nigute yari guhura n'abandi iyo yiruka?

Iyi nkuru ni iyacu natwe, kuko wowe nanjye, turi ba Petero. Ikibazo “Kristo”, nubu kidushyira mu rubanza nkuko byari bimeze mu rugo rw’umutambyi mukuru. Iki si ikintu cyahise gusa cyarangiye. Urubanza rwa Kristo ruraba n'uyu munsi kandi dushobora guhitamo nka Petero kwihakana Yesu. Dushobora kuvuga ko tutari abigishwa ba Kristo, nyamara dukwiye kuzirikana ko buri jambo na buri gikorwa dukoze ari itangiriro ry’uruhererekane rw’ibibi, kuko ikibi kirakura.

Ugukomera k'uruhererekane ntikurusha agaciro aho rucikira, nkuko umwobo mutoya ubasha gutuma ubwato bwose bwibira bukarohama, niko n'icyaha kimwe gishobora kumanura umu- Kristo kikamugeza hasi. Ahantu tubonera umutekano ni ukuguma hafi ya Kristo gusa. Amateka atubwira ko nyuma y'ibyo bihe mu gihe abakristo babaga bateranye Petero ari kwigisha mu materaniro ya mugitondo, iyo inkoko yabikaga, Petero yarekeragaho kwigisha akarira. Iyo yongeraga gufata ijambo rero, yabaga afite uguca bugufi, ugutentebuka, kuburyo iteraniro ryose ryabaga ribabaranye nawe.

Yesu yongeye guha Petero imbaraga, ndetse aramukoresha mu kugeza inkuru nziza ku banyamahanga mu gihe cya Pentekote. Petero yahindutse umwigisha ukomeye cyane wamamaza inkuru y'Umwami Yesu kugeza ubwo we ubwe nk'Umwami we yageze aho abambwa azira kwizera kwe, ndetse abambwa acuritse kubw’icyubahiro yahaga Umwami we.

Hari ubwoko bubiri bw'ubugambanyi ku bwami bw’Imana. Ubwa mbere ni ukubeshya ko uri umwizera w’ingoma y'Imana mugihe mu by'ukuri atariko bimeze; ubwa kabiri ni ubuhabanye nubwo, kubeshya ko utari umwigishwa wa Kristo kandi muby'ukuri uriwe. Yuda ni umugambanyi muri ubwo bwoko bwa mbere, Petero ni uwo mu bwoko bwa kabiri. Yuda yagambiriye kugambanira Yesu, naho Petero we yaratsikiye aracikwa. Yuda ntabwo yari yariyeguriye Yesu burundu, nyamara Petero we yari yaramwihaye burundu.

Petero yari yiteguye kurwana intambara n'inkota ye, ariko umwanzi we yaritaje maze aho gukata ijosi, amukata ugutwi. Igihe cyose itorero rishatse kurwana intambara rikoresheje inkota cyangwa izindi ntwaro za hano kw'isi, riribeshya.

Mu kubwiza ukuri Petero, impamvu inkota ya Petero nta wundi yigeze yambura ubuzima nuko nta muntu numwe wigeze apfira aho Yesu ari, aho yabaga ageze hari ikiriyo hose yagikuragaho, kandi yabaye uwa mbere gupfa kubo bari babambanywe bose ku musaraba. Nta muntu n'umwe wigeze agwa imbere ya Yesu ngo abure ubuzima bwe.

Kristo ashoboye gukuraho amafuti yacu, niwe wenyine ushobora kugarurira ubuzima ababukuwemo, akavana ugutsinda mu gutsindwa. Mu gihe ugeze mu ntambara, ntukihutire gukuraho abo muhanganye amatwi, kuko nugenza utyo uzaba uri gukora ibihabanye n'umugambi w'Imana, Yesu yabwiye Petero ati: "Subiza iyo nkota yawe mu rwubati, mbese sinkwiriye kunywera ku gikombe Data anteguriye?" (Yohana18:11). Yesu ntakeneye ko tumufasha, akeneye ubudahemuka bwacu no kuguma ku migambi ye myiza.

Turabona Imana yacu itanga ubuzima bwayo I Getsemani, yaragiye mu bushake bwe, yemera ko bamufata, atanga amaboko ye ngo bayabohe, kandi turamubona n'agahinda kenshi kumusaraba agira ati, "Nanze kwikiza ubwanjye ngo mbakize mwebwe". Sinigeze mpisha amaso yanjye gukorwa n'isoni kugirango mu maso hanyu harabagirane nk'izuba. Nikoreye umusaraba ngo mwe muzagendane inkoni y'ubugabe.

Nambaye ikamba ry'amahwa kugirango muzambare ikamba ry'icyubahiro. Namanitswe mu mubabaro ngo muzicare mu ntsinzi kandi namanuwe hasi cyane ngo muzazamurwe hejuru ku bicu.

Niba urukundo rwa Kristo rutaduhindurira ku byiza, imitima yacu irenze ikirizo. Ntidukwiye gutekereza ko Kristo yafashwe akabambwa n'ingabo z'Abaroma, abarinzi b'urusengero, Yuda, Kayafa, ndetse na Anas(umutambyi mukuru), cyangwa Pilato. Oya ni itegeko ryafashe Kristo, kandi ubutabera n'urubanza by'Imana nibyo byaje kumushaka, kuko yari yashyizweho ngo asimbure inyokomuntu. Ikintu cyose cyabaye kuri Kristo, nicyo cyari gikwiriye kuba ku nyokomuntu. Dukwiye kubohwa, gukubitwa no gutotezwa ndetse tukabambwa. Ariko kuko Kristo yafashe urupfu rwanjye, mfite ubugingo buhoraho niba mwizera, kuko yafashe isoni zanjye, mfite icyubahiro cye, kuko yafashe icyaha cyanjye, mfite gukiranuka kwe.

# 15

# YESU MU RUBANZA

Igihe Anna yabazaga Yesu iby'inyigisho ze, Yesu yamusubije ko yahoraga yigishiriza mu rusengero rukuru no mu ma sinagogi, aho Abayuda bose bahurira, nta kintu na kimwe yigeze avugira mu ibanga. Amubwira ko abantu bashobora kumutangira ubuhamya, abwira Anna kubabaza.

Buri jambo ryose rivugiwe mu ibanga no mu rwihisho riba rifite ikibazo cyo gushidikanya n'icyaha. Yesu rero we yakoreraga mu mucyo. Kandi ikintu cyose umwigishwa wa Yesu akoze akwiriye kugikorera mu mucyo aho bigaragarira bose.

Ubwo umwe mu basirikare yakubitaga Yesu urushyi mu musaya kubw'ibyo asubije Anna, Yesu yaramubwiye ati: "Niba navuze ikintu kitari cyo kinyereke, ariko se niba mvuze ukuri umpoye iki?" Yesu ntabwo yari icyo gusunikwa. Kuba umukristo ntibivuze kuba icyo gusunikwa. Ni uguhagarara nk'urutare kuby'ukuri.

Ikibabaje nuko izi nkiko zabaye ntanga rugero mu itorero. Mu myaka ibihumbi bibiri uhereye icyo gihe, ingaga za amatore yanze ubtumwa bwiza, zakomeje gutoteza bakeya bakiriye ubutumwa bwiza. Kubera ko ukuri kw'ubutumwa bwiza guhabanye cyane n'imigenzo y'abantu, ibyo byateje intambara mu itorero rya gi-Kristo, maze ubutumwa bwiza bw'ukuri bukurwaho kugirango imigenzo yashyizweho n'abantu igumeho.

Yesu ajyanwa noneho kwa Kayafa, umutambyi mukuru kuruta abandi wari ushinzwe ibibazo by'itorero byose, yari yubashywe cyane mu gihe cye. Abatambyi bagera ku bihumbi makumyabiri baramukoreraga, kandi Isiraheli yose yamwubahaga nkuhagarariye ijwi ry'Imana hano kw'isi. Kuki yagombaga kugira icyo avuga? Zari inshingano ze kurwanirira inyungu z'idini ye uko byagenda kose. Nyamara iyo imigenzo y'abantu ihuye n'amategeko y'Imana, abantu b'indahemuka bamenya icyo bakwiye guhitamo.

Muri Matayo 23 Yesu yihanangirije abafarisayo ku myigishirize yabo ipfuye, imigenzo yabo, ubutunzi, uburyo batangagamo ubutumwa, ndetse n'uburyo basengaga, mbese ntiyacaga k'uruhande, iyi yari intambara igaragara. Aha rero Ikiyuda cyagombaga gupfa, cyangwa se Yesu agapfa, nibwo Kayafa abiboneye igisubizo ati: "Mwa bapfu mwe nubu ntimuramenya ubwenge, ntimubona ko bikwiriye ko umuntu umwe yapfa aho kugirango abenshi bapfe?" (Yohana 11:49-50).

Ariko Kristo arabahindukirana, arababwira ati igihe kizaza ubwo jye nzabacira imanza, mu yandi magambo ibyo bari gukora, byajyaga kuzakorwa n'umuntu umwe mu gihe kizaza. Yesu yanyujijwe imbere y'imanza zirindwi zose: bwa mbere imbere ya Anna, imbere ya Kayafa, nyuma aza kwitaba inama y'abigisha ku mugoroba, no ku munsi wakurikiyeho kare kare mu gitondo, aza kwitaba Pilato, acishwa kwa Herode, agarukanywa kwa Pilato. Batangaga ibirego birindwi; ko yateguraga gusenya urusengero, ko yari umwicanyi, ko yariho ahindura ibitekerezo by'abantu

bibi, ko yigishaga abantu kwanga gutanga imisoro I Roma, ko ateza akaduruvayo mu bantu, ko avuga ko ari umwami, kandi ko yivuga ko ari Umwana w'Imana.

Abantu barindwi bahamije ko Yesu arengana. Kandi urubanza rukomeye imbere ya Pilato rwarimo ibice birindwi, aho Yesu yanyuzwaga imbere ya Pilato cyangwa se Pilato atanahari. Ubutumwa bwiza uko bwanditswe na Yohana, dusanga ko Pilato yabajije Yesu ibibazo birindwi, kandi ubutumwa bwose bwanditswe n'abanditsi bane bwahamije ko Pilato yavuze inshuro zirindwi ko nta kosa abona kuri Kristo. Yesu yahanwe ibihano bitanyuze mu kuri birindwi byose : bamukubise urushyi mu maso, yarakubiswe, abarinzi b'Ibwami bamukubise iminyururu, bamukubita ibiboko, bamuvundereza amacandwe, bamaze kumwambika ikamba ry'amahwa mu mutwe bamukubitaho inkoni zirindwi, hanyuma baranamubamba.

Kristo wabambwe yari afite ibikomere birindwi, kandi ukubambwa kwe kwamaze amasaha arindwi, amasaha atandatu ku musaraba, n'indi saha yo kuruhuka amanuwe ku musaraba. Ku musaraba Yesu yavuze amagambo arindwi yonyine, kandi hari amagambo arindwi yabwiwe ubwo yari akimanitswe ku musaraba. Ibi uko byagiye biba birindwi birindwi ntabwo byapfuye kubaho. Ijambo ry'igiheburayo "sheba" rishobora gusobanurwa ngo "karindwi" cyangwa "isezerano". (Reba Itangiriro 21:27-31). Imana yatanze isezerano ko izakiza ibyaha by'abantu, kandi ko nibamwizera, bazongera kuyibera ubwoko. Ku musaraba, Yesu yamennye amaraso kubw'agakiza kacu, niwe wari "amaraso y'isezerano", yagombaga kumeneka kubwa benshi kugirango bababarirwe ibyaha (Matayo26:28). Igihe cyose tunyweye aya "maraso", tuba twemeje ko twemera Yesu nk'umukiza wacu. Ibi byose birindwi twagiye tuvuga haruguru, ni umukono w'Imana ku isezerano ryayo ko Yesu ariwe uzuzuza umugabane w'Imana w'isezerano ryo kudukiza.

# 16

# YESU IMBERE YA KAYAFA

Uguhura kwa Yesu na Kayafa, cyabaye ikiganiro cy'iby'umwuka cya mbere kigeze kibaho mu mateka y'isi. Kristo umwana w'Imana imbere ya Kayafa umukuru w’Iyobokamana, itorero ry'Imana ryari ryarabayeho imyaka irenga igihumbi yarishize, ubu noneho, ryari ryabaye ubusabusa. Ryagiye mu migenzo maze rihinduka iryigisha ibitagira umumaro. Kristo yarishinjaga kuba nk'amashusho gusa, itorero ryabaye umusaka, Imana ntiyari ikiribamo (Matayo 23:38). Abigisha aho kugirango bayobore umukumbi w'Imana, ahubwo bari baratangiye kubazanamo ubucakura. Kayafa arakazwa n'ibyo Kristo yabashinjaga, biramurakaza, ahita afata icyemezo ko Kristo agomba gupfa. Nyamara hari ikibazo gikomeye kuko Abayuda nta bubasha bari bafite bwo kwica umuntu. Ubwo bubasha bwari bufitwe gusa n'Abaroma bari baraba-kolonije. Kandi ikibazo nuko Abayuda batabonaga ikintu gifatika bashinja Yesu, imbere y’uyu umuroma Pilato. Nta batangabuhamya bari bafite. Ni nkaho ikibazo cya Yesu cyari kigiye kubayobera.

Ikindi kandi hari hahagaze Kristo imbere yabo, ahubwo ameze nkaho ariwe uri kubacira urubanza. Muri ako kanya Kayafa asa nk’utaye umutwe rwose kubera uburakari niko kubaza Yesu ati: “Tubwire urashaka kuvuga koko ko uri Umwana w'Imana?” Mu kumusubiza Yesu agira ati: “Mu gihe kizaza muzabona Umwana w'umuntu aje ku bicu byo mu ijuru acira isi yose urubanza, aje gukosora amafuti yose”. Ntuzakorwe n'isoni no guhagarara mu mwanya wa bake bakunda kandi bakorera Kristo. Ntuzigere na rimwe uterwa ubwoba na benshi bavuga amajwi menshi bavuga ko utari mu kuri. Niba uhagararanye na Yesu, nawe akaba ahagararanye nawe, uzababwire uti, “Igihe kigiye kugera ibintu bigahinduka, abari imbere bakaba aba nyuma, n'abari abanyuma bakaba aba-mbere. Nta gihe kinini cyahise, isi yaratigise munsi y'ibirenge bya Kayafa, nabamushyigikiye, maze imva z'abera zirafunguka” (Matayo 27:50-53).

Izuba rihisha umucyo waryo, umwenda ukingirije ahera cyane utabukamo kabiri, ufungura inzira ku bashaka kwegera intebe y'Imana. Ibi byose byerekezaga ku gihe Kristo azagaruka nk'umucamanza. Kuri uwo munsi ibituro bizongera bifunguke (Yohana 5:28-29). Kuri uwo munsi izuba rizacura umwijima nk’ubwoya bw’ihene (Ibyah.6:12). Hanyuma Imana yihishurire bose (Ibyah.6:16-17).

Yesu agiye kuza guca imanza. Aje gucira imanza abantu ku giti cyabo, amadini, amashyirahamwe, amasosiyete, ibihugu, ndetse n'isi yose muri rusange. Hari uburyo bumwe gusa bwo gucika urwo rubanza, ni ukwitanga, tugaha Yesu ibyaha byacu, kuko ariwe wabibambiwe ku musaraba. Ababigenza batyo kuri urya munsi uteye ubwoba, bazaba buzuwemo n'umunezero (2 Timoteyo 4:8; 1Yohana 2:28). Abatagenza batyo bo bazamarwa n’ubwoba ubwo azaba agarutse (Ibyah. 1:7; 6:12-17). Ibyaha byabo bizabarya.

Kayafa yafashe icyemezo, avuga ko niba akwiriye gukiza itorero, Kristo akwiye gupfa. Nyamara Kristo yaje gukiza itorero. Mbese twari kuba ku ruhe ruhande iyo tuza kuba duhari? Mbese twari guhagarara ku ruhande rwa Kayafa ngo dukize itorero ryangijwe n'imihango n'imigenzo y'ibitagira umumaro? Cyangwa twari guhagararana na Kristo n'ijambo ry'Imana? Dufite guhora duhitamo hagati y'itorero na Kristo, hagati y'igifite amajwi menshi n'igifite ukuri, hagati y'ukuri n'ibinyoma. Dr. Arthur Beitz yaravuze ati : "Nta mpamvu twabamba Yesu ngo dukize idini. Kereka Kristo abayeho nah'ubundi itorero nta buzima riba rifite."

Ahazaza hacu hashingiye ku uko tugenza Yesu. Mbese Yesu witwa Kristo tumugenza dute? Muri buri guhitamo tugira, duhitamo Kristo cyangwa Kayafa, duhitamo ijuru cyangwa kurimbuka. Igihe cyose Kristo aduhagaze imbere ni ukuri kwe, tuba turi guhitamo ahazaza hacu. Yuda yahisemo guhagarara ku ruhande rwa Kayafa, nyuma aza gusanga kudahitamo Kristo kwari uguhitamo nabi. Nibwo agaruye amafaranga bamuhaye agambanira Yesu ku bakuru n'abayobozi b'itorero, hanyuma avuga ko yagambaniye amaraso atariho urubanza (Matayo 27:3-5).

Hari ba Yuda benshi mu itorero ryo muri iyi minsi, abantu bahembwa umushahara n'izindi inyungu mu madini, nyamara bakagambanira Kristo n'ubutumwa bwe. Aho kugirango bahagararane na Kristo bamwizeye, we wasezeranye guhaza ukwifuza kwabo (Matayo 6:25-34), bahitamo guhagararana n'ababaha umutekano w'ubutunzi bw'iby'iyi si. Uguhitamo ni ukwacu: Ukwizera muri Kristo, cyangwa izahabu yuzuye ibiganza. Abahitamo iyi zahabu y'uyu munsi kuruta ukwizera muri Kristo ubitaho, bazicuza umunsi umwe, ukutizera kwabo no kureba hafi cyane kwabo, kandi nka Yuda, bazicuza ikosa ryabo, ariko igihe kizaba cyarenze. Si ibyaha byabo bizaba bitumye barimbuka, ahubwo kuba batarahisemo guhagarara ku ruhande rwa Kristo.

Icyaha gisa nk'ikiryoshye iyo kitureshya ngo tucyegere, nyamara iyo tumazez kugikora, ubwiza bwacyo burahera. Mbere yuko ducumura, igikorwa cy'icyaha gisa nkaho ari gitoya kandi inyungu ari nyinshi cyane, nyamara iyo turangije kugikora, ibi bintu birihinduranya. Dusanga twakuyemo inyungu nkeya, kandi tukabona icyaha gifite ububi bungana umusozi. Umwanzi adushukisha amasezerano y'ibinyoma, ariko nyuma yaho ibilo by'umutima uducira urubanza bitubuza amahoro tukajyera aho twiheba. Icyaha nta na rimwe gisohoza ibyo cyasezeranyije; ibyo kidushukisha, biba byihishemo ubugome bukabije (rwagakoco).

Reba ukuntu abatambyi bashubije Yuda mu gihe yicuzaga arira: "Ibyo biturebaho iki"? Ibyo ni wowe bireba (Matayo 27:4). Nka Kayini wishe Abeli, nabo bavuze ko badashinzwe kurinda mwene se. Biroroshye kumenya niba turi ku ruhande rwa Kristo cyangwa rwa Satani, bitewe n'uburyo dufata bene data. Niba twemera kwikorera ku mitwaro ya bashiki na basaza bacu, turi aba Yesu. Niba twiyitaho gusa ntitwite ku bavandimwe bacu bakennye, ntituri aba Yesu tuba turi aba Satani. Dufite utwitaho byukuri. Araduhamagara ati: "Yemwe abarushye n'abaremerewe nimuze munsange ndabaruhura" (Matayo11:28).

# 17

# YESU IMBERE YA PILATO

Twamaze kubona Yesu acirwa urubanza n'abakuru bo mu Itorero. Ubu noneho tugiye kumureba ari imbere y'ubucamanza bwa Leta.

Abakuru ba Israheli bihutanye Yesu imbere ya Pilato, umuyobozi wari uhagarariye Roma muri Palestine. Pilato yari i Yerusalemi muri iyo minsi aturutse mu ngoro ye i Kayisariya. Ubundi ntabwo yakundaga kuza i Yerusalemi, hari ahantu hatamushishikaza, hatuje cyane. Yakundaga ahantu hashyushye, hari ibirori. Ubwo rero Ahageze, yagiye gutura mu ngoro ya Herode. Aho niho Kristo yajyanywe.

Ariko Abayahudi batinya kwinjira mu rugo rw'umuntu utari Umuyuda, umunsi mukuru wegereye gushyika batinya kwiyanduza, kubera ko kwandura, byabashaga kubabuza kujya mu birori bya Pasika. Bashoreye Yesu, bashyika kuri iyo ngoro yubatse neza cyane. Urwo rugo rwari rukikijwe n'uturima twinshi turimo ibiti byiza n'ibyatsi, na amazi. Bamaze kunyura mu irembo ryo hanze batumaho umwe mu basirikare ba Pilato ngo aze gufata imbohe bari bazanye. Ariko bo ntibinjira, baguma hanze ngo batiyanduza.

Aba bayobozi b'idini ntibigeze batekereza ko gutanga Yesu bamushyikiriza abatizera, bo nk'igihugu, byari ukwikuraho Messiya bamwihera abanyamahanga.

Pilato yazindutse kare mu gitondo, sa kumi n'ebyiri. Nubwo byari bimunejeje guhura n'Abayahudi. Kuri Pilato, guhura n'Abayahudi ni ibintu atishimiraga na gato, yangaga Abayahudi, nabo bakamwanga.

Pilato asohoka kureba abayobozi b'Abayahudi bazanye uwo uregwa arababaza ati: "Muramurega iki?" Mu guhunga icyo kibazo, barasubiza ngo: "Iyo aza kuba atari umunyabyaha, ntituba tumukuzaniye".

Pilato nawe mu guhangana nabo niko kubabwira ati: "Naho rero nimumujyane mumucire urubanza mukurikije amategeko yanyu". Baramusubiza bati: "Amategeko ntatwemerera gukatira umuntu urwo gupfa".

Ubundi Abayahudi bicishaga abantu amabuye, nyamara yari yarahanuye ko azabambwa (Luke 24:6-8). Nirwo rupfu yagombaga gupfa kuko ari cyo kiguzi cy'ibyaha byacu.Pilato asaba abasirikare be kumuzanira iyo mfungwa. Yesu amugeze imbere, Pilato arabaza ati: "Uri umwami w'Abayuda?" (Yohana 18:33). Pilato wari uzi ukuntu Abayuda bahora bifuza kwigobotora ingoma y'Abaroma, ibyo byamuteye ubwoba.

Yesu yemeza icyo bamushinjaga, ariko muburyo byagaragaye ko arengana. Bishoboka gute? Kuko ubwami bwe si ubwo ku isi. Iyo buza kuba ubwami bwa hano ku isi, abagaragu be bajyaga kumurwanirira. Ubwami bwa Kristo ni ubwami bw'Umwuka bukorera mu mitima y'abantu, Ubwami buzagira ababuturamo bavuye impande zose z'isi. Nibyo koko Yesu yari Umwami w'Abami, n'umutware w'Abatware.

Pilato yaje kumva neza ko Abayahudi bashatse gutanga Yesu atari uko yakoze ikintu kibi, ahubwo bamutanze kubera ishyari (Mariko 15:10). Agerageza uko ashoboye kumubohora. Luka 23:20 avuga ko yashakaga rwose kumubohora. Yohana 19:12 avuga ko yashakaga kumurekura. Mu byakozwe n'Intumwa 3:13, byanditswe ngo yari yiyemeje kumurekura.

Pilato abwira Abayahudi kuba aribo bamucira urubanza. Binaniranye, amwohereza kwa Herode. Igihe Herode yamumugaruriraga, Pilato noneho yabasabye ko yababohorera umujura akaba n'umwicanyi Baraba, mu cyimbo cya Yesu, ariko nabyo biranga.

Pilato yari afite ubushobozi bwo kurekura Yesu, ariko ikiguzi cyo kumurekura cyari kirenze ubushobozi bwe. Abayahudi bamubwiye neza ko natabamba Yesu, bari kumurega i Roma.

Pilato rero wari usanzwe afitanye utubazo n'ubuyobozi bukuru bwa Roma, yahise abona ko bamureze byamugiraho ingaruka yo kwirukanwa mu kazi. Biba bibaye ikibazo noneho cyo guhitamo Yesu cyangwa we. Umwe muri bombi yagombaga kubura ubuzima. Pilato amaze kubitekerezaho asanga atariwe ukwiriye kugerwaho n'izo ngaruka, nuko atanga itegeko ryo kubamba Yesu.

# 18

# YESU CYANGWA BARABA

Iburanishwa rya Yesu ntiryakozwe mu kuri. Abacamanza ninabo bari abashinja-cyaha, ntabatanga-buhamya bemerewe gushinjura Yesu. Urubanza aho Yesu yakatiwe urwo kwicwa rwakozwe mu ijoro, ikintu kitari cyemewe mu mategeko. Ubusanzwe mu rubanza aho Pilato yabaga ari umucamanza, uregwa yabaga yemerewe guhangana n'umurega, ariko kuri Yesu siko byagenze.

Pilato akimara kubyuka ngo yakire abatambyi b'abayuda, umugore we yagize inzozi zamugoye cyane. Ubwo yahise yandikira umugabo we akandiko. Igihe Pilato yari yicaye kugirango ace urubanza, amutumaho ati: "Uramenye ntugire icyo ukora kuri uwo muntu, ni umwere. Uyu munsi narose byinshi kuri we byambabaje".

Ntabwo ari ibisanzwe ko umugore yohereza umugabo we mukazi indoto ze, cyane cyane iyo uwo mugabo ari umutware n'umucamanza. Izi ndoto bigaragara ko zari zitandukanye n'izindi. Uyu mugore yahaswe ni imbaraga z'izo nzozi, kugerageza kubuza umugabo we kudaciraho iteka umuzira-nenge. Imana yarimo gukoresha uburyo bwose bushoboka kumvisha Pilato ngo ye gukora ikosa rikomeye mu buzima bwe bw'akazi.

Pilato abajije Yesu ati: "Ese ntuzi ko mfite ububasha bwo kukubamba"? Yesu yaramushubije ati: "Nta bubasha na buke wari kuba umfiteho iyo utabuhabwa n'Imana", (Yohana 19:11). Iki gisubizo cya Yesu ni icy'agaciro gakomeye kibasha kutuzanira amahoro mubihe bitugoye. Imana itwitayeho cyane nk'uko yari yitaye kuri Yesu. Nta n'agasatsi na kamwe dutakaza Imana itabizi (Matayo 10:29-31). Nta kibi cyatugeraho Imana itacyemereye. Tugomba kwiga kubwira buri ngorane, buri kigeragezo, inzitizi zose, tuti: "Nta bubasha na buke wari kuba umfiteho iyo utabuhabwa n'Imana."

Icyo Pilato yakoze, ni ugushaka uburyo bwo gukwepa inshingano ze akoresheje umwe mu bagome batatu bari batawe muri yombi, bategereje kubambwa (Mariko 15:7; Luka 23:19). Umuyobozi wabo yari umugabo witwaga Baraba. Izina risobanura 'mwene se'. Byari umuco ko kumunsi mukuru wa bayahudi, Abaroma barekuraga imfungwa abantu babaga bifuza ko irekurwa. Ubu rero Pilato yari abafitiye imfungwa enye bashoboraga guhitamo imwe. Yari azi neza ko abayobozi bashakago ko Yesu abambwa, ubwo rero we yari afite ibyiringiro ko rubanda nyamwinshi bajyaga gushyigikira ko Yesu arekurwa.

Arababaza ati "Murashaka ko mbarekurira umwami w'Abayuda?" Pilato yari azi ko abakuru bo mu batambyi bamugabije Yesu babitewe n'ishyari. Ariko abakuru bo mu batambyi boshya rubanda gusaba Pilato ngo abarekurire Baraba.

Pilato yongera kubabaza ati, "none se uwo mwita umwami w'Abayuda mugire nte? Bamusubiza baranguruye amajwi bati, "mubambe ku musaraba." Pilato arabasubiza ati, "Kuki? Icyaha yakoze ni ikihe?" Barushaho gusakuza

bati,“mubambe!” Pilato ashaka gushimisha rubanda, abarekurira Baraba. Ategeka ko Yesu abambwa ku musaraba bamaze kumukubita ibiboko (Mariko 15: 9-15).

Guhitamo kwakorewe aho, kwakurikije amabwiriza y'abantu, ntabwo kwakurikije ukuri n’ubutungane. Rubanda bumviye abatambyi, Pilato yumvira rubanda. Ntanumwe wumviye Imana. Natwe nuko, iyo dukandiwe mu mfurika, twumvira ubuyobozi bw'abantu aho kumvira Yesu. Uko tumeze mu mutimanama bigaragara cya gihe dushyizweho ingufu zo gukora ikintu kibi kugirango turengere amagara yacu. Guhitamo kwacu mugihe nk’icyo, bigaragaza abo turibo.

Nta handi tubasha gutahurira neza intege nke za kamere y'umuntu ndetse n'ubuhenebere bwacu nko mu magambo yavuzwe aranguruye ngo, “Oya, Si Yesu, ahubwo Baraba!”

Tekereza icyo aya magambo yerekana ku mitima yacu. Mu guhitamo kose, ni Yesu cyangwa Baraba. Mu magambo duhitamo kuvuga, duhagararira Satani cyangwa Kristo. Mu bintu dukora, ibyo tugamije, duhitamo Baraba cyangwa Kristo. Nta numwe wabyirengagiza, nta numwe uhagarara hagati nta ruhande aherereyemo. Yesu ati, “utarikumwe nanjye, arandwanya”.

Reba Baraba yigunze mu gihome ategereje kumva urugi rukingurwa ngo ajyanwe kubambwa. Murebe, aho kugirango ajyanywe kubambwa, abwirwa inkuru nziza irenze kwemera ngo, itahire, ntugipfuye! Baraba agomba kuba yaratekereje ko ayo magambo ari urwenya. Murebe abwirwa ko, Yesu w'Inazareti agiye gupfa ku musaraba mu mwanya we. Nuko arabwirwa ngo “sohoka, uri uwumudendezo!”

Aha niho ihame ry’inkuru nziza rishingiye. Wowe nanjye turi ba Baraba – abana ba data w'isi. Twaciriweho iteka ryo gupfa kubera ko twateye umugongo data wo mw’ijuru. Ariko umuziranenge yahisemo guhagarara mu mwanya wacu ngo adupfire. Azababazwa, ashinyagurirwe, yihangane kugirango tube ab’umudendezo.Yesu ajya kumusaraba yambaye ubusa kugirango tuzambikwe igishura cye cyera cyo gukiranuka. Kristo bamutamirije ikamba ry'amahwa kugirango twe tuzatamirizwe ikamba ry'icyubahiro. Umubiri we urakomeretswa, urataburwa kugirango uwacu uzahabwe icyubahiro.

Ibaze iyo Baraba yanga kwemera inkuru ko yagizwe uw'umudendezo. Iyo yinangira agahitamo gupfa. Nta cyemezo cy'ubupfapfa cyarenga icyo. Nyamra ubu bupfapfa bugaragarira ahantu hose. Ama miliyoni y'abantu kuri iy'isi banga kwemera ko Yeu yapfuye mu cyimbo cyabo. Ama miliyoni yanga umudendezo bahawe bagahitamo kujya kubambwa, kandi ibyo bikaba bifite ingaruka mbi iteka ryose. Aba ntibazizera inkuru nziza. Ntibabasha kwizera Imana ibasha kubakunda bigeze aho.

Mbese iyo Baraba agira ati, Nyuma yo guhinduka, nkaba umuturage w'inyanga-mugayo ubwo nibwo nzemera uko kubabarirwa. Abashinzwe gereza bajyaga kumusubiza bati, Sigaho ubwo busazi. Ukeneye kubanza kuba uw’umudendezo kugirango ubashe kuzaba umuntu ufite agaciro mu bantu.

Kubanza kuba umuntu mwiza kugirango uzagire umushyikirano na Yesu, ubwo ni ubutumwa bupfuye kandi butagira ukuri habe na gato. Inkuru nziza y'ukuri ni ukwacyira Kristo wizeye mu buzima bwawe kugirango ubashe kuba umuntu mwiza.

Igihe abasirikari bari bayoboye Yesu ajya kubambwa, 'bafata uwitwaga Simoni w'i Sirene...bamukorera umusaraba bamutegeka kugenda inyuma ya Yesu (Luka 23:26). Ukuboko kw'Imana kwari muri ibi, Simoni yari umunyamahanga aturuka muri Africa, yabaye uwa mbere kwikorera umusaraba akurikira Yesu. Abahungu be, Alexanderi na Rufusi bahindutse abayoboke ba Yesu, bakaba bari bazwi mu itorero ryambere (Mariko 15:21; Abanyaroma16:13). Yesu ntiyapfiriye abayahudi gusa, yapfuye kubw'ibyaha by'isi yose (1Yohana 2:2).

# 19

# YESU K'UMUSARABA

Abagizi ba nabi babiri bari barafashwe hamwe na Baraba barasohowe bajyanwa hamwe na Yesu i Gologota. Bageze ahantu hitwa i Gahanga, aho niho babambye Yesu na ba bagome babiri – umwe iburyo bwe, undi ibumoso. Yesu yasengeye abo bamubambye: "Data, ubabarire kuko bo ntibazi icyo bakora" (Luka 23:32-34).

Muri Kristo twinjiye ahera cyane (Abaheburayi 4:16). Umusaraba w'i Kaluvari niwo wahishuye ukuri kw'Imana gukomeye. Umusaraba utwereka uko Imana turamya imeze mu by'ukuri – Imana itunganye kandi yera, nyamara ikaba yiteguye kwitamba ku bwacu. Ntayindi mana yigeze yitamba kubw'abantu bayo. Ahubwo izindi mana zategekaga abantu kuzizanira ibitambo by'abantu. Imana yacu yaritambye ku bwacu kugirango duhabwe umudendezo wuzuye kuva mu gucirwaho iteka.

Umusaraba nicyo gicaniro cy'ukuri aho intama y'Imana yatambiwe kubw'ibyaha by'isi. Amaraso ye yarahaviriye kubw'ibyaha byawe kugirango ukurweho gucirwaho iteka kubw'amategeko (Yohana 3:18; Abaroma 8:1).

K'umusaraba ninaho Imana yashyiriye mu bikorwa urubanza rwe ku cyaha, nkuko byagaragajwe n'umwijima, inkuba, umutingito no gukingurwa kw'ibituro by'abera (Matayo 27:50-53). Nkuko umusaraba wa Yesu wagabanyijemo kabiri abagizi ba nabi babambanywe na Yesu, ninako ugabanya isi mo bibiri abacunguwe n'abo kurimbuka. Umunsi umwe twese tuzatonda umurongo inyuma y'umwe muri abo bagabo babambanywe na Yesu dukurikije uko twagenje Yesu. Nkabo bagabo babiri, twese dukwiriye urupfu. Ikidutandukanya ni uko bamwe turi abemeye urupfu rwa Kristo nk'urwacu, abandi nta gaciro barubonamo.

K'umusaraba, urukundo n'urwango byarahuye. Umuremyi yari yagambiriye kwitambira ibiremwa bye, ibiremwa nabyo byari bigambiriye kwica umuremyi. Ariko, amaraso ya Yesu amaze kuva kubera imisumari yatewe mu biganza, yahise asaba, "Data ubababarire kuko batazi icyo bakora".

Twari duhari twese uwo munsi. Nitwe twakoresheje inyundo, nitwe twamuteye imisumari. Ubunyacyaha bwacu nibwo bwashyize Yesu k'umusaraba. Yangwa kubera ibyaha byacu kugirango tubabarirwe.

Kaluvari, ryari irimbukiro – irimbukiro ry'umubiri n'umwuka.

Nicyo kintu cyonyine umuntu yabashije kurema, nuko Kristo arakiyegurira kugirango akirimbure burundu kubwa bose bashyira kwizera kwabo muri we. Byagombaga kuba ko Kristo ajya mu mwanya wanjye mw'irimbukiro cyangwa njyewe ubwanjye nkigirayo.

Kristo ku musaraba niyo mpamvu yonyine Imana ibasha kubabarira icyaha. Ni k'umusaraba tumenyera icyo idini y'ukuri ishingiyeho. Ishingiye ku rukundo

rurenze ukwemera, kubabarira, gukiranuka, ibyiringiro mu mwijima uremereye, n’umunezero utsinda umubabaro.

Umuntu yanditse avuga ko umusaraba wari imibereho ibonekera mu nyigisho za Yesu yatanze ari ku musozi, ngo wari ihishurwa ry'amategeko cumi 1Abakorinto13. K’umusaraba niho tubonera itunda ry'umwuka rihishije.

K’umusaraba Yesu yatwaye urubori rw'urupfu. Iyo uruyuki ruriye umuntu, ruba rwiyishe kuko ruba rutakaje igice cy'umubiri, ntirwongera kuruma. Ubwo urupfu rwariye Yesu, rwahise rwirimbura. Niyo mpanvu Pawulo yanditse ati: “Wa rupfu we urubori rwawe rurihe? Wa gituro we, intsinzi yawe irihe? (1Abakorinto 15:55). Yesu yatwaye urubori rw'urupfu kugirango tube bazima iteka ryose.

Ubutumwa bune (Matayo, Mariko, Luka, Yohana) butubwira ko imisaraba itatu yahagaritswe hafi n'umuhanda. Abantu banyuraga hafi aho, bazungurizaga Yesu umutwe. Batuka umwami wabo n'urwango rwinshi. Na magingo aya niko bimeze. Benshi mu ngendo zabo bagera aho umukiza abambye bakamushinyagurira bamutuka.

Hari bake bahagaze babona icyubahiro kihishe mu maraso, mu byuya no kuri buri kantu gatoya kabaye mu rupfu rwe, hamwe n'umukapiteni, bahamanyije ngo, “Nukuri uyu ni umwana w’Imana”. Na magingo aya: nubwo benshi bamutuka, nubwo ubukristo n'abayoboke babwo batakwigera baba ibyamamare, hazahoraho bamwe bazabasha kubona icyubahiro ahasuzuguritse.

Umwami wacu yapfuye mu gihe cya Pasika. Hari hashize ibinyejana cumi na bitanu igihugu cy'abayuda cyarahanuye itariki y’urupfu rwa Masiya. Iyo tariki yajyaga kuba kuri cumi na kane z’ukwezi kwambere, ubwo ibitambo bya buri muryango byicwaga saa cyenda z’amanywa. Muri uko kwezi, kuri uwo munsi, kuri iyo saha, Kristo, “Intama ya Pasika yacu yaradutambiwe ku musaraba” (1 Abakorinto 5:7). Nk'uko ya ntama yishwe kuri Pasika ya mbere yabohoje abana ba Isiraheli kuva mu buretwa bwa Misiri, ibashyira mu nzira igana i Kanani, ni nako urupfu rwa Yesu kuri pasika ya nyuma yatubohoje kuva mu buretwa bwa Satani maze rudushyira mu nzira ijya i Kanani yo mw’ijuru.

Ukuntu Yesu yakiriye umusaraba nta kwivovota bitwigisha ko aho tutabasha guhindura ibintu, dukwiriye kwiringira Imana kuko yo ibasha kandi mugihe cyayo guhindura ikamba ry'amahwa ikarikuramo Ikamba ry'icyubahiro.

Umwami wacu yambitswe ubusa agiye kubambwa. Nta mucyenyero yari afite. Yamanitswe mu kirere nk'uwanzwe n’isi n'ijuru, bigaragara ko nta kintu yari afite, kandi ko nta burenganzira yari afite ku kintu icyo aricyo cyose. Ibaze ukuntu nyir'ijuru n'isi yambitswe ubusa! Yiyatse ibintu byose kugirango tuzaragwe byose.

Kubambwa ntibyari urupfu–ahubwo byari uburyo bwo gupfa urubozo rudashira. Ubuzima bwose ni nko kubambwa tunyuramo (ubuzima bwa buri munsi bwuzuye ibibazo) kugeza dupfuye.

Tugomba kwiga uburyo bwo kubwifatamo duhanze amaso wa mugabo watugiriye mu mwanya. Uburyo umusaraba uteye bitubwira uburebure, ubugari, kwimbika

n'ubutambike bw'urukundo rw'Imana. Uyu musaraba uhagaze ureba mw'ijuru aho umwami wacu yaturutse, ushinze kw'isi yaje gucungura. Amaboko arambuye ni umuhamagaro ahamagara abantu bose, ndetse n'abamubambye, ngo bamugane. Abantu babasha kwanga Imana y'indakare, ihora ica imanza zo kubagirira nabi, ariko ni gute bakwanga Imana yababaye kubwabo kandi ikabapfira?

# 20

# IBINTU BIRINDWI YESU YAVUGIYE KU MUSARABA

Yesu ubwo yari abambwe ku musaraba, yahavugiye amagambo arindwi. Ayo magambo arindwi asobanura neza inshingano z'abakurikiye Yesu. Ubusanzwe amagambo ya nyuma y'umuntu wenda gupfa aba afite agaciro kadasanzwe, ese ayavuzwe na Yesu umwana w'Imana si ayikirenga? Dore ibyo yavuze:

**Irya mbere:** Ijambo ryo kubabarira abanzi be: “Data ubababarire kuko batazi icyo bakora” (Luka 23:34).

**Irya kabiri:** Ijambo ry'agakiza yabwiye umugome wisubiyeho: “Ni ukuri uyu munsi turaba turi kumwe muri Paradizo” (Luka 23 :43).

**Irya gatatu:** Iryo gufasha Nyina: “Uyu mugabo, ni umwana wawe.” Nyuma abwira Yohana ati, “Ubu uyu ni mama wawe” (Yohana 19:26-27).

**Irya kane:** Ijambo ry'akababaro yabwiye Imana: Mana yanjye, Mana yanjye, n’iki gitumye untererana” (Matayo 27:46).

**Irya gatanu:** Ijambo ry’akababaro yabwiye abamushungeraga, “Mfite inyota” (Yohana19:28).

**Irya gatandatu:** Ijambo ry'intsinzi, “Byose birarangiye” (Yohana 19:30).

**Irya karindwi:** Ijambo ryo kwiyegurira Se, “Data nishyize mu maboko yawe” (Luka 23:46).

**1.** Ijambo rya mbere Yesu yavugiye ku musaraba ni ingenzi cyane. Ni “Data”. Tubasha guhangana n'ingorane z’ubu buzima iyo tumaze kumenya ko dufita Data, ufite urukundo utwitaho. Dushobora kwihanganira hafi ibintu byose kuko haba hari ingaruka nziza kubwo kwihangana. Umwana muto yemera kunywa umuti ukarishye iyo awuhawe n'akaboko k'umubyeyi. Ariko kubaho wenyine, nta rukundo, kandi ubabara nta ntego ifatika, bica intege kandi bikakwangiza.

Amagambo ya Yesu arindwi yabwiwe inshuti n'abanzi be bari bahagaze hafi yumusaraba. Nkuko bisanzwe karindwi y'ibyanditswe, agabanyijemo mu mibumbe ya gatatu na kane, umubumbe wa mbere wita ku by'abandi bacyeneye. Icyakurikiye ibi, ni umwijima udasanzwe wugarije icyo gice umara amasaha atatu, muri iki gihe Yesu yari acecetse. Ayo masaha arangiye, nibwo Yesu yaranguruye ati: “Mana yanjye, Mana yanjye, ni iki gitumye untererana?” (Matayo 27:46). Uhereye aho, amagambo ya Yesu atatu arakurikirana rimwe kurindi mu buryo bwihuta.

Abasirikari b'Abaroma n'abahisi bihitiraga, bari bategereje kumva amagambo y'umujinya, uburakari n'ibitutsi byaturuka kuri abo bagabo babambwe. Umwanditsi w'Umunyeroma Seneca yanditse avuga ko, ubusanzwe abantu babaga babambwe bavumaga umunsi bavutseho, bagahemura ba nyina babo, abababambaga, ndetse bakanacira amacandwe abantu babaga bahagaze hafi aho. Kenshi rero, mwena abo

indime zabo zarakatwaga kugirango amagambo yabo ateye isoni agabanuke. Ariko, Yesu we yasabiye imbabazi abamubambye kugirango Imana ibababarire.

Gutangira kubaho bishoboka ar'uko tumaze gufunga urugi rw'amateka yahise mu kubabarira. Ntamuntu ushobora kubaho neza atarababarirwa. Amahirwe dufite nuko bitagoranye kumenya igihe twaherewe kubabarirwa. Nkuko utabasha guha umuntu amafaranga ntayo wigeze ugira, ninako utabasha kubabarira umuntu wowe utarababarirwa. Niba utabasha kubabarira abandi, n'uko utari wababarirwa. Bivuze ko, niba utarababarirwa, ntabwo urakizwa (Matayo 6:14-15). Kubabarirwa ni iteme twese tugomba kunyuraho ngo twinjire mu bwami bw'Imana.

Imibanire yose mu buzima isaba ko habaho kubabarira. Nta bagore b'abaziranenge babaho, abagabo b’abaziranenge cyangwa abana babaziranenge ntibababaho. Ntabakozi babaho babaziranenge. Nta nshuti zibaho z’inziranenge, nta n'abaturanyi bazira inenge babaho. Kubera iyi mpanvu, kubabarira ni ngombwa mu mibarine yacu n'abandi bantu. Kubabarira ni ngombwa nko guhumeka.

**2.** Reka noneho turebe ijambo ry'agakiza (kurokorwa). Niba byarashobotse ko Yesu agabira cya gisambo kihannye ku musaraba ubugingo buhoraho – umugabo utaragiraga ikintu na kimwe yarata imbere y'Imana. Ahari ubasha guhagarika umutima wibaza niba Imana yakwemera? Ariko, ntukabure kwisubiraho ngo utegereje isaha ya nyuma, kuko ubasha gupfa itaragera.

Ikintu gitera imbaraga cyabaye kuri Yesu kumusaraba nuko umwe muri baruharwa wabambanywe nawe wari nk'abandi bose bavuga ibibi baserereza Yesu, yageze aho acecekeshwa n'uburyo yabonye Yesu yitwaye. Uburyo Yesu yakiriye umusaraba byari bitandukanye cyane n'uko we na mugenzi we bawakiriye. Ubwo nibwo yasubije amaso inyuma atekereza ku nkuru yumvise kuri Yesu, abona ko byari ukuri. Aho niho yatangiriye kwiyanga, n'ubuzima bwe yari yarabayeho. Birashoboka ko yaba yarifuje kuba yarabayeho nka Yesu wakizaga abantu aho kubica nkuko we yabigenzaga. Uyu mugabo yaje guhinduka mugenzi we watukaga Yesu aramubaza ati: “Ese ntanubwo utinya Imana?” Kubona uhawe igihano nk’icye? Twebweho biradukwiye kuko duhowe ibyo twakoze, naho uyu we nta cyaha afite (Luka 23: 40-41).

Mu magambo y'uyu mugabo wihannye, byagaragaye ko yarushije ubwenge Anna, Kayafa, urukiko rukuru, Pilato na Herode ndetse n'urukiko rw’ikirenga, yavuguruje byose bamuhamije. Hanyuma y'ibyo, yarahindukiye yerekera Yesu amusaba ati: “Yesu, uzanyibuke nugera mu bwami bwawe!”

Nimurebe itandukaniro hagati y'umugabo wihannye na mugenzi we winangiye”. Ntiyasabye ubuzima bwo muri iyi isi. Ntiyasabye ngo akurwe ku musaraba. Ubu bwari ubwa mbere mu buzima bwe amenya gutandukanya iby'ibanze, ibya mbere (priorité).

Kubera iki Abayuda bishe Yesu? Nuko bo bishakiraga Mesiya wabashaga kubagezaho ubwami bwo kw'isi. Ariko icyo Yesu yabahaye, ni Imana! Ntituri

abapfapfa nkabo nibyifuzo byacu? Dushaka ibintu by'isi tubyigaraguramo, bikatugaragura kugeza ubwo bidukanda bikadusohoramo Imana.

Umugome wihannye ni akabarore ku gakiza kuri twese. Yarokowe no kwizera yashyize muri Yesu ari nta mirimo (Efeso 2:8-9). Reba ukuntu Yesu yihuse kumusubiza: “Ngusezeraniye ko uyu munsi turaba turi kumwe muri Paradizo.” Uwo munsi uwo mugome yashyize kwizera kwe muri Yesu, yahise yandikwa nk'umwene-gihugu cy'ubwami bwa Kristo. Kristo we ubwe yamutangarije iherezo ry'ubuzima bwe.

Mbega umugabo utangaje tubona muri uyu mugome. Ariko iruhande rwe hari umugabo utangaje kurushaho. Nubwo bwose uyu mugabo yari mu batutse Yesu, Yesu yamusezeraniye ubugingo buhoraho. Aha niho tubonera ubuntu ku rwego rw'ikirenga rubaho, mu bugari no mu byiringiro bidakuka. Ni ukuvuga ko nta n'umwe ukwiriye kwiheba, ukwo amateka yacu yaba ameze kwose, uko intege nke zacu zaba zingana kose, ndetse n'uko ububi bwacu bungana kose. Dufite umucunguzi. Niba uri umunyabyaha ruharwa, ufite umucunguzi urenze byose.

Ujye wibuka ko ibyo waba unyuramo bibabaje, Umwami Yesu yanyuze mu birenze ibyo. Umugabo wihannye yari agiye gupfa urupfu rwa mbere; Yesu wabambwe iruhande rwe we yari agiye gupfa urupfu rwa kabiri – urupfu rutabashaga kumuha ahazaza harenga igituro.

**3.** Ijambo rya gatatu ry'umwami wacu ku musaraba ryari ijambo ryo kwita ku mubyeyi we. Yaramurebye uko yari ahagaze n'akababaro kenshi k'aho nawe yari abambye. Yibutse ko cya gihe yavukaga, yaburiwe ko inkota izahinguranya umutima we. Ni ukuri, niko byagenze. Ntabwo uyu mubyeyi yabashaga gusobanukirwa ko umuhungu we yarimo gusohoza umurimo wase. Ariko nubwo byari uko, Yesu ntiyirengagije inshingano ye nk'umwana. Yasabye Yohana kwita kuri nyina nkuko bikwiriye.

**4.** Mu ijambo rya kane ku musaraba – “Mana yanjye Mana yanjye, niki gitumye untererana?” – tubonamo impanvu y’urupfu rwa Yesu. Mu byanditswe by’igihe cyose nta jambo ryuzuyemo agahinda karenze ako muri aya magambo. Igihano cy’icyaha ntabwo ari urupfu – ahubwo ni ugutandukana n’Imana by’iteka ryose. Iyo Imana, ariyo ikomokaho ubugingo, ibyiringiro, umunezero n'amahoro itereranye umuntu, ubuzima , ibyiringiro, umunezero n'amahoro byose ajyana nabyo. Ubwo ikiba gisigaye ni irimbukiro. Iyo tutari kumwe n'Imana, ntacyo tuba dusigaranye uretse umwobo wijimye w’irimbukiro.

Kristo wikoreye icyaha cy'isi, yamenye gutandukana ni Imana icyo aricyo. Imana yari ifite umugambi wo kurimbura icyaha iteka ryose, ubwo rero Yesu wikoreye icyaha cyacu yarimo kurimburwa by'iteka ryose hamwe n'icyaha. Iyo bitaba ko Yesu arimburwa ni icyaha cyacu, byajyaga kuba ko twebwe turimburwa nacyo. Nta bundi buryo buhari.

Yesu yaranzwe kugirango twebwe tuzemerwe. Imana yitandukanije kuri Yesu kugirango abe umwe natwe.Yesu yaratereranywe kugirango twebweho tuzagirwe

abo mu muryango w'Imana. Yesu yararimbuwe kugirango twebwe tube bazima iteka ryose. Icyo nicyo gitambo umwami wacu Yesu yadutambiye. Yiyambuye byose kugirango twe tuzaragwe byose.

**5.** Icyakurikiyeho ni ijambo ry'akababaro. “Ndanyotewe”. Nta kwivovotera mu kababaro no kubabazwa byaturutse mu kanwa ke. Nta jambo na rimwe yavuze yibabarira. Yavuze gusa uko byari bimeze. 'Ndanyotewe'. Umusirikari afata ipamba aryinika muri divayi isharira arimushyira ku munwa. Iyi nzoga yanyoye yashushanyaga ibyaha byacu (Matayo 26:39). Yesu yabinyoye byose azi ko mu kubikora nta gusubira inyuma kwari gusigaye.

**6.** Icyakurikiyeho, ni ijambo rya gatandatu Yesu yavuze kw'isaha ya gatandatu ku musaraba, ku munsi wa gatandatu w'icyumweru yaranguruye ijwi mu ntsinzi ikomeye agira ati, “Birarangiye!” (Yohana19:30). Mu mwimerere waryo, iri jambo ni rimwe, ariko iri jambo rimaze kwandikwaho ibitabo byinshi cyane. Ijambo rikoreshwa ku muntu urimo umwenda, risobanura ko umwenda wishyuwe wose. Iryo jambo ku mfungwa risobanura ko igihano kirangiye. Niko bimeze kuri twe: umwenda dufitiye Imana warishyuwe, ni igihano cy'urupfu cyarabaye kandi cyararangiye. Nuko rero, nta rubanza bafite abari muri Kristo Yesu (Abaroma 8:1).

Uwo mwanya Yesu yavuze iryo jambo, “Umwenda wakingirizaga ahera mu ngoro y'Imana watabutsemo kabiri uhereye hejuru ukageza hasi”, byerekana ko mu rupfu rwe, Yesu yakuyeho icyatumaga umuntu ategera Imana kugirango tubashe kwinjira imbere y'Imana ntacyo twishisha (Matayo 27:51; Abaheburayi 10:19-22). Yesu yakuwe imbere y’Imana kugirango twebwe tubashe kuhinjira tuhicare by’iteka.

**7.** Ijambo rya Yesu rya nyuma yaribwiye Se: “Data nishyize mu maboko yawe”. Nka Yobu wanze kurekura kwizera mu Mana nubwo bwose yari mu mubabaro ukomeye, Yesu nawe yishyize mu maboko ya Se nubwo bwose byagaragaye ko nta buryo bwari buhari bwo guhunga urupfu rwa burundu.

Ubwo umwami wacu yarimo kuvuga ijambo rye rya nyuma, iryo jwi rivangavanze n'imiborogo y'ibihumbi by'abana b'intama za Pasika mu ihema ry'ibonaniro ry'ingoro ku musozi hakurya. Ariko kwizera kwacu ntabwo kuri mu maraso y'intama, ahubwo ni mu maraso ya Kristo, intama ya Pasika yacu (1Abakorinto 5:7) watambwe ku bwacu.

Ubu tumaze kumenya amagambo arindwi yakomotse kumusaraba, ariko hari nandi arindwi yabwiwe Kristo ari ku musaraba. Aya magambo arindwi yabwiwe Yesu yaturutse mu bahisi banyuraga aho (Matayo 27:39-40); Umugome wabambwe ibumoso bwa Yesu (Luka 23:39); Umugome wabambwe iburyo bwa Yesu (Luka 23:40-42); Abatambyi bakuru, abigisha b'amategeko n’abakuru b'imiryango ya Israyeli (Matyo 27:41-43) Abantu muri bamwe bari hafi y’umusaraba (Mariko 15:35); Abasirikari (Luka23:36-37) n'umukapiteni (Mariko 15:39). Tubona ko amagambo abiri muri aya arindwi yerekana ko igiti gishya cy'ubugingo cyari cyatangiye kwera imbuto : Umugome wihannye n'umukapiteni – abagabo babiri bari bahabanye

bashushanya abantu bakijijwe bari bahabanye. Ariko muri abo abenshi barebye Yesu, umusaraba bawupfushije ubusa. Ni nako biri mu minsi ya none.

Umwanditsi umwe yaranditse ati: Yesu yatangiye umurimo we ashonje, nyamara niwe mutsima w'ubugingo. Yesu yashoje umurimo we anyotewe, nyamara niwe soko y'ubugingo. Yesu, yari ananiwe, nyamara niwe buruhukiro bwacu. Yesu yishyuye umusoro, nyamana niwe Mwami. Yesu yavuzwe ko afite dayimoni, nyamara yirukanaga abadayimoni. Yesu yararize, ariko niwe uduhanaguraho amarira. Yesu yagurishijwe ibice by'ifeza mirongo itatu, ariko yacunguye isi. Yesu yajyanywe nk'intama yo kubagwa, ariko niwe mwungeri mwiza. Yesu yarapfuye nyamara ku bw'urupfu rwe, yarimbuye imbaraga z'urupfu. Izina rye rishyirwe hejuru.

# 21

# ABANTU BARI BAZENGURUTSE UMUSARABA

Reka dutangirire ku bagabo babiri babambanywe na Yesu. Bombi bari abantu b'abagizi ba nabi bakoreshaga iterabwoba. Yesu wabambwe hagati y'aba bagabo babiri, nta cyaha yari afite muri we, ahubwo yari agifite kuri we. Umugabo wari iburyo bwa Yesu yari umugabo wari afite icyaha muri we ariko nta cyaha yari afite kuri we kuberako yari amaze kubabarirwa. Wa mugabo wari ibumoso bwa Yesu, we yari afite icyaha muri we no kuri we. Kuberako atasabye kubabarirwa, yagumanye urubanza n'igihano.

Ibi rero bitubwira iki umunsi wa none? Tekereza kuri wa mugabo wakijijwe. Niwe wabaye inshuti magara ya Yesu iheruka. Uyu mugabo yagize ubutwari bwo kwemera ko ari ruharwa. Ndetse yanahinduye ibyo abatambyi bakuru baregaga banashinja

Yesu avuga ati: "Uyu Mugabo nta cyaha afite". Uyu munyabyaha wisubiyeho (wihannye) ahagarariye abanyabyaha bose bisubiraho (bihana). Turacyafite icyaha muritwe (nubwo bwose tucyanga), ariko ubu ntabwo icyaha kiri kuritwe kubera ko twagihaye Yesu wagizwe icyaha kubwacu (2Abakolinto 5:21). Twamaze kubabarirwa, umutima uturega wakuweho.

Noneho reba wa mugome wanze kwegurira Yesu ibyaha bye. Yari hafi cyane yaYesu nka wa mugabo tumaze kubona, ariko ntiyabashije kwemera icyaha mu mutima we; inarijye yari afite ntiyamukundiye kwemera ko yari umurwayi mu by'umwuka. Abo gusa bemera ko barwaye nibo babasha kujya kwa muganga; abo gusa bemera ko ari abanyabyaha nibo bajya gushaka umucunguzi.

Ese agakiza karagoye cyangwa karoroshye? Ntabwo bikomeye gusa, ntibishoboka cyeretse ushaka guhinduka umuntu mwiza kurusha uko uri. Hari umubare munini cyane mu mpande zombi abanya-dini cyane na babandi batabibamo cyane biyizera kurusha uko bizera Yesu. Nkuko byagendecyeye igisambo cyabambwe ibumoso bwa Yesu, naba nabo bazarimbukira mu byaha byabo.

Ubu reba abasirikare bari bazengurutse umusaraba. Matayo 27:35 aravuga ati: "Nuko bamubamba kumusaraba, bigabanya imyambaro ye bakoresheje ubufindo. Birangiye bicara aho barawurinda". Nimurebe aba bagabo bicaye, bafinda no kumurinda. Bamuhanze amaso ariko ntibabashije kubona uwo muntu barindaga. Injangwe ibasha kureba umwami, ariko ntibasha kubona umwami. Ninako byabaye, aba basirikari babonye Yesu nkaho ari undi mugome warimo guhabwa ibikwiranye n'ibikorwa bye.

Abasirikare babambye Yesu bahagarariye inyoko-muntu. Yesu ntiyapfuye azira ibyaha bye; nta nakimwe yagiraga, yazize ibyaha by'isi. Ariko iyi si itagira icyo

yitaho, nka ba basirikare ntibona umwana w'Imana ku musaraba azira ibyaha byabo. Kubera ko ari impumyi mu buryo bw'umwuka bibonera umuntu ugayitse amanitswe ku musaraba. Mbega gupfusha ubusa! Yesu yapfuye kugirango adukure mu bubata bw'icyaha, ariko bikundira icyaha kurusha uko bakunda Yesu.

Umwe mu bari bazengurutse umusaraba ni umukapiteni. Yari ahari kubera ko ari we wari ushinzwe umutwe w'ababambyi. Yitegereje uwo Yesu yariwe, atega amatwi ijambo ryose yavuze. Amasaha atatu y'umwijima utari usanzwe, umutingito wanyeganyeje ubutaka n'imbaraga nyinshi igihe Yesu yahumekaga umwuka wa nyuma, byeretse umukapiteni ko Yesu atari umuntu usanzwe. Umukapiteni w'abasirikare bari aho abonye ibibaye asingiza Imana avuga ati, "Muby'ukuri, uyu muntu yari Umwere" (Luka 23:47). Uyu mugabo wari ushinzwe kwica Yesu yatuye kwizera kwe m'Umucunguzi. Mbega inkuru nziza itangaje; ibasha guhindura imitima y'ababambye Yesu; ibasha guhindura abanzi ikabagira inshuti.

Abatambyi bakuru, abigisha b'amategeko, n'abakuru b'imiryango nabo bari aho hafi y'umusaraba. Baramushinyagurira bamuseka bati: "Yakijije abandi none ananiwe kwikiza" (Matayo 27-42). Aya magambo bavuze yari ukuri. Iyo Yesu aza kwikiza, ntiyajyaga gukiza abandi. Yagombaga gupfira ibyaha by'isi.

Aba bayobozi b'idini, nkuko n'abanone bameze, bashyira kwizera kwabo mu mihango no mu miryango igenga amatorero aho gushyira kwizera kwabo muri Yesu. Bavuze baranguruye kugira ngo abantu bose bumve, "Umva ko ari Umwami w' Abisiraheli, ngaho ni amanuke ku musaraba nibwo tumwemera. Yiringiye Imana avuga ngo Ndi umwana wayo, none reka turebe ko imurokora umva ko imukunda" (Matayo 27:42-43). Muby'ukuri, ibyo bavugaga bizeza ko nimurokora bazamwemera, byari ibinyoma. Yesu yarazutse, Imana yamukuye mu gituro, ariko ntibamwemeye. Ninde wifuza kuzaba mu mwanya w'izi ndyarya ku munsi w'urubanza rw'imperuka?

Abandi bari bazengurutse umusaraba ni babandi bari bamuzi, harimo n'abagore bamukurikiye guhera i Galilaya. Barahagaze babirebera kure (Luka 23:49). Imperuka ye yenda gushyika, bamwe muri abo bagore bigiye hafi ngo bamwiteho (Yohana 19:25-26). Ntibababashije gusobanukirwa n'impamvu Yesu yemeye ko aka kababaro gashenjagura kamugeraho. Byari bizwi ko yatsinze byinshi mu buzima bwe, kubera iki yiyeguriye umusaraba? Kubera iki atagaragaje ububasha bwe akikura ku musaraba?

Kenshi mu buzima twibaza ibibazo bisa nk'ibi: kubera iki Imana itagira icyo ikora? Kubera iki yemera ikibi kuganza? Hari Impamvu. Tugomba kwizera ko Imana izagira icyo ikora mu gihe cyayo. Nimara kubikora, bizagaragara ko igihe cyayo aricyo cyiza kuruta ibindi. Izere Imana, cyane cyane mu gihe urimo kunyura mu gikombe gicuze umwijima w'urupfu.

# 22

# IBYO TWAKWIGIRA K'UMUSARABA

**Itangazo k'umusaraba**

Hejuru y'umutwe wa Yesu hari hamanitswe itangazo ry'icyo yaregwaga: "Uyu ni Yesu Umwami w'Abayahudi" (Mariko 15:26). Aya magambo yanditswe mu ndimi eshatu: mu igiheburayo, ikilatini, no mu kigereki (Yohana 19:20), kugirango umuhisi wese abashe kuyasoma. Iryo tangazo, ryari nka Bibliya ntoya y'Isi yose; kandi ryavuze ukuri kuri Yesu.

Iyo Yesu atadupfira k'umusaraba, nta bwami yajyaga kuba afite kuri iy'isi. Urupfu rwe nirwo rwishyuye umwenda w'ibyaha byacu kugirango tubashe kuva mu bwami bwa Satani bwo kurimbuka maze twinjire mu bwami bwa Yesu buzira iherezo (Abakolosayi 1:13-14). Nuko rero, kubera urupfu rwe, Yesu yadukinguriye irembo ridusubiza mu bugingo tuvuye mu rupfu (Matayo 27:50- 51; Abaheburayi 10:19-22). Abantu bacunguzwe amaraso y'Umwana w'intama, nibo gusa bazahinjira (Ibyahishuwe 7:14- 15).

Uwo wenyine wajyaga kwicara ku ntebe ya cyami y'ubugingo bw'iteka ryose, yari wa wundi wabashaga kwihanganira intebe y'urupfu rw'iteka ryose – Umusaraba. Kubera ko Yesu yihanganiye umusaraba ku bwacu, ninayo mpamvu yambitswe ikamba ry'ubwami. Amaze kuzuka mu bapfuye, yabwiye intumwa ze ati: "Nahawe ubushobozi kuri byose: mu ijuru no ku isi" (Matayo 28:18; reba Abafilipi 2:9-10). Nta wundi wagira ubushobozi bungana nk'ubu. Ni ukuri, Yesu ni we Mwami w'umwizera wese.

**Ikamba ry'amahwa**

Abasirikare bambika Yesu umwitero w'umutuku wijimye, bazingazinga ikamba ry'amahwa barimutamiriza ku mutwe. Biha kumuramya bati: "Urakarama Mwami w'Abayahudi"! Bamara umwanya bamukubita urubingo mu mutwe, bakamuvundereza amacandwe, maze bagapfukama ngo bamuramye (Mariko15:16-19). Yesu yihanganiye gusuzugurwa no gukozwa isoni no gushinyaguriwa kwacu kugirango twebwe duhabwe icyubahiro n'agaciro byahoze ari ibye.

Amahwa tugorwa nayo muri ubu buzima ntabwo azahora atwibasiye by'iteka ryose kubera ko, Yesu yadukuye iteka ryose mu bitugora (ntibizahoraho iteka ryose). Ariko tumenye neza ko, tukiri muri iy'isi, tuzahora duhanganye n'amahwa. Nta kamba ritagira amahwa (Hano ku isi), nta muryango utagira ingorane, nta mutima w'umuntu utabamo gushavura. Intumwa Paulo nawe ntiyabuze guhora ababajwe nayo mahwa. Ibihe bitatu byose yasabye Nyagasani ngo imukize icyo cyago, ariko buri gihe yabisabye Nyagasani yamushubije amubwira ati: "Ubuntu bwanjye buraguhagije, kuko ububasha bwanjye bugwira ahiganje intege nke" (Abakorinto

12:7-10). Nuko rero, ihwa iryo ariryo ryose rikubuza amahoro uryihanganire wemye kubwa Yesu, wibuka ko umunsi uzaza vuba ubwo amahwa yazanwe n'icyaha muri iyi isi (Itangiriro 3:18) azakurwaho burundu bw'iteka ryose hamwe n'icyaha cyatumye amera.

**Umwijima**

Uhereye i saa sita, mu gihugu cyose hacura umwijima kugeza i saa cyenda(15h00). Ahagana mu ma saa cyenda Yesu avuga aranguruye ati: "Eli, Eli, lama sabakitani?" Ni ukuvuga ngo, "Mana yanjye, Mana yanjye ni iki gitumye untererana" (Matayo27:45-46).

Mu masaha ya saa sita, cya gihe izuba ryari ricanye cyane, umwijima w'icuraburindi wagose igihugu cyose. Ya Mana itura mu mucyo utegerwa, muri iki gihe yagiye kure ya Yesu. Aha habaye gutandukana gukomeye mu mubano w'iteka ryose hagati y'umwana na Se. Umucyo wabishije umwijima, amahoro asimburwa n'ubwoba, guhungabana gusimbura ibyiringiro, umutekano urabura, ahari ubuzima haba urupfu.

Nyuma icyo gitero cy'umwijima kimaze gutamuruka, Marayika wa Pasika yaraje akura ubuzima mu mwana w'Imana. Ni ukuri, yarambitse ubuzima bwe hasi ku bwacu kugirango tube bazima.

Higeze kuba umwijima mu gihugu cya Misiri imfura z'abanya Misiri zirapfa (Kuva10-11), nyamara icyo gihe hari umucyo mu ngo zaba Isiraheli bari batwicyiriwe n'amaraso y'umwana w'intama wa Pasika. Uyu munsi, ahari ukwizera Ntama w'Imana, hahora umucyo. Yesu amaze kuvuga arangurura ati: Mana yanjye

Mana yanjye n'iki kikundecyesheje?" Amagambo ye yari umucyo wamurikiye mu mwijima w'ibyamubayeho kuri uwo munsi. Yesu, umuziranenge, yaratereranwe kugirango twebwe, abanyabyaha ruharwa tubone kwemerwa. Urupfu rwe nirwo mucyo w'inkuru nziza wirukanira kure umwijima. Nuko rero nitudashyira abandi uyu mucyo w'inkuru nziza, tukawuhisha, hazaba kubura ibyiringiro, kubaho nkaho ntacyo ufite, ndetse n'urupfu (Matayo 5:14-16).

**Igishura Cye**

Abasirikare bamaze kubamba Yesu ku musaraba bafata imyambaro ye bayigabanyamo imigabane ine, buri wese abona uwe hasigara ikanzu ye gusa. Iyo kanzu ntiyari ifite uruteranyirizo, ahubwo yari iboshywe yose kuva hejuru kugeze hasi. Nuko baravuga bati Twe kuyicamo ibice, ahubwo reka tuyifindire turebe uwo iri buherereho. Kwari ukugira ngo Ibyanditswe bisohore bivuga ngo, "Bagabanyije imyambaro yanjye, umwenda wanjye barawufindira" (Yohana 19:23-24).

Yesu bamwambitse ubusa ku musaraba. Hari hashize imyaka mirongo itatu n'itatu We, ubwe yariyambitse ubusa cya gihe yiyamburaga icyubahiro cy'ijuru aza kuvuka hano ku isi nk'uruhinja rwambaye ubusa. Amasaha makumyabiri na ane

atarabambwa, yashushanyije ibyajyaga kumubaho ubwo yacyenyeraga akoza ibirenge by'intumwa ze.

Umwambaro wa Yesu w'imbere utaragiraga uruteranyirizo, wari umwamabaro w'ubutambyi. Uyu mwambaro watwawe n'abasirikare babambye Yesu. Rwose, ninako bimeze na magingo aya. Ni twe tumubamba, nyamara igishura cya Yesu cyo gukiranuka nitwe tukizungura. Mbega urukundo rw'Imana rutagira ikigombero! Twe ba ruharwa, iyo dushyize kwizera kwacu muri Yesu, ibyaha byacu bitwicyirizwa no gukiranuka kwe. Yesaya yanditse avuga ati: "Ndanezerwa cyane kubw'uhoraho, nsabwe n'ibyishimo ku bw'Imana yanjye. Yanyambitse umwambaro w'agakiza, yanyambitse ikanzu y'ubutungane" (Yesaya 61:10).

## Umwenda Watabutse

Umutingito nawo wizihije urupfu rwa Yesu watabuye umwenda uremereye watandukanyaga icyumba cy'ahera n'icy'ahera cyane mu ngoro y'Imana uhereye hejuru kugeza hasi (Matayo 27:51). Uwo mutingito wamenaguye n'ibituro by'abizera benshi . Aba bantu barazuwe bongera kuba bazima, Yesu amaze kuzuka, aba bagiye mu murwa wera ndetse babonwa na benshi (Matayo 27:52-53).

Urupfu rwa Yesu nirwo rwaducyinguriye inzira yo gusubira ku Mana - inzira yari yaradanangiwe guhera igihe Adamu yirukanwaga muri Edeni (Itangiriro 3:22-24). Bibiliya iravuga iti: "Noneho bavandimwe, dufite uburenganzira bwo kwinjira muri cya cyumba cy'ahera cyane ntacyo twishisha, tubicyesha amaraso ya Yesu yatumeneye. Yaduciriye inzira nshya igeza ku bugingo. Iyo nzira inyura mu mwenda ukingirije cya cyumba kizira inenge, ni ukuvuga ko inyura mu mubiri wa Yesu (Abaheburayi 10:19-20).

Umwenda wari uhagaze hagati yacu n'Imana werekanaga ibyaha byacu byatumaga tutabasha kwegera Imana, ariko Yesu amaze kujyana ibyaha byacu abyishyiraho, wa mwenda wakingirizaga cya cyumba ushushanya umubiri we. Ubwo rero cya gihe umubiri wa Yesu wataburwaga ku musaraba, wa mwenda nawo waratabutse. Urupfu rwa Yesu rwakuyeho ibyaha byacu, ubwo rero icyatwimiraga kitubuza kwegera Imana nacyo cyakuweho burundu. Urupfu rwe rwakinguye irembo ritugeza ku Mana.

Mu by'umwuka, twebwe abari barapfiriye mu byaha, twarazuwe tuba bazima ubwo Yesu yapfaga mu mwanya wacu. Azutse mu bapfuye, twinjiye mu murwa wera imbere y'Imana, Yesu n'Abamarayika (Abaheburayi 12:22-24).

## Amaraso n'Amazi

Iyo imfungwa yabashaga gucika umusirikari w'Umuroma, uwo musirikari yaricwaga (Ibyakozwe n'intumwa 27:42). Iryo ryari itegeko. Iyo babonaga ko bishoboka ko uwabambwe ashobora kuba atapfuye akaba yacika, abamubambye,

baricwaga (Ibyakozwe n'intumwa 27:42). Kugirango hataba gushidikanya kose ko Yesu yari yapfuye, umusirikare w'Umuroma yamutoboje icumu mu rubavu, havamo amaraso n'amazi (Yohana 19:34). aba basirikare bari bazobereye mubyo kwica . Bari bazi neza igikomere kitabasha gukira n'igikomere kibasha gukira. Igikomere cya Yesu ntabwo ari cya kindi cyabashaga gukira.

Amaraso ya Yesu ashushanya gutsindishirizwa (kubarwa nk'abatunganye) kwacu; ni amaraso ya Yesu atuma tubarwa nk'intungane imbere y'Imana (1 Yohana 1:7). amazi mu rundi ruhande ashushanya kwezwa kwacu bikozwe n'Umwuka wa Yesu uba muri twe akatweza atwogesha amazi y'Ijambo rye (Abefeso 5:25).

## Gutsindishirizwa

Ni umurimo ukorwa mu kanya gato cyane. Ako kanya dushyize kwizera kwacu muri Yesu tubarwa nk’intungane ku Mana (Abaroma 3:21-24, 28). Uwo mwanya duhabwa impano y'ubugingo bw’iteka ryose (Yohana 5:24). Muri uwo mwanya gukiranuka kw'Imana kutubarwaho ( 2Abakorinto 5:21). Nk'umwana wazimiye, aza kwisubiraho agaruka imuhira, nuko Imana nayo iyo tugarutse nk’abanyabyaha bisubiyeho, iratwakira mu muryango wayo ikadutwikiriza igishura cyayo cyera (Luka 15:11-24). Ntidusabwa gukorera umwanya mu muryango w'Imana, ahubwo tuwuhabwa nk'impano.

Abo bose batsindishirijwe bahawe ubutungane ijana kw'ijana (2Abakorinto 5:21). Ariko ubwo butungane ntabwo buba muri twe; buba muri Yesu. Niba dufite Yesu, dufite impano y'Imana y'ubutungane bwuzuye, nta kiguzi.

## Kwezwa

Ni umurimo Umwuka w'Imana akorera muri twe - ntabwo ari ijana kw'ijana (100%). Nta nubwo uzigera uba ijana kw'jana (100%) kugeza cya gihe tuzahabwa imibiri mishya ku muzuko (1Abakorinto 15:42-44). Impamvu ni iyi : umurimo wo kwezwa muri ubu buzima uzahora udashyikira ibisabwa kugirango umuntu ahabwe ubugingo bw'iteka ryose, nuko rero ntitwashyira kwizera kwacu mubyo tubasha kwikorera ku bwacu. Kwizera kutuzanira ubugingo bw'iteka ryose ni ukwizera gushyizwe muri Yesu no mu mpano y'ubutungane 100% duhabwa nta kiguzi.

Inkuru nziza yigisha ko kuko Kristo yagenjwe nk'umunyacyaha nyamara ari umuzira nenge, natwe nuko tugenzwa nk'intungane nyamara tutari intungane. Kuko Yesu yahaniwe ibyaha atakoze, niyo mpanvu natwe twagizwe intugane ku Mana bitewe no gutungana tutagizemo uruhare.

Nta kintu gitera umurava nko kugirwa intungane (uri ruharwa). Ngo jyewe ruharwa ntunganiye Imana kubera amaraso ya Yesu! Ibi rero bimbwira ko, amaraso ya Yesu yatwikiriye ibyaha byanjye byose – Ibyahise, ibya none, n'iby’ejo hazaza. Ninkomeza kwishingikiriza kuri Yesu mu kwizera, mfite ubugingo bw'iteka ryose.

Nubwo nasitara nkagwa, nimbyuka ngafata ukuboko k'uwo munya-galilaya, ndababarirwa kandi nkabarwa nk'utunganiye Imana bundi bushya kandi byose ni ku buntu, bihora ari nta kiguzi.

Iyo maze kwemera Yesu mu kwizera, yinjira mu buzima bwanjye anzaniye impano ye y'agakiza. Ni ukuvuga ngo, iyo mfite Yesu, mba mfite ubugingo buhoraho (1Yohana 5:11-12). Ubuzima Kristo abaho muri jye igihe maze kwakira agakiza yampaye bwitwa: Kwezwa (sanctification) Abafilipi 2:13. Nyamara nubwo bimeze bityo, nakijijwe gusa n'icyo Yesu yakoze ku musaraba imyaka ibihumbi bibiri ishize, ntabwo nkizwa n'umurimo Yesu akorera mu buzima bwanjye uyu umunsi. Icyo yankoreye ku musaraba kiruzuye ni 100%; ariko icyo arimo gukora none mu buzima bwanjye ntikizigera kiba 100% muri ubu buzima kubera ubwandu bw'icyaha mu ngingo zacu.

# 23

# YESU ARUHUKIRA MU MVA

Umwe mu minsi ya Pasika, yubahirijwe n'abakiristo mu myaka magana atanu ya mbere ni Isabato ikomeye: umunsi Yesu yaruhukiye mu mva. Uyu munsi wizihije ibindi byose Yesu yadutsindiye ku musaraba. Umwanditsi w'Abaheburayo yaranditse ati "twebwe abizeye twinjira mu kiruhuko" (Abaheburayo 4:3).

Abayuda babohowe kuva mu buretwa bwa Misiri bizeye ko bazinjira mu kiruhuko bageze mu gihugu cy'isezerano. Ariko Kanani ntiyabahaye ikiruko kidashira bahoze biringiye kuzabona. Ikiruhuko bari barasezeranijwe cyari kitaraza. Koko kandi iyo Yosuwa aza kubageza aho baruhukira (Yosuwa 23:1), Imana ntiyari kuzashyiraho undi munsi. Nuko rero haracyariho isabato ari cyo kiruhuko kigenewe abantu b'Imana, kuko uwinjiye aho kuruhukira Imana yagennye aba aruhutse imirimo ye, nk'uko Imana yaruhutse iyayo (Abaheburayi 4:8-10).

Ikiruhuko nyakuri rero kidukura mu byago bikomeye twagize kibonekera muri Yesu gusa. Iyo twemeye ko Yesu yapfuye ku musaraba kubw'ibyaha byacu byose, umutwaro uremereye w'umutima udushinja witura hasi ukabirinduka umanuka wihuta ku musozi ugana mu mva ya Yesu ugatabwa iteka ryose. Ubwo nibwo tubona kuruhuka nyakuri.

Umwami wacu amaze kurema isi, "Yaravuze ati: Ni byiza, birarangiye", Aruhuka ku munsi w'Isabato" (Itangiriro 2:1-3). Adamu na Eva nabo baruhukanye n'Imana. Nta kintu na kimwe Adamu na Eva babashaga gukora mu kongera agaciro ibyari bimaze kuremwa, nta karusho cyangwa inyongera yabo ku byakozwe n'Imana. Icyo babashaga gukora gusa ni uguhimbaza Imana kubw'imirimo yayo myiza, no kuruhuka.

Yesu amaze kurangiza umurimo wo kuducungura, yaravuze ati: "Ni byiza, Birarangiye", maze aruhuka kw'Isabato (Luka 23:50- 56). Nuko rero abacunguwe bose binjira mu kiruhuko hamwe nawe. Nta kintu na kimwe twakora nk'inyongera ku gucungurwa Yesu yakoze. Icyo twakora ni uguhimbaza Imana kubwo kuducungura no kwinjira muri icyo kiruhuko tukanezezererwamo.

Nuko rero bana b'Imana, nkuko Isabato wari umunsi w'ikiruhuko nta gukora, ni nako twebwe abashyize kwizera kwacu muri Yesu, ubu turuhukiye mu murimo we yarangije gukora tutaranabaho. Nta kintu na kimwe dushobora gukora kugirango twigeze ku gakiza; dore Yesu yamaze kubidukorera. Icyo twakora cyonyine ni ukuruhukira mubyo yamaze gukora ku bwacu. Uku niko kuruhuka nyakuri. Niyo mpamvu twizihiza icyi kiruhuko buri wa karindwi w'icyumweru dushyira k'uruhande imirimo n'imihate yacu tugasabana n'Imana by'umwihariko.

# 24

# IMVA YA YESU IRIMO UBUSA

Isi yose ni imva yuzuyemo ibihumbi by'amamiliyoni y'abantu. Isi ni irimbi ryagutse rikwiragiye hose aho dukorera ubucuruzi, tukahazererera by'igihe kigufi, nyuma yaho tukaryamishwa iruhande rw'abapfuye. Ubuzima ni urugendo rugana ku cyiriyo cyacu. Umuntu yabashije gutsinda ibintu byinshi rwose ariko muri ibyo byose, urupfu ntirurimo – ntirujya rutsindwa n'umuntu.

Habayeho abanyamadini b'ibihangange kw'isi, ariko bose bamanikiye urupfu amaboko yabo. Umwe wenyine niwe wabashije kuzuka mu bapfuye, uwo ni Yesu Kristo. Ubwo Umwami wacu yazukaga, yabirinduye ameza ku cyaha n'urupfu. Indirimbo yabacunguwe ubu ni, "Yewe wa rupfu we, ubu urubori rwawe rurihe? Wamva we, intsinzi yawe irihe?"

Intumwa Paulo yaranditse ati: "Ubutumwa bw'ingenzi nabanje kubagezaho ni ubu: Kristo yapfuye azize ibyaha byacu nk'uko ibyanditswe bivuga. Yarahambwe maze ku munsi wa gatatu arazuka nk'uko byari byaranditswe. Abonekera Petero n'izindi ntumwa ze cumi n'ebyiri. Nyuma abonekera icyarimwe abavandimwe basaga magana atanu, bamwe barapfuye ariko abandi nan'ubu baracyariho. Hanyuma abonekera Yakobo, abonekera n'Intumwe ze zose. Nuko nyuma y'abo nanjye arambonekera" (1 abakorinto 15:3-8).

Igihe Paulo yandikiraga urwandiko itorero ry'i Korinto, hari hashize imyaka hafi makumyabiri nyuma yo gupfa no kuzuka kwa Yesu. Icyo gihe hari hakiri abantu benshi bari barabonye Kristo wazutse. Nta wundi muntu wigeze kubaho wavugwagaho ibyo amaze gupfa. Nubwo aya mateka ya Yesu yasomwa n'umuntu ufashe icupa ry'urwagwa mu kuboko kumwe mu kundi afashe inkono y'itabi, ntiyabura gukorwa ku mutima n'iyo nkuru ya Yesu.

Urupfu rwaratsinzwe! Yesu wazutse mu bapfuye ku munsi wa gatatu, arabwira abamukurikiye ati, "Kuko ndi muzima, namwe muzaba bazima (Yohana 14:19)". Yaravuze ati: "Nijye Muzima; Nari narapfuye, ariko nimurebe Ndi muzima iteka n'iteka ryose! Kandi mfite urufunguzo rw'urupfu n'irimbukiro" (Ibyahishuwe 1:18). Kristo nagaruka mu bicu by'ijuru, azakingura ibituro by'abamwizeye bose bahabwe umudendezo w'iteka ryose (1Abatesaloniki 4:16-18).

Mu byanditswe byose tugenda duhabwa amashusho yo kuzuka kwa Yesu. Mu Itangiriro 22 hari inkuru ya Isaka wamaze iminsi itatu yarakatiwe urwo gupfa, aza gutabarwa n'Imana yari agiye gupfa, uyu wari nk'umuzuko (Abahabulayi 11:19). Mu itangiriro hari indi nkuru ya Yozefu, nkuko byagendekeye Yesu, nawe yarabeshyewe maze akatirwa urwo gupfa hamwe n'abandi babiri, umwe yarakize undi arazimira. Yozefu mu buryo budasanzwe yaje gukurwa mu buvumo nk'uzutse yicazwa ku ntebe hafi n'umwami wa Misiri. Ahereye aho, yagejeje kuri bene wabo agakiza.

Yona nawe yanyuze muri iyo shusho yo kuzuka. Yagizwe igitambo cyahongeye uburakari bw'Imana, nyuma y'iminsi itatu yongeye gusubira mu buzima. Daniel nawe yanyuze muri iyo nzira. Kubera ishyari ry'abanyababuroni, yajugunywe mu rwobo rw'Intare zishonje akingiranirwamo (Daniel 6). Ariko urwobo rwaracyinguwe avamo ari muzima.

Igituro Yesu yaryamishijwemo cyaradanangiwe ndetse bahashyira abarinzi nk'uko irembo rya Edeni ryaganishaga ku kuva mu rupfu rigana mu bugingo ryari ryaradanangiwe. (Matayo 27:62-66). Ariko ku munsi wa gatatu "Habaye umutingito w'isi ukomeye, umumarayika w'Imana amanuka mu ijuru, araza yigizayo rya buye aryicaraho. Abarinzi bamurabutswe bagira ubwoba bwinshi, bahinda umushyitsi bamera nk'abapfuye" (Matayo 28:2-4).

Mu rupfu rwe no kuzuka, Yesu yafunguye irembo rituganisha ku Mana no ku bugingo. Niyo mpanvu – amaze kuzuka mu bapfuye – abantu bazuwe kubera urupfu rwe bagiye mu murwa wera (Matayo 27:53). Urupfu no kuzuka kwa Kristo nibyo gusa biduha gakondo yacu n'Imana iteka ryose.

Umurwa wa Roma wubatse hejuru y'ubuvumo butangaje. Munsi ya Roma, hari ubuvumo (catacombs) bacukuye nk'amayira bugera mu birometero 1000, metero 15 munsi y'ubutaka. Babucukuye bashaka amatafari manini yo kubaka umurwa wa Roma. Ni muri ubwo buvumo abakiristo bahambaga ababo. Abaroma bo batwikaga abapfuye, ariko abakristu bahisemo guhamba nk'ikimenyetso cyo kwizera kwabo ko hari umuzuko ku munsi w'imperuka. Buri rimbi mu marimbi 42 munsi y'ubutaka bwa Roma, habagamo urusengero aho metero 62 zarangiriraga, aho rero niho abakiristo baziraga akarengane bahuriraga mw'ibanga bagahimbaza Imana mu ndirimbo. Iyo amateraniro yabaga ageze ku musozo, abo bakiristo bajyaga barangurura ijwi bati, "Yarazutse".

# 25

# YESU I GALILAYA

Yesu amaze kuzuka, yabonanye n'intumwa ze mu cyumba I Yerusalemu, abaha umurimo wo kwamamaza inkuru nziza. Byari bikwiriye ko izi ntumwa zibanza gusobanukirwa iyi nkuru nziza zitarayishyira abandi. Ubwo rero abonana nabo, yatangiye avuga ati: “Nimugire amahoro”. Amaze kuvuga atyo abereka ibiganza bye no mu rubavu rwe (Yohana 20:20).

Amahoro yacu ya mbere aboneka iyo turabutswe inkovu za Yesu no gusobanukirwa ko yabambwe akanicwa kubw'ibyaha byacu. Tukiri abanyabyaha, Kristo yaradupfiriye (Abaroma5:8). Amahoro aza kuri abo bose bazi ko Yesu yabishyuriye igihano cy'ibyaha byose (ibyahise, ibya none n'iby’ahazaza). Mwene abo, bafite amahoro mu mutima kuko ntibakiri munsi yo gucirwaho iteka kw' Imana kubw’ibyaha byabo.

Nuko rero Yesu yakomeje abwira intumwa ze ati: “Nimugire amahoro”! Uko data yantumye, nanjye ndabatuma (Yohana 20:21). Amahoro ya mbere Yesu aguha arimbitse cyane. Amahoro ya kabiri akujyana ahimbitse cyane, kubera ko ntibyoroshye kunezerwa mu mahoro ya mbere yo kurokorwa, inshuti n'abavandimwe bawe batabifite. Amahoro ya mbere ni agakiza kawe, amahoro ya kabiri aboneka iyo wowe ushyiriye abandi ako gakiza waherewe ubuntu. Hano rero, Yesu aragutuma gushyira abandi iyi nkuru nziza y’agakiza.

Ariko ubasha kuvuga uti: “Nta bushobozi mfite bwo gusangira n'abandi iyi nkuru nziza. Uti sinamenya ibyo kuvuga”. Yesu ibyo arabizi, niyo mpamvu aguha imbaraga mva-juru kubw’uwo murimo. Aguhumekeraho ati, “Nimwakire umwuka wera” (Yohana20:22). Saba Imana kugirango wuzuzwe Umwuka wera w’Imana akubashishe kugeza ku bandi ako gakiza. Iyo uzanye abantu kuri Yesu, amahoro y’ikirenga n'umunezero birakuzura bigasaga.

Yesu yakomeje avuga ati: “Abo muzababarira ibyaha bose bazaba babibabariwe, kandi abo mutazabibabarira bazaba batababariwe” (Yohana 20:23). Muri ayo magambo, Yesu aratubwira ngo, nitugeza ku bandi iyi nkuru nziza y’urupfu rwe rwo ku musaraba azira ibyaha byacu, bakabyemera bazababarirwa.

Ariko nitudashyira inshuti n’abavandimwe iyi nkuru nziza yo kubabarira kw’Imana, babasha kutazayumva iturutse ku wundi muntu, bivuga ko batabona kubabarirwa. Aba bantu bazaba bazize wowe. Nuko rero gendera mu mbaraga z'Uwiteka Nyiringabo aguha uzane abantu mu bushyo bwe.

Nyuma y'ibi, Yesu yakomeje kuba kw’isi hamwe n'intumwa ze kumara ibyumweru bitandatu amaze kuzuka. Igihe kirekire cy’ibyo byumweru bitandatu yabaye i Galilaya, ari naho yabaye kenshi yita ku bantu. Yesu yagumye kw'isi amaze kuzuka kugira ngo ashimangire iby'izuka rye neza. Icya mbere amaze kuzuka tubona ko yari akeneye kubonana n'intumwa ze cumi n'imwe kugirango asane umubano

wabo nawe wari wahungabanishijwe n'umusaraba. Petero, intumwa Yesu yari yarahisemo kuzafata iya mbere mu bandi mu kwamamaza ubutumwa, yari yatsinzwe bigayitse cyane. Gatatu kose, yahakanye arahira ko atigeze amenya Yesu. Petero, mu marira menshi n’akababaro yasohotse yicuza.

Nuko rero, bagitegereje Yesu i Galilaya, Petero hamwe na Yohana, Yakobo, Tomasi, Natanaheli n'abandi babiri babaye bagiye kuroba amafi ijoro ryose ariko baroba ubusa (Yohana21). Mugitondo cya kare, bumva ijwi ry'uhamagara ku nkengero y'ikiyaga, abaza niba bari bafite byibuze ifi imwe. Bati, “Oya, nta n'imwe”, niko bamusubije. Arabasubiza ati: “Nimunage urushundura iburyo bw’ubwato murahakura amafi”. Abo barobyi barebana batangara, ariko banaga incundura iburyo bw'ubwato. Kubikora ntacyo babaga bahombye dore ko bari baraye ijoro ryose bahiga amafi babura n’imwe. Batangajwe n'ukuntu batashoboraga kuzamura izo ncundura kubera amafi menshi!

Yohana yerekeje amaso ku nkengero, abwira Petero ati: “Ni Nyiringabo!” Petero akimara kumva ibyo yasimbukiye mu mazi yoga agana ku nkengero. Nubwo bwose yari yarahemukiye umucunguzi, yari yaramaze kumenya ko Yesu atamurakarira. Akimara kugera ku nkengero, Yesu yamwakirije ifunguro; barasangira.

Petero amaze gufungura, amaze gushira impumpu, Yesu yamubajije inshuro eshatu niba yari akimukunda. Petero yari yarihakanye Yesu inshuro eshatu; uyu ni umwanya wo kugira ngo agarurwe mu mubano we na Yesu abyemeza inshuro zingana nizo yamwihakanye. Inshuro ya mbere yemeza urukundo rwe, Yesu yamuhaye inshingano yo kugaburira abana b'intama ze, ubwa kabiri, yahawe inshingano yo kwita ku ntama ze, ubwa gatatu yabwiwe kugaburira intama ze. Petero nubwo yari yaratumwe, yongeye gutumwa bundi bushya.

Intumwa zimaze kugeza incundura zuzuye amafi i musozi, babaze amafi basanga yose ari 153. Mur'icyo gihe, hari ubwoko bw’amafi bwari buzwi 153 kw'isi, uwo musaruro rero kuva mu nyanja y'i Galilaya ushushanya abantu b'amoko menshi anyuranye bari mw'isi itorero ryajyaga gufata mu rucundura ry’ubwami bwaryo (Matayo 13:47).

Hari igihe mu buzima ubwo uzaza ukagera ku nkengero ntacyo ufite wakwerekana giturutse mu butwarane bwo gukora cyane, nyamara aho, uzahasanga umunyamahanga ugutegereje. Uwo muntu azakubwira icyo ukwiriye gukora, kandi numwumvira ugakurikiza amabwiriza ye, uzabona intsinzi itangaje. Ubwo nibwo uzasobanukirwa ko uwo munyamahanga wumvise avuga ari Yesu. Azagutumira musangire ifunguro. Azi neza ko umaze igihe ukora cyane, uranarushye kandi urakonje. Numara kuruhuka no gufungura, azaguhishurira ko ashaka ko umukurikira. Ntabwo gahunda ye ku bandi bantu ikureba; intego yawe imwe gusa ni ukumukurikira. Ibanga ry'ubuzima bwuzuye hamwe n'intsinzi, ni ugukurikira Yesu. Kumukurikira bishobora kuguhombya no kukwaka byinshi - nkuko byagendekeye Petero (Yohana 21:18-19; 2Petero 1:13-15) – ariko ikiguzi uzatanga ni gito cyane ukigereranije n’ubugingo bw’iteka ryose atanga.

# Yesu wenyine

*"Bubuye Amaso Ntibagira Undi Babona, Keretse Yesu Wenyine" Matayo. 17:8*

Iki gitabo gishingiye kuri Kristo, ku musaraba we, no ku butumwa bwiza yatanze. Kibanda ku gusohozwa kw'isezerano Imana yatanze mu myaka ibihumbi bitatu ishize. Imana yasezeranye ko umunsi umwe izabana natwe, ikagendana natwe, ikaba Imana yacu natwe tukaba abantu bayo. Iri sezerano ryasohorejwe muri Yesu we wahindutse Imana mu bantu. Kristo yaje kutwereka uko Imana iteye, yatwaye ibyaha byacu kuri we kandi ku musaraba yaciriwe urubanza aranabihanirwa kugirango tubohoke kw'iteka ry'urupfu bitera. Nguko uko Imana iteye. Muri Yesu honyine hari imbuto z'ubutumwa bwiza utasanga ahandi hose habaho. Imbuto zizatuma ubaho ubuzima buhimbaza Imana gusa kubw'urukundo n'ubuhanga bw'Imana bidasanzwe.

Dr Desmond Ford yanditse ibitabo byinshi ku butumwa bwiza bwa Kristo. Yashyizeho ishyirahamwe ryitwa "Ubutumwa bwiza butagira umupaka", bugenda busohora inzandiko ntoya z'ubutumwa bwiza, afite umurongo wa interineti avugiraho ubutumwa bwiza bugasohoka mu buryo bw'amashusho, ndetse ajya afasha mu materaniro menshi.



www.goodnewsunlimited.com

GNL WORD SPREADS FAST.
Good News Unlimited